<p>(2) Abanyarwanda bose, baba abagore cyangwa abagabo, bujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko bafite uburenganzira bwo gutora no gutorwa.</p> <p>(3) Itora rikorwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye kandi mu ibanga, keretse iyo biteganywa ukundi n'iri Tegeko Nshinga cyangwa andi mategeko.</p> <p>(4) Itegeko Ngenga rigenga amatora riteganya ibigomba kubahirizwa n'uburyo bukoreshwa mu matora.</p> <p><b>Ingingo ya 3: Ugusumba andi mategeko kw'Itegeko Nshinga</b></p> <p>(1) Itegeko Nshinga ni ryo Tegeko ry'Ighugu risumba ayandi.</p> <p>(2) Itegeko, icyemezo cyangwa igikorwa binyuranyije n'iri Tegeko Nshinga nta gaciro bigira.</p> <p><b>UMUTWE WA II: REPUBLIKA Y'U RWANDA</b></p>	<p>(2) All Rwandans, both women and men, fulfilling the requirements provided for by law, have the right to vote and to be elected.</p> <p>(3) Suffrage is direct or indirect, and secret, unless this Constitution or other laws provide otherwise.</p> <p>(4) An organic law governing elections determines conditions and modalities for conducting elections.</p> <p><b>Article 3: Supremacy of the Constitution</b></p> <p>(1) The Constitution is the supreme law of the country.</p> <p>(2) A law, a decision or an act contrary to this Constitution is without effect.</p> <p><b>CHAPTER II: REPUBLIC OF RWANDA</b></p>	<p>(2) Tous les Rwandais, femmes et hommes, remplissant les conditions légales, ont le droit de vote et d'éligibilité.</p> <p>(3) Le suffrage est direct ou indirect et secret sauf dans les cas où la présente Constitution ou d'autres lois en disposent autrement.</p> <p>(4) Une loi organique régissant les élections détermine les conditions et les modalités de tenue des élections.</p> <p><b>Article 3: Suprématie de la Constitution</b></p> <p>(1) La Constitution est la loi suprême du pays.</p> <p>(2) Une loi, une décision ou un acte contraire à la présente Constitution est sans effet.</p> <p><b>CHAPITRE II: RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p>
--	--	---

<b><u>Iningo ya 4: Repubulika</u></b>	<b><u>Article 4: The Republic</u></b>	<b><u>Article 4: La République</u></b>
<p>(1) Leta y'u Rwanda ni Repubulika yigenga, ifite ubusugire, ishingiye kuri demokarasi, igamije guteza imbere Abanyarwanda kandi ntishingiye ku idini.</p> <p>(2) Ihame shingiro rya Repubulika y'u Rwanda ni: "Ubutegetsi bw'Abanyarwanda, butangwa n'Abanyarwanda kandi bukorera Abanyarwanda".</p>	<p>(1) The Rwandan State is an independent, sovereign, democratic, social and secular Republic.</p> <p>(2) The founding principle of the Republic of Rwanda is: "Government of the people of Rwanda, by the people of Rwanda and for the people of Rwanda."</p>	<p>(1) L'État rwandais est une République indépendante, souveraine, démocratique, sociale et laïque.</p> <p>(2) Le principe fondateur de la République du Rwanda est : « le gouvernement du peuple rwandais, par le peuple rwandais et pour le peuple rwandais».</p>
<p><b><u>Iningo ya 5: Ighugu cy'u Rwanda n'inzego z'imitgekere</u></b></p> <p>(1) Ighugu cy'u Rwanda kigizwe n'ubusesure bw'ubutaka, ubw'inzuzi, ubw'imigezi, ubw'ibiyaga n'ubw'ikirere biri mu mbibi za Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>(2) Mu kugena ubutaka bw'u Rwanda, hitabwa ku mbibi z'u Rwanda nk'uko zigaragazwa n'amasezerano mpuzamahanga yemejwe burundi n'u Rwanda, n'amategeko y'u Rwanda.</p> <p>(3) Ighugu cy'u Rwanda kigabanyijemo inzego z'imitgekere y'Ighugu zigenwa n'Itegeko Ngenga,</p>	<p><b><u>Article 5: Territory of Rwanda and administrative entities</u></b></p> <p>(1) Rwanda's territory comprises areas covered by land, rivers, lakes and airspace located within the borders of the Republic of Rwanda.</p> <p>(2) In determining Rwanda's territory, consideration is given to Rwanda's boundaries as defined by international treaties ratified by Rwanda, and Rwandan laws.</p> <p>(3) The territory of Rwanda is divided into administrative entities determined by an organic law that</p>	<p><b><u>Article 5: Territoire du Rwanda et entités administratives</u></b></p> <p>(1) Le territoire du Rwanda comprend l'espace terrestre, fluvial, lacustre et aérien situé à l'intérieur des frontières de la République du Rwanda.</p> <p>(2) Pour la détermination du territoire rwandais, il est tenu compte des frontières définies par les traités internationaux ratifiés par le Rwanda et les lois rwandaises.</p> <p>(3) Le territoire du Rwanda est divisé en entités administratives déterminées par une loi organique qui en</p>

rikanashyiraho umubare, imbibi n'imiterere byazo.	also determines their number, boundaries and structures.	détermine également le nombre, les limites et les structures.
<b><u>Ingingo ya 6: Kwegereza ubuyobozi abaturage</u></b>	<b><u>Article 6: Decentralisation</u></b>	<b><u>Article 6: Décentralisation</u></b>
(1) Ubutegetsi bwa Leta bwegerezwa abaturage mu nzego z'ibanze hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.	(1) Public powers are decentralised to local administrative entities in accordance with legal provisions.	(1) Les pouvoirs publics sont décentralisés au profit des entités administratives locales conformément aux dispositions légales.
(2) Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'inzego z'imitgekere y'Ighugu zegerejwe abaturage.	(2) A law determines the organisation and functioning of decentralised entities.	(2) Une loi détermine l'organisation et le fonctionnement des entités décentralisées.
<b><u>Ingingo ya 7: Umurwa Mukuru</u></b>	<b><u>Article 7: Capital city</u></b>	<b><u>Article 7: Capitale</u></b>
(1) Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda ni Umujyi wa Kigali.	(1) The capital city of the Republic of Rwanda is the City of Kigali.	(1) La capitale de la République du Rwanda est la Ville de Kigali.
(2) Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'Umurwa Mukuru.	(2) A law determines the organisation and functioning of the capital city.	(2) Une loi détermine l'organisation et le fonctionnement de la capitale.
(3) Itegeko rishobora kwimurira Umurwa Mukuru ahandi mu Rwanda.	(3) A law may relocate the Capital city to any other location in Rwanda.	(3) Une loi peut transférer la capitale en tout autre lieu du territoire national.
<b><u>Ingingo ya 8: Ururimi rw'Ighugu n'indimi zemewe mu butegetsi</u></b>	<b><u>Article 8: National language and official languages</u></b>	<b><u>Article 8: Langue nationale et langues officielles</u></b>
(1) Ururimi rw'Ighugu ni Ikinyarwanda.	(1) The national language is Ikinyarwanda.	(1) La langue nationale est l'Ikinyarwanda.

<p>(2) Indimi zemewe mu butegetsi ni Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa.</p> <p>(3) Itegeko Ngenga rishobora kongera cyangwa kugabanya indimi zemewe mu butegetsi.</p> <p>(4) Inyandiko z'ubutegetsi zishobora kuba mu rurimi rumwe cyangwa izirenze rumwe mu zemewe mu butegetsi.</p>	<p>(2) The official languages are Ikinyarwanda, English and French.</p> <p>(3) An organic law may add or remove an official language.</p> <p>(4) Official documents may be in one or more of the official languages.</p>	<p>(2) Les langues officielles sont l'Ikinyarwanda, l'anglais, et le français.</p> <p>(3) Une loi organique peut ajouter ou supprimer une langue officielle.</p> <p>(4) Les documents officiels peuvent être rédigés dans une ou plusieurs des langues officielles.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9: Ibiranga Igihugu cy'u Rwanda</u></b></p> <p>(1) Ibiranga Igihugu cy'u Rwanda ni Ibendera ry'Igihugu, intego ya Repubulika, ikirango cya Repubulika n'indirimbo y'Igihugu.</p> <p>(2) Ibendera ry'Igihugu rigizwe n'amabara akurikira: uvuye hasi uzamuka habanza ibara ry'icyatsi kibisi, rikurikirwa n'ibara ry'umuhondo, kandi ayo mabara yombi yihariye icya kabiri cy'ibendera ryo. Igice cya kabiri cyo hejuru kigizwe n'ibara ry'ubururu rishushanyijwemo izuba n'imirasire yaryo y'ibara ry'umuhondo wa zahabu riri ku</p>	<p><b><u>Article 9: National symbols of Rwanda</u></b></p> <p>(1) The national symbols of Rwanda are the National Flag, the Motto of the Republic, the Seal of the Republic and the National Anthem.</p> <p>(2) The National Flag comprises the following colours: from bottom to top a green stripe, followed by a yellow stripe both of which cover half the flag. The upper half is blue and bears on its right-hand side the image of the sun with its rays of golden yellow. The sun and its rays are separated by a blue ring.</p>	<p><b><u>Article 9: Symboles nationaux du Rwanda</u></b></p> <p>(1) Les symboles nationaux du Rwanda sont le Drapeau national, la devise de la République, le Sceau de la République et l'Hymne national.</p> <p>(2) Le Drapeau national est constitué, de bas en haut, d'une bande de couleur verte, suivie d'une bande de couleur jaune qui couvrent la moitié du drapeau. La moitié supérieure est de couleur bleue portant dans sa partie droite l'image du soleil avec ses rayons de couleur jaune dorée. Le soleil et ses rayons sont séparés par un anneau bleu.</p>

<p>ruhande rw'iburyo. Iryo zuba n'imirasire yaryo bitandukanyijwe n'uruziga rw'ibara ry'ubururu.</p> <p>(3) Intego ya Repubulika ni: "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU".</p> <p>(4) Ikirango cya Repubulika kigizwe n'uruziga rw'icyatsi kibisi n'ipfundu ry'umugozi w'iryo bara upfunditse hasi, ahagana hejuru hakabamo nyandiko "REPUBLIKA Y'U RWANDA". Munsi y'ipfundu handitse amagambo agize intego ya Repubulika "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU". Izo nyandiko zose zanditse mu nyuguti z'umukara ku ibara ry'umuhondo.</p> <p>(5) Ikirango cya Repubulika kigizwe kandi n'amashusho akurikira: izuba, imirasire yaryo, ishaka n'ikawa, agaseke, uruziga rw'ubururu rufite amenyo n'ingabo ebyiri, imwe iri iburyo indi iri ibumoso.</p> <p>(6) Indirimbo y'Ighugu ni: "RWANDA NZIZA".</p>	<p>(3) The Motto of the Republic is: "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU".</p> <p>(4) The Seal of the Republic is made up of a circular green rope with a green knot at the base, bearing on its upper part, the imprints "REPUBLIKA Y'U RWANDA". At the bottom of the knot is the motto of the Republic: "UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU". All these inscriptions are in black against a yellow background.</p> <p>(5) The Seal of the Republic also bears the following ideograms: the sun with its rays, sorghum and coffee tree, a basket, a blue wheel with teeth and two shields, one on the right and the other on the left.</p> <p>(6) The National Anthem is: "RWANDA NZIZA".</p>	<p>(3) La devise de la République est: « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ».</p> <p>(4) Le Sceau de la République est formé d'une corde verte en cercle avec un nœud de même couleur vers le bas et portant, à sa partie supérieure, les mentions « REPUBLIKA Y'U RWANDA ». En bas du nœud se trouvent les mentions de la devise de la République « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ». Toutes ces mentions sont écrites en noir sur un fond jaune.</p> <p>(5) Le Sceau de la République porte également les idéogrammes suivants : le soleil avec ses rayons, le sorgho et un cafetier, un panier, une roue dentée de couleur bleue et deux boucliers, l'un à droite, l'autre à gauche.</p> <p>(6) L'Hymne national est: «RWANDA NZIZA».</p>
--	--	---

<p>(7) Amategeko yihariye asobanura ku buryo burambuye ibyerekeye ibiranga Ighugu.</p>	<p>(7) Specific laws determine details relating to national symbols.</p>	<p>(7) Des lois spécifiques déterminent les détails relatifs aux symboles nationaux.</p>
<p><b>UMUTWE WA III: AMAHAME REMEZO NO KWISHAKAMO IBISUBIZO</b></p>	<p><b>CHAPTER III: FUNDAMENTAL PRINCIPLES AND HOME-GROWN SOLUTIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE III: PRINCIPES FONDAMENTAUX ET SOLUTIONS ENDOGÈNES</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 10: Amahame remezo</u></b></p>	<p><b><u>Article 10: Fundamental principles</u></b></p>	<p><b><u>Article 10: Principes fondamentaux</u></b></p>
<p>Leta y'u Rwanda yiyemeje kugendera ku mahame remezo akurikira no gutuma yubahirizwa:</p>	<p>The State of Rwanda commits itself to upholding and ensuring respect for the following fundamental principles:</p>	<p>L'État du Rwanda s'engage à se conformer aux principes fondamentaux suivants et à les faire respecter:</p>
<p>(a) gukumira no guhana icyaha cya jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenoside no kurandura burundi ingengabitekerezzo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose;</p> <p>(b) kurandura burundi ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, ku turere cyangwa ku kindi icyo ari cyo cyose, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;</p> <p>(c) gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize;</p> <p>(d) kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezzo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose</p>	<p>(a) prevention and punishment of the crime of genocide, fight against denial and revisionism of genocide as well as eradication of genocide ideology and all its manifestations;</p> <p>(b) eradication of discrimination and divisionism based on ethnicity, region or any other ground, as well as promotion of national unity;</p> <p>(c) equitable power-sharing;</p> <p>(d) building a State governed by the rule of law, a pluralistic democratic Government, equality of all Rwandans and between women and men which is</p>	<p>(a) la prévention et répression du crime de génocide, la lutte contre le négationnisme et le révisionnisme du génocide ainsi que l'éradication de l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations;</p> <p>(b) l'éradication des discriminations et divisions fondées sur l'ethnie, la région ou tout autre motif et la promotion de l'unité nationale;</p> <p>(c) le partage équitable du pouvoir;</p> <p>(d) l'édification d'un État de droit et d'un régime démocratique pluraliste, l'égalité de tous les Rwandais et l'égalité entre les femmes et les hommes reflétée par</p>

<p>n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura 30% by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo;</p>	<p>affirmed by women occupying at least 30% of positions in decision-making organs;</p>	<p>l'attribution aux femmes d'au moins 30% des postes dans les instances de prise de décisions;</p>
<p>(e) kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo;</p>	<p>(e) building a State committed to promoting social welfare and establishing appropriate mechanisms for equal opportunity to social justice;</p>	<p>(e) l'édification d'un État œuvrant à la promotion du bien-être de la population et la création des mécanismes appropriés pour faciliter l'accès à la justice sociale;</p>
<p>(f) gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.</p>	<p>(f) constant quest for solutions through dialogue and consensus.</p>	<p>(f) la recherche constante de solutions par la voie du dialogue et du consensus.</p>
<p><b>Ingingo ya 11: Umuco nyarwanda nk'isoko yo kwishakamo ibisubizo</b></p>	<p><b>Article 11: Rwandan culture as a source of home-grown solutions</b></p>	<p><b>Article 11: Culture rwandaise comme source de solutions endogènes</b></p>
<p>(1) Mu rwego rwo kubaka Igihugu, kwimakaza umuco wacyo no kwihestha agaciro, Abanyarwanda, bashingiye ku ndangagaciro zabo, bashyiraho uburyo bwo kwishakamo ibisubizo by'ibibazo byabo.</p>	<p>(1) In order to build the nation, promote national culture and restore dignity, the people of Rwanda, based on their values, initiate mechanisms for home-grown solutions to their problems.</p>	<p>(1) En vue de l'édification de la nation, de la promotion de la culture nationale et de la restauration de la dignité, le peuple rwandais, se basant sur ses valeurs, met en place des mécanismes de solutions endogènes à ses problèmes.</p>
<p>(2) Amategeko ashobora gushyiraho uburyo butandukanye bwo kwishakamo ibisubizo.</p>	<p>(2) Laws may establish different mechanisms for home-grown solutions.</p>	<p>(2) Les lois peuvent créer différents mécanismes de solutions endogènes.</p>
<p><b>UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'UBWISANZURE BYA MUNTU</b></p>	<p><b>CHAPTER IV: HUMAN RIGHTS AND FREEDOMS</b></p>	<p><b>CHAPITRE IV: DROITS ET LIBERTÉS DE LA PERSONNE</b></p>

<b>Icyiciro cya mbere:</b> Uburenganzira n'ubwisanzure	<b>Section One: Rights and freedoms</b>	<b>Section première: Droits et libertés</b>
<b>Ingingo ya 12:</b> Uburenganzira bwo kubaho	<b>Article 12: Right to life</b>	<b>Article 12: Droit à la vie</b>
(1) Ummuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho.  (2) Ntawe ushobora kuvutswa ubuzima mu buryo bunyuranyije n'amategeko.	(1) Everyone has the right to life.  (2) No one shall be arbitrarily deprived of his or her life.	(1) Tout individu a droit à la vie.  (2) Nul ne peut être arbitrairement privé de la vie.
<b>Ingingo ya 13:</b> Ubudahungabanywa bw'umuntu	<b>Article 13: Inviolability of the human person</b>	<b>Article 13: Inviolabilité de la personne humaine</b>
(1) Ummuntu ni umunyagityiro kandi ni indahungabanywa.  (2) Leta ifite inshingano yo kumwubaha, kumurinda no kumurengera.	(1) The human person is sacred and inviolable.  (2) The State has the obligation to have respect for, protect and defend the human person.	(1) La personne humaine est sacrée et inviolable.  (2) L'État a l'obligation de respecter, de protéger et de défendre la personne humaine.
<b>Ingingo ya 14:</b> Uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe	<b>Article 14: Right to physical and mental integrity</b>	<b>Article 14: Droit à l'intégrité physique et mentale</b>
(1) Ummuntu wese afite uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe.	(1) Every person has the right to physical and mental integrity.	(1) Toute personne a droit à l'intégrité physique et mentale.

(2) Ntawe ushobora gukorerwa iyicarubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by'ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.	(2) No person shall be subjected to torture or to abuse or cruel, inhuman or degrading treatment.	(2) Nul ne peut être soumis à la torture ni à des sévices ou traitements cruels, inhumains ou dégradants.
(3) Ntawe ushobora gukorerwaho igerageza atabyiyemereye.	(3) No one shall be subjected to experimentation without his or her informed consent.	(3) Nul ne peut être soumis à une expérimentation sans son consentement éclairé.
(4) Uburyo bwo kwemera gukorerwaho igerageza n'ubw'iryo gerageza bugenwa n'amategeko.	(4) Modalities for informed consent to experimentation and for such experimentation are determined by legislation.	(4) Les modalités de consentement éclairé à l'expérimentation et celles de cette expérimentation sont déterminées par la législation.
<b><u>Iningo ya 15: Kureshya imbere y'amategeko</u></b>	<b><u>Article 15: Equality before the law</u></b>	<b><u>Article 15: Égalité devant la loi</u></b>
Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Amategeko abarengera ku buryo bumwe.	All human beings are equal before the law. They enjoy equal protection of the law.	Tous les êtres humains sont égaux devant la loi. Ils jouissent d'une égale protection de la loi.
<b><u>Iningo ya 16: Kurindwa ivangura</u></b>	<b><u>Article 16: Protection from discrimination</u></b>	<b><u>Article 16: Protection contre la discrimination</u></b>
(1) Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana.	(1) All Rwandans are born and remain equal in rights and freedoms.	(1) Tous les Rwandais naissent et demeurent égaux en droits et en libertés.
(2) Ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza byaba bishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku	(2) Any form of or propaganda for discrimination, including on the basis of ethnicity, family or descent, clan, skin	(2) Toute discrimination ou toute propagande en sa faveur, notamment celle fondée sur l'ethnie, la famille ou

<p>gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'imibereho, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, birabujijwe kandi bahanwa n'amategeko.</p>	<p>colour, sex, region, social status, religion or belief, opinion, wealth, cultural differences, language, economic status, physical or mental disability or any other form of discrimination are prohibited and punishable by law.</p>	<p>l'ascendance, le clan, la couleur de la peau, le sexe, la région, le statut social, la religion ou croyance, l'opinion, la fortune, la différence de culture, la langue, la situation économique, la déficience physique ou mentale ou sur toute autre forme de discrimination, sont prohibées et punies par la loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17: Uburenganzira bwo gushyingiranwa no kugira umuryango</u></b></p> <p>(1) Uburenganzira bwo gushyingiranwa no kugira umuryango burengerwa n'amategeko.</p> <p>(2) Ugeschyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ni ko kwemewe.</p> <p>(3) Icyakora, ugeschyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu mahanga mu buryo bwemewe n'amategeko y'Igihugu basezeraniyemo kuremewe.</p> <p>(4) Ntawe ushobora gushyingirwa atabyemeye ku bushake bwe busesuye.</p>	<p><b><u>Article 17: Right to marry and found a family</u></b></p> <p>(1) The right to marry and found a family is guaranteed by law.</p> <p>(2) A civil monogamous marriage between a man and a woman is the only recognised marital union.</p> <p>(3) However, a monogamous marriage between a man and a woman contracted outside Rwanda in accordance with the law of the country of celebration of the marriage is recognised.</p> <p>(4) No one can enter into marriage without his or her free and full consent.</p>	<p><b><u>Article 17: Droit de se marier et de fonder une famille</u></b></p> <p>(1) Le droit de se marier et de fonder une famille est garanti par la loi.</p> <p>(2) Le mariage civil monogamique entre un homme et une femme est la seule union conjugale reconnue.</p> <p>(3) Toutefois, le mariage monogamique entre un homme et une femme contractée à l'étranger conformément à la loi du pays de célébration de ce mariage est reconnu.</p> <p>(4) Nul ne peut contracter le mariage sans son libre et plein consentement.</p>

<p>(5) Abashyingiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana mu gihe cyo gushyingiranwa, igihe babana n'igihe cyo gutandukana.</p> <p>(6) Itegeko rigena ibigomba gukurikizwa, uburyo n'inkurikizi z'ubushyingiranwe.</p>	<p>(5) Spouses are entitled to equal rights and obligations at the time of marriage, during the marriage and at the time of divorce.</p> <p>(6) A law determines conditions, formalities and effects of marriage.</p>	<p>(5) Les époux ont les mêmes droits et les mêmes obligations au moment du mariage, dans le mariage et lors du divorce.</p> <p>(6) Une loi détermine les conditions, les formalités et les effets du mariage.</p>
<p><b><u>Iningo ya 18: Kurengera umuryango</u></b></p> <p>(1) Umuryango, ari wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta.</p> <p>(2) Ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo.</p> <p>(3) Leta ishyiraho amategeko n'inzezo bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure.</p>	<p><b><u>Article 18: Protection of the family</u></b></p> <p>(1) The family, being the natural foundation of the Rwandan society, is protected by the State.</p> <p>(2) Both parents have the right and responsibility to raise their children.</p> <p>(3) The State puts in place appropriate legislation and organs for the protection of the family, particularly the child and mother, in order to ensure that the family flourishes.</p>	<p><b><u>Article 18: Protection de la famille</u></b></p> <p>(1) La famille, base naturelle de la société rwandaise, est protégée par l'État.</p> <p>(2) Les deux parents ont le droit et la responsabilité d'élever leurs enfants.</p> <p>(3) L'État met en place une législation et des organes appropriés pour la protection de la famille, de l'enfant et de la mère en particulier, en vue de l'épanouissement de la famille.</p>
<p><b><u>Iningo ya 19: Uburenganzira bw'umwana bwo kurengerwa</u></b></p> <p>Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta, bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga.</p>	<p><b><u>Article 19: Child's right to protection</u></b></p> <p>Every child has the right to measures of special protection by his or her family, other Rwandans and the State, depending on his or her age and living conditions, as provided for by national and international law.</p>	<p><b><u>Article 19: Droit de l'enfant à la protection</u></b></p> <p>Tout enfant a droit, de la part de sa famille, de la société et de l'État, aux mesures de protection spéciale qu'exigent son âge et ses conditions de vie, conformément au droit national et international.</p>

<b><u>Iningo ya 20: Uburenganzira ku burezi</u></b>	<b><u>Article 20: Right to education</u></b>	<b><u>Article 20: Droit à l'éducation</u></b>
(1) Buri Munyarwanda wese afite uburenganzira ku burezi.	(1) Every Rwandan has the right to education.	(1) Tout Rwandais a droit à l'éducation.
(2) Ubwisanzure mu kwiga no kwigisha buremewe mu buryo buteganywa n'amategeko.	(2) Freedom of learning and teaching is guaranteed in accordance with the conditions determined by law.	(2) La liberté d'apprentissage et d'enseignement est garantie dans les conditions déterminées par la loi.
(3) Kwiga amashuri abanza ni itegeko kandi ni ubuntu mu mashuri ya Leta.	(3) Primary education is compulsory and free in public schools.	(3) L'enseignement primaire est obligatoire et gratuit dans les établissements scolaires publics.
(4) Ku mashuri afashwa na Leta, uburyo bwo kwigira ubuntu mu mashuri abanza buteganywa n'itegeko.	(4) Conditions for free primary education in schools subsidised by the Government are determined by a law.	(4) Pour les établissements subsidiés par l'État, les conditions de gratuité de l'enseignement primaire sont déterminées par une loi.
(5) Itegeko rigena imitunganyirize y'uburezi.	(5) A law determines the organisation of education.	(5) Une loi régit l'organisation de l'enseignement.
<b><u>Iningo ya 21: Uburenganzira ku buzima bwiza</u></b>	<b><u>Article 21: Right to good health</u></b>	<b><u>Article 21: Droit à une bonne santé</u></b>
Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza.	All Rwandans have the right to good health.	Tous les Rwandais ont droit à une bonne santé.
<b><u>Iningo ya 22: Uburenganzira bwo kuba ahantu hatunganye</u></b>	<b><u>Article 22: Right to a clean environment</u></b>	<b><u>Article 22: Droit à un environnement propre</u></b>
Umuntu wese afite uburenganzira bwo kuba ahantu hatunganye kandi hadafite ingaruka mbi ku buzima.	Everyone has the right to live in a clean and healthy environment.	Toute personne a le droit de vivre dans un environnement propre et sain.

<b><u>Iningo ya 23: Kubaha imibereho bwite y'umuntu n'iy'umuryango</u></b>	<b><u>Article 23: Respect for privacy of a person and of family</u></b>	<b><u>Article 23: Respect de la vie privée de la personne et celle de la famille</u></b>
(1) Imibereho bwite y'umuntu, iy'umuryango we, urugo rwe cyangwa ubutumwa yohererezanya n'abandi ntibishobora kuvogerwa mu buryo bonyuranyije n'amategeko; icyubahiro n'agaciro ke bigomba kubahirizwa.	(1) The privacy of a person, his or her family, home or correspondence shall not be subjected to arbitrary interference; the person's honour and dignity must be respected.	(1) Nul ne peut faire l'objet d'immixtion arbitraire dans sa vie privée, celle de sa famille, son domicile ou sa correspondance ; son honneur et sa dignité doivent être respectés.
(2) Urugo rw'umuntu ntiruvogerwa. Ntihashobora gukorwa isakwa mu rugo cyangwa kurwinjiramo kubera impamvu z'igenzura nyirarwo atabyemeye, keretse mu bihe no mu buryo biteganyijwe n'amategeko.	(2) A person's home is inviolable. It may not be searched or entered without the owner's consent, except in circumstances and in accordance with procedures determined by the law.	(2) Le domicile d'une personne est inviolable. Aucune perquisition ou visite domiciliaire ne peut être effectuée sans le consentement du propriétaire, sauf dans les cas et les formes prévus par la loi.
(3) Ibanga ry'amabaruwa n'iry'itumanaho ntirishobora kuzitirwa, keretse mu bihe no mu buryo biteganywa n'amategeko.	(3) Confidentiality of correspondence and communication shall not be breached except in circumstances and in accordance with procedures determined by the law.	(3) Le secret de la correspondance et de la communication ne peut faire l'objet de dérogation que dans les cas et les formes prévus par la loi.
<b><u>Iningo ya 24: Uburenganzira ku bwisanzure n'umutekano bya muntu</u></b>	<b><u>Article 24: Right to liberty and security of person</u></b>	<b><u>Article 24: Droit à la liberté et à la sécurité de la personne</u></b>
(1) Ubwisanzure n'umutekano bya muntu byubahirizwa na Leta.	(1) A person's liberty and security are guaranteed by the State.	(1) La liberté et la sécurité de la personne sont garanties par l'État.
(2) Ntawe ushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa icyaha	(2) No one shall be subjected to prosecution, arrest, detention or	(2) Nul ne peut être poursuivi, arrêté, détenu ou condamné sauf dans les cas prévus par

<p>keretse mu gihe biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihe icyaha akurikiranyweho cyakorewe.</p>	<p>punishment unless provided for by laws in force at the time the offence alleged against him or her was committed.</p>	<p>la loi en vigueur au moment de la commission de l'infraction alléguée contre lui.</p>
<p>(3) Ntawe ushobora gukorerwa igenzurwa keretse mu bihe no mu buryo buteganyijwe n'itegeko kandi kubera impamvu zishingiye ku ituze rusange rya rubanda cyangwa ku mutekano w'Ighugu.</p>	<p>(3) No one shall be subjected to security measures except as provided for by law and for reasons of public order or State security.</p>	<p>(3) Nul ne peut être soumis à des mesures de sûreté sauf dans les cas et les formes prévus par la loi et pour des raisons d'ordre public ou de sûreté de l'État.</p>
<p><b>Ingingo ya 25: Uburenganzira ku gihugu no ku bwenegihugu</b></p>	<p><b>Article 25: Right to a homeland and nationality</b></p>	<p><b>Article 25: Droit à la patrie et à la nationalité</b></p>
<p>(1) Buri Munyarwanda afite uburenganzira ku gihugu cye. Nta Munyarwanda ushobora gucibwa mu gihugu cye.</p>	<p>(1) Every Rwandan has the right to his or her homeland. No Rwandan can be banished from his or her homeland.</p>	<p>(1) Tout Rwandais a droit à sa patrie. Aucun Rwandais ne peut être banni de sa patrie.</p>
<p>(2) Buri Munyarwanda afite uburenganzira ku bwenegihugu nyarwanda.</p>	<p>(2) Every Rwandan has the right to Rwandan nationality.</p>	<p>(2) Tout Rwandais a droit à la nationalité rwandaise.</p>
<p>(3) Ubwenegihugu burenze bumwe buremewe.</p>	<p>(3) Dual nationality is permitted.</p>	<p>(3) La double nationalité est permise.</p>
<p>(4) Ntawe ushobora kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko.</p>	<p>(4) No one can be deprived of Rwandan nationality of origin.</p>	<p>(4) Nul ne peut être déchu de sa nationalité rwandaise d'origine.</p>
<p>(5) Abantu bose bakomoka mu Rwanda n'ababakomokaho bafite uburenganzira bwo guhabwa ubwenegihugu nyarwanda, iyo babisabye.</p>	<p>(5) All persons of Rwandan origin and their descendants are, upon request, entitled to Rwandan nationality.</p>	<p>(5) Toutes les personnes d'origine rwandaise et leurs descendants ont le droit d'acquérir la nationalité rwandaise, s'ils le demandent.</p>

(6) Itegeko Ngenga riteganya ibijyanye n'ubwenegihugu nyarwanda.	(6) An organic law governs Rwandan nationality.	(6) Une loi organique régit la nationalité rwandaise.
<b><u>Iningo ya 26: Uburenganzira bwo kujya no gutura aho umuntu ashaka</u></b>	<b><u>Article 26: Right to freedom of movement and residence</u></b>	<b><u>Article 26: Droit à la liberté de circulation et de résidence</u></b>
(1) Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kujya aho ashaka hose no gutura aho ari ho hose mu Rwanda.	(1) Every Rwandan has the right to freedom of movement and residence anywhere on the Rwandan territory.	(1) Tout Rwandais a le droit de circuler librement et de choisir sa résidence n'importe où à l'intérieur du territoire rwandais.
(2) Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kuva mu Rwanda no kurugarukamo.	(2) Every Rwandan has the right to leave and return to Rwanda.	(2) Tout Rwandais a le droit de quitter le Rwanda et d'y revenir.
(3) Uburenganzira bw'Umunyarwanda bwo kujya aho ashaka hose no gutura aho ari ho hose mu Rwanda n'uburenganzira bwo kuva mu Gihugu n'ubwo kukigarukamo buzitirwa gusa n'itegeko ku mpamvu z'ituze rusange rya rubanda n'umutekano w'Ighugu, kugira ngo icyahungabanya abaturage gikumirwe cyangwa abari mu kaga barengerwe.	(3) The right for a Rwandan to move freely and to reside anywhere in Rwanda and the right to leave and return to Rwanda may only be restricted by law for reasons of public order and of national security, in order to avert a public threat or to protect persons in danger.	(3) Le droit d'un Rwandais de se déplacer librement et de résider dans n'importe quel lieu du territoire rwandais et le droit de quitter le Rwanda et d'y revenir ne peuvent être limités que par la loi pour des raisons d'ordre public ou de sécurité nationale, afin de parer à un danger public ou de protéger des personnes en péril.
<b><u>Iningo ya 27: Uburenganzira bwo kugira uruhare mu buyobozi bw'Ighugu no kujya mu mirimo ya Leta</u></b>	<b><u>Article 27: Right to participate in the governance of the country and right of access to public service</u></b>	<b><u>Article 27: Droit de participer à la gouvernance du pays et d'accès à la fonction publique</u></b>
(1) Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bwo kugira uruhare mu buyobozi bw'Ighugu, baba babukoresheje	(1) All Rwandans have the right to participate in the governance of the country, either directly or through their	(1) Tous les Rwandais ont le droit de participer à la gouvernance du pays, soit directement, soit par l'intermédiaire de

<p>ubwabo, cyangwa babinyujije ku babahagarariye bihitiyemo nta gahato, hakurikijwe amategeko.</p>	<p>freely chosen representatives, in accordance with the legislation.</p>	<p>leurs représentants librement choisis conformément à la législation.</p>
<p>(2) Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana bwo kujya mu mirimo ya Leta hashingiwe ku bumenyi n'ubushobozi bwabo.</p>	<p>(2) All Rwandans have the right of equal access to the public service in accordance with their competence and abilities.</p>	<p>(2) Tous les Rwandais ont le droit d'accès égal à la fonction publique, conformément à leurs compétences et capacités.</p>
<p><b><u>Iningo ya 28: Uburenganzira bwo gusaba ubuhungiro</u></b></p>	<p><b><u>Article 28: Right to seek asylum</u></b></p>	<p><b><u>Article 28: Droit de demande d'asile</u></b></p>
<p>Uburenganzira bwo gusaba ubuhungiro bwemewe mu buryo buteganywa n'amategeko.</p>	<p>The right to seek asylum is recognised under conditions determined by law.</p>	<p>Le droit de demande d'asile est reconnu dans les conditions définies par la loi.</p>
<p><b><u>Iningo ya 29: Uburenganzira ku butabera buboneye</u></b></p>	<p><b><u>Article 29: Right to due process of law</u></b></p>	<p><b><u>Article 29: Droit à la garantie de justice</u></b></p>
<p>(1) Buri muntu afite uburenganzira ku butabera buboneye, burimo uburenganzira bwo:</p> <p>(a) kumenyeshwa imiterere n'impamvu z'icyaha akurikiranyweho, kwiregura no kunganirwa;</p> <p>(b) gufatwa nk'umwerefugeza igihe urukiko rubifitiye ububasha rumuhamije icyaha;</p>	<p>(1) Everyone has the right to due process of law, which includes the right:</p> <p>(a) to be informed of the nature and cause of charges and the right to defence and legal representation;</p> <p>(b) to be presumed innocent until proved guilty by a competent Court;</p>	<p>(1) Chaque personne a droit à la garantie de justice comprenant le droit de:</p> <p>(a) être informée de la nature et des motifs de l'accusation, le droit de la défense et de représentation légale;</p> <p>(b) être présumée innocente jusqu'à ce que sa culpabilité soit prouvée par une juridiction compétente;</p>

(c) kuburanira imbere y'urukiko rubifitiye ububasha;	(c) to appear before a competent Court;	(c) comparaître devant une juridiction compétente;
(d) kudakurikiranwa, kudafatwa, kudafungwa cyangwa kudahanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze, iyo amategeko y'Ighugu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga. Ibyaha n'ibihano bijyanye na byo biteganywa n'amategeko;	(d) not to be subjected to prosecution, arrest, detention or punishment on account of any act or omission which did not constitute an offence under national or international law at the time it was committed. Offences and their penalties are determined by law;	(d) ne pas être poursuivie, arrêtée, détenue ou condamnée pour une action ou omission qui ne constituait pas une infraction d'après le droit national ou international au moment où elle a été commise. Les infractions et les peines y afférentes sont déterminées par la loi;
(e) kutaryozwa icyaha atakoze; uburyozwacyaha ni gatozi ku wakoze icyaha;	(e) not to be held liable for an offence he or she did not commit; criminal liability is personal;	(e) ne pas être responsable d'une infraction qu'elle n'a pas commise; la responsabilité pénale est personnelle;
(f) kudahanishwa igihano kiruta icyari giteganyijwe n'amategeko mu gihe yakoraga icyaha;	(f) not to be punished for an offence with a penalty that is more severe than the penalty provided for by the law at the time that offence was committed;	(f) ne pas être condamnée à une peine plus sévère que celle qui était prévue par la loi au moment où l'infraction a été commise;
(g) kudafungwa bitewe gusa no kutagira ubushobozzi bwo kubahiriza inshingano ituruka ku masezerano;	(g) not to be imprisoned merely on the ground of inability to fulfil a contractual obligation;	(g) ne pas être emprisonnée pour la seule raison qu'elle n'est pas en mesure d'exécuter une obligation contractuelle;
(h) kudakurikiranwa cyangwa kudahanirwa icyaha cyashaje. Icyakora, icyaha cya jenoside, ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibyaha by'intambara ntibisaza. Itegeko	(h) not to be prosecuted or punished for an offence which has reached its statute of limitations. However, the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes are not	(h) ne pas être poursuivie ou punie pour une infraction qui a atteint son délai de prescription. Toutefois, le crime de génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre

rishobora kugena ibindi byaha bidasaza.	subject to a statute of limitations. A law may determine other crimes which are not subject to a statute of limitations.	sont imprescriptibles. Une loi peut déterminer d'autres crimes imprescriptibles.
(2) U Rwanda ntirushobora koherereza ikindi gihugu Umunyarwanda gikurikiranyeho icyaha.	(2) Rwanda cannot extradite any Rwandan to another country.	(2) Le Rwanda ne peut pas extrader un Rwandais vers un autre pays.
(3) Koherereza ikindi gihugu abanyamahanga bakurikiranyweho icyaha, byemewe gusa iyo bikurikije amategeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeye.	(3) Extradition of foreigners is authorised only if it is in accordance with the law or international agreements to which Rwanda is a party.	(3) L'extradition des étrangers n'est autorisée que dans les limites prévues par la loi ou les conventions internationales auxquelles le Rwanda est partie.
<b>Ingingo ya 30: Uburenganzira bwo guhitamo umurimo</b>	<b>Article 30: Right to free choice of employment</b>	<b>Article 30: Droit au libre choix du travail</b>
(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo guhitamo no gukora umurimo umunogeye.  (2) Abantu bakora umurimo umwe bagomba guhemba kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose.	(1) Everyone has the right to free choice of employment.  (2) All individuals, without any form of discrimination, have the right to equal pay for equal work.	(1) Toute personne a droit au libre choix de son travail.  (2) Toutes les personnes ont droit, sans aucune discrimination, à un salaire égal pour un travail égal.
<b>Ingingo ya 31: Uburenganzira bwo gushyiraho ingaga z'abakozi n'amashyirahamwe y'abakoresha</b>	<b>Article 31: Right to form trade unions and employers' associations</b>	<b>Article 31: Droit de former des syndicats et des associations d'employeurs</b>
(1) Uburenganzira bwo gushyiraho ingaga z'abakozi zigamije kurengera no guteza	(1) The right to form trade unions for the defence and promotion of legitimate professional interests is recognised.	(1) Le droit de former des syndicats pour la défense et la promotion des intérêts professionnels légitimes est reconnu.

<p>imbere inyungu z'umwuga bafitiye uburenganzira buremewe.</p>		
<p>(2) Buri mukozi ashobora kurengera uburenganzira bwe abinyujije mu rugaga rw'abakozi mu buryo buteganywa n'amategeko.</p>	<p>(2) Every worker may defend his or her rights through a trade union in accordance with the law.</p>	<p>(2) Tout travailleur peut défendre ses droits par l'action syndicale dans les conditions déterminées par la loi.</p>
<p>(3) Buri mukoresha afite uburenganzira bwo kwinjira mu ishyirahamwe ry'abakoresha.</p>	<p>(3) Every employer has the right to join an employers' association.</p>	<p>(3) Tout employeur a droit d'adhérer à une association d'employeurs.</p>
<p><b><u>Iningo ya 32: Uburenganzira ku mishyikirano igamije amasezerano rusange</u></b></p>	<p><b><u>Article 32: Right to collective bargaining</u></b></p>	<p><b><u>Article 32: Droit aux négociations collectives</u></b></p>
<p>Ingaga z'umurimo z'abakozi n'amashyirahamwe y'abakoresha bifite uburenganzira bwo kugirana imishyikirano kandi bashobora gukorana amasezerano rusange cyangwa yihariye agenga imikoranire yabyo. Uburyo ayo masezerano akorwa bugenwa n'itegeko.</p>	<p>Trade unions and employers' associations have the right to engage in collective bargaining and may enter into general or specific agreements regulating their working relations. Modalities for making these agreements are determined by law.</p>	<p>Les syndicats de travailleurs et les associations d'employeurs sont libres de mener des négociations collectives ainsi que des conventions générales ou spécifiques régissant leurs relations de travail. Les modalités de conclusion de ces conventions sont définies par la loi.</p>
<p><b><u>Iningo ya 33: Uburenganzira bw'abakozi bwo guhagarika imirimo</u></b></p>	<p><b><u>Article 33: Right to strike</u></b></p>	<p><b><u>Article 33: Droit à la grève</u></b></p>
<p>Uburenganzira bw'abakozi bwo guhagarika imirimo basaba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa buremewe kandi bukoreshwa hakurikijwe amategeko abugenga. Ubwo burenganzira ntibushobora guhungabanya</p>	<p>The right of workers to strike is permitted and is exercised within the limits provided for by the law. This right shall not be exercised in a manner that infringes upon</p>	<p>Le droit des travailleurs à la grève est reconnu et s'exerce dans les conditions définies par la loi. L'exercice de ce droit ne peut pas porter atteinte à la liberté d'autrui au travail, reconnue à chacun.</p>

<p>uburenganzira bw'undi ku murimo kuko bwemerewe buri wese.</p>	<p>somebody else's freedom at work, which is guaranteed to everyone.</p>	
<p><b><u>Iningo ya 34: Uburenganzira ku mutungo bwite</u></b></p>	<p><b><u>Article 34: Right to private property</u></b></p>	<p><b><u>Article 34: Droit à la propriété privée</u></b></p>
<p>(1) Buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku gitи cye cyangwa uwo asangiye n'abandi.</p> <p>(2) Umutungo bwite, uw'umuntu ku gitи cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa.</p> <p>(3) Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanya, keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.</p>	<p>(1) Everyone has the right to private property, whether individually or collectively owned.</p> <p>(2) Private property, whether owned individually or collectively, is inviolable.</p> <p>(3) The right to property shall not be encroached upon except in public interest and in accordance with the provisions of the law.</p>	<p>(1) Toute personne a droit à la propriété privée individuelle ou collective.</p> <p>(2) La propriété privée individuelle ou collective est inviolable.</p> <p>(3) Il ne peut être porté atteinte au droit de propriété que pour cause d'utilité publique et conformément aux dispositions légales.</p>
<p><b><u>Iningo ya 35: Uburenganzira ku mutungo bwite w'ubutaka</u></b></p>	<p><b><u>Article 35: Right to private ownership of land</u></b></p>	<p><b><u>Article 35: Droit à la propriété foncière privée</u></b></p>
<p>(1) Umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta.</p> <p>(2) Itegeko rigena uburyo bwo gutanga ubutaka, kubuhererekanya no kubukoresha.</p>	<p>(1) Private ownership of land and other rights related to land are granted by the State.</p> <p>(2) A law determines modalities of concession, transfer and use of land.</p>	<p>(1) La propriété foncière privée et d'autres droits grevant la propriété foncière sont concédés par l'État.</p> <p>(2) Une loi détermine les modalités de concession, de transfert et d'exploitation de la propriété foncière.</p>

<b><u>Iningo ya 36: Uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu</u></b>	<b><u>Article 36: Right to activities promoting national culture</u></b>	<b><u>Article 36: Droit aux activités de promotion de la culture nationale</u></b>
Umunyarwanda wese afite uburenganzira ku biteza imbere umuco w'Igihugu n'inshingano yo kuwuteza imbere.	Every Rwandan has the right to activities that promote national culture and duty to promote it.	Tout Rwandais a le droit aux activités de promotion de la culture nationale et le devoir de la promouvoir.
<b><u>Iningo ya 37: Ubwisanzure mu mitekerereze no mu myemerere</u></b>	<b><u>Article 37: Freedom of conscience and religion</u></b>	<b><u>Article 37: Liberté de conscience et de religion</u></b>
(1) Ubwisanzure mu bitekerezo, mu mutimanama, mu guhitamo idini, mu gusenga no kubigaragaza mu ruhame burengerwa na Leta mu buryo buteganywa n'amategeko.  (2) Kwamamaza ivangura rishingiye ku isanomuzi, ku karere, ku bwoko cyangwa ku macakubiri ayo ari yo yose bahanwa n'amategeko.	(1) Freedom of thought, conscience, religion, worship and public manifestation thereof is guaranteed by the State in accordance with the law.  (2) Propagation of ethnic, regional, racial discrimination or any other form of division is punished by law.	(1) La liberté de pensée, de conscience, de religion, de culte et de leur manifestation publique est garantie par l'État conformément à la loi.  (2) Toute propagande à caractère ethnique, régionaliste, raciste ou basée sur toute autre forme de division est punie par la loi.
<b><u>Iningo ya 38: Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru</u></b>	<b><u>Article 38: Freedom of press, of expression and of access to information</u></b>	<b><u>Article 38: Liberté de presse, d'expression et d'accès à l'information</u></b>
(1) Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta.  (2) Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru	(1) Freedom of press, of expression and of access to information are recognised and guaranteed by the State.  (2) Freedom of expression and freedom of access to information shall not prejudice	(1) La liberté de presse, d'expression et d'accès à l'information sont reconnues et garanties par l'État.  (2) La liberté d'expression et la liberté d'accès à l'information ne doivent pas

<p>ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire mbonezabupfura, ukurengera urubyiruko n'abana, n'uburenganzira bw'umwenegihugu bwo kugira icyubahiro n'agaciro, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we.</p>	<p>public order, good morals, the protection of youth and children, the right of every citizen to honour and dignity and protection of personal and family privacy.</p>	<p>porter atteinte à l'ordre public et aux bonnes moeurs, à la protection des jeunes et des enfants ainsi qu'au droit dont jouit tout citoyen à l'honneur, à la dignité et à la préservation de l'intimité de sa vie personnelle et familiale.</p>
<p>(3) Uko ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bukoreshwa n'iyubahirizwa ryabwo biteganywa n'amategeko.</p>	<p>(3) Conditions for exercising and respect for freedom of press, of expression and of access to information are determined by law.</p>	<p>(3) Les conditions d'exercice et de respect de la liberté de presse, d'expression et d'accès à l'information sont déterminées par la loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 39: Uburenganzira bwo kwishyira hamwe</u></b></p>	<p><b><u>Article 39: Right to freedom of association</u></b></p>	<p><b><u>Article 39: Droit à la liberté d'association</u></b></p>
<p>(1) Uburenganzira bwo kwishyira hamwe buremewe, kandi ntibubanza gusabirwa uruhushya.</p>	<p>(1) The right to freedom of association is guaranteed and does not require prior authorisation.</p>	<p>(1) Le droit à la liberté d'association est garanti et ne peut pas être soumis à l'autorisation préalable.</p>
<p>(2) Uburenganzira bwo kwishyira hamwe bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.</p>	<p>(2) The right to freedom of association is exercised under conditions determined by law.</p>	<p>(2) Les conditions d'exercice du droit à la liberté d'association sont déterminées par la loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 40: Uburenganzira bwo guteranira hamwe</u></b></p>	<p><b><u>Article 40: Right to freedom of assembly</u></b></p>	<p><b><u>Article 40: Droit à la liberté de réunion</u></b></p>
<p>(1) Uburenganzira bwo guteranira mu nama z'ituze kandi nta ntwaro buremewe.</p>	<p>(1) The right to freedom of peaceful and unarmed assembly is guaranteed.</p>	<p>(1) Le droit à la liberté de se réunir pacifiquement et sans armes est garanti.</p>

<p><b><u>Iningo ya 71: Inama zihuriweho n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko</u></b></p> <p>(1) Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ntishobora guteranira hamwe, keretse iyo hari ibibazo iri Tegeko Nshinga cyangwa andi mategeko biyitegeka gusuzumira hamwe, cyangwa iyo hari imihango y'Ighugu igomba kwitabira.</p> <p>(2) Iyo Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe ikibazo Imitwe yombi yateranye, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ni we uyobora inama, yaba adahari, ikayoborwa na Perezida wa Sena.</p> <p>(3) Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora kugena ibindi</p>	<p><b><u>Article 71: Joint sittings of the Chambers of Parliament</u></b></p> <p>(1) The Chambers of Parliament cannot meet in a joint sitting, except in case of matters that this Constitution or other laws require to be jointly considered, or on the occasion of national ceremonies to be jointly attended.</p> <p>(2) When Parliament considers a matter in joint sitting, it is presided over by the Speaker of the Chamber of Deputies or, in his or her absence, by the President of the Senate.</p> <p>(3) The President of the Republic, after consultation with the Bureau of each Chamber of Parliament and the Supreme Court, may determine other</p>	<p><b><u>Article 71: Séances conjointes des deux Chambres du Parlement</u></b></p> <p>(1) Les Chambres du Parlement ne se réunissent en séance conjointe que pour des questions que la présente Constitution ou d'autres lois exigent d'être considérées conjointement, ou à l'occasion des cérémonies nationales nécessitant la participation conjointe.</p> <p>(2) Lorsque le Parlement délibère les deux Chambres réunies, sa présidence est assurée par le Président de la Chambre des Députés ou, en son absence, par le Président du Sénat.</p> <p>(3) Le Président de la République, après avis du Bureau de chaque Chambre du Parlement et de la Cour Suprême, peut déterminer d'autres matières devant être</p>

<p>bibazo Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe.</p>	<p>matters to be considered jointly by both Chambers of Parliament.</p>	<p>examinées conjointement par les deux Chambres du Parlement.</p>
<p>(4) Uburyo ibyemezo bifatwa iyo Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe ikibazo Imitwe yombi yateranye buteganywa mu mategeko ngenga agena imikorere y'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>(4) Modalities for taking decisions when Parliament considers a matter in a joint sitting, are provided for by the organic laws governing the functioning of the Chambers of Parliament.</p>	<p>(4) Les modalités de prise de décisions lorsque le Parlement délibère les deux Chambres réunies, sont déterminées par les lois organiques portant fonctionnement des Chambres du Parlement.</p>
<p><b><u>Iningo ya 72: Ibihembwe by'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko</u></b></p> <p>(1) Inama z'Inteko Rusange za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ziterana mu gihe cy'ibihembwe bisanzwe n'ibihembwe bidasanzwe.</p> <p>(2) Mu Mitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, ibihembwe bisanzwe bitangirira umunsi umwe kandi bikamara igihe kingana.</p> <p>(3) Ibihembwe bisanzwe bitumizwa na Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Ibyo bihembwe bibera ku matariki ateganywa n'itegeko ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p><b><u>Article 72: Sessions of Chambers of Parliament</u></b></p> <p>(1) The sittings of the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament take place during ordinary and extraordinary sessions.</p> <p>(2) In both Chambers of Parliament, ordinary sessions commence on the same day and have the same duration.</p> <p>(3) Ordinary sessions are convened by the President of the Senate and the Speaker of the Chamber of Deputies. These sessions take place on dates specified in the organic law determining the functioning of the Chambers of Parliament.</p>	<p><b><u>Article 72: Sessions des Chambres du Parlement</u></b></p> <p>(1) Les séances de l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement se tiennent durant les sessions ordinaires et les sessions extraordinaires.</p> <p>(2) Dans les deux Chambres du Parlement, les sessions ordinaires commencent au même jour et ont la même durée.</p> <p>(3) Les sessions ordinaires sont convoquées par le Président de chaque Chambre du Parlement. Ces sessions ont lieu aux dates fixées par la loi organique portant fonctionnement des Chambres du Parlement.</p>

<p>(4) Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko uterana mu gihembwe kidasanzwe utumijwe na Perezida wawo abyumvikanyeho n'abandi bagize Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa abisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa bisabwe na kimwe cya kane cy'abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba.</p>	<p>(4) Each Chamber of Parliament meets in an extraordinary session on invitation by its leader after consultation with the other members of the Bureau or at the request of the President of the Republic or of one-quarter of the members of the Chamber of Parliament concerned.</p>	<p>(4) Chaque Chambre du Parlement se réunit en session extraordinaire sur convocation de son Président après consultation des autres membres du Bureau ou à la demande soit du Président de la République ou d'un quart des membres de la Chambre du Parlement concernée.</p>
<p>(5) Inama idasanzwe ihuriweho n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane cy'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>(5) An extraordinary joint sitting of both Chamber of Parliament may be convened in extraordinary session by mutual agreement of the President of the Senate and the Speaker of the Chamber of Deputies, at the request of the President of the Republic, or one-quarter of the members of each Chamber of Parliament.</p>	<p>(5) Une séance extraordinaire conjointe des deux Chambres du Parlement peut être convoquée dans une session extraordinaire de commun accord entre les Présidents des deux Chambres, à la demande du Président de la République ou d'un quart des membres de chaque Chambre du Parlement.</p>
<p>(6) Mu gihembwe kidasanzwe hasuzumwa gusa ibibazo byatumye gitumizwa kandi bibanje kumenyeshwa abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba cyangwa Inteko Ishinga Amategeko yose mbere y'uko icyo gihembwe gitangira.</p>	<p>(6) An extraordinary session considers only matters for which it was convened and which were brought to the notice of the members of the Chamber concerned or the entire Parliament before commencement of the session.</p>	<p>(6) Une session extraordinaire examine uniquement des questions qui ont motivé sa convocation et qui ont été portées à la connaissance des membres de la Chambre concernée ou de tout le Parlement avant l'ouverture de la session.</p>
<p>(7) Igiembwe kidasanzwe ntigishobora kurenza iminsi 15.</p>	<p>(7) An extraordinary session cannot exceed 15 days.</p>	<p>(7) Une session extraordinaire ne peut pas dépasser une durée de 15 jours.</p>

<b><u>Iningo ya 73: Imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko</u></b>	<b><u>Article 73: Functioning of each Chamber of Parliament</u></b>	<b><u>Article 73: Fonctionnement de chaque Chambre du Parlement</u></b>
Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugira Itegeko Ngenga rigena imikorere yawo.	Each Chamber of Parliament has an organic law determining its functioning.	Chaque Chambre du Parlement dispose d'une loi organique portant son fonctionnement.
<b><u>Iningo ya 74: Ubwisanzure bwa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko</u></b>	<b><u>Article 74: Autonomy of each Chamber of Parliament</u></b>	<b><u>Article 74: Autonomie de chaque Chambre du Parlement</u></b>
Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugira ingengo y'imari yawo n'ubwisanzure mu micungire y'imari n'abakozi byawo.	Each Chamber of Parliament has its own budget and enjoys financial and administrative autonomy.	Chaque Chambre du Parlement dispose de son propre budget et jouit de l'autonomie financière et administrative.
<b><u>Akiciro ka 2: Umutwe w'Abadepite</u></b>	<b><u>Subsection 2: The Chamber of Deputies</u></b>	<b><u>Sous-section 2: La Chambre des Députés</u></b>
<b><u>Iningo ya 75: Abagize Umutwe w'Abadepite n'itorwa ryabo</u></b>	<b><u>Article 75: Composition of the Chamber of Deputies and election of its members</u></b>	<b><u>Article 75: Composition de la Chambre des Députés et l'élection de ses membres</u></b>
(1) Umutwe w'Abadepite ugizwe n'Abadepite 80. Baturuka kandi batorerwa mu byiciro bikurikira:  (a) Abadepite 53 batorerwa kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo. Batorwa mu matora rusange ataziguye ku buryo busaranganya imyanya;	(1) The Chamber of Deputies is composed of 80 Deputies. They originate and are elected from the following categories:  (a) 53 Deputies elected from a fixed list of names of candidates proposed by political organisations or independent candidates elected by direct universal suffrage based on proportional representation;	(1) La Chambre des Députés est composée de 80 Députés. Ils proviennent des catégories suivantes et sont élus dans les suivantes catégories:  (a) 53 Députés élus sur une liste bloquée des noms de candidats proposés par les formations politiques ou de candidats indépendants, élus au suffrage universel direct sur base de la représentation proportionnelle;

<p>(b) Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitgekere y'Igihugu;</p> <p>(c) Abadepite babiri batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;</p> <p>(d) Umudepite umwe utorwa n'Inama y'Igihugu y'abantu bafite Ubumuga.</p> <p>(2) Itegeko Ngenga rigenga amatora rishobora kongera cyangwa kugabanya umubare cyangwa ibyiciro byavuzwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(3) Nibura 30% by'Abadepite bagomba kuba ari abagore.</p> <p>(4) Itora ry'Abadepite bavugwa mu gika cya (1)(a) cy'iyi ngingo rikorwa ku munsi umwe n'irya Perezida wa Repubulika.</p> <p>(5) Itora ry'Abadepite bavugwa mu gika cya (1)(b)(c)(d) cy'iyi ngingo rikorwa mu gihe giteganywa n'amategeko abigenga.</p>	<p>(b) 24 women Deputies elected by specific electoral colleges in accordance with the national administrative entities;</p> <p>(c) two Deputies elected by the National Youth Council;</p> <p>(d) one Deputy elected by the National Council of Persons with Disabilities.</p> <p>(2) The organic law governing elections may increase or decrease the number of Deputies or the categories mentioned in Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(3) At least 30% of Deputies must be women.</p> <p>(4) The election of Deputies referred to in Paragraph (1)(a) of this Article are conducted on the same day as the election of the President of the Republic.</p> <p>(5) The election of the Deputies referred to in paragraph (1)(b)(c)(d) is conducted within the period provided for by relevant laws.</p>	<p>(b) 24 Députés de sexe féminin élus par des collèges électoraux spécifiques en fonction des entités administratives du pays;</p> <p>(c) deux Députés élus par le Conseil national de la Jeunesse;</p> <p>(d) un Député élu par le Conseil national des Personnes handicapées.</p> <p>(2) La loi organique régissant les élections peut augmenter ou diminuer le nombre de Députés et les catégories visés au paragraphe (1) du présent article.</p> <p>(3) Au moins 30% des Députés doivent être de sexe féminin.</p> <p>(4) L'élection des Députés visés au paragraphe (1)(a) du présent article a lieu le même jour que l'élection du Président de la République.</p> <p>(5) L'élection des Députés visés au paragraphe (1)(b)(c)(d) du présent article a lieu dans le délai prévu par les lois en la matière.</p>
--	---	---

<b><u>Iningo ya 76: Manda y'Abadepite</u></b>	<b><u>Article 76: Term of office of Deputies</u></b>	<b><u>Article 76: Mandat des Députés</u></b>
Abadepite batorerwa manda y'imyaka itanu. Bashobora kongera gutorerwa izindi manda.	Deputies are elected for a term of office of five years. They may be re-elected for additional terms.	Les Députés sont élus pour un mandat de cinq ans. Ils sont rééligibles pour d'autres mandats.
<b><u>Iningo ya 77: Kuva mu mwanya k'Umudepite</u></b> <ul style="list-style-type: none"> <li>(1) Umudepite ava mu mwanya w'ubudepите –           <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) yeguye mu Mutwe w'Abadepite;</li> <li>(b) yirukanywe mu Mutwe w'Abadepite;</li> <li>(c) asezeye mu mutwe wa politiki yatorewemo;</li> <li>(d) yirukanywe mu mutwe wa politiki yatorewemo, mu buryo buteganywa n'Itegeko Ngenga ryerekeye imitwe ya politiki;</li> <li>(e) icyemezo cy'iyandikwa ry'umutwe wa politiki yatowe aturutsemo giteshejwe agaciro;</li> </ul> </li> </ul>	<b><u>Article 77: Vacation of office of a Deputy</u></b> <ul style="list-style-type: none"> <li>(1) A Deputy vacates his or her seat if –           <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) he or she resigns from the Chamber of Deputies;</li> <li>(b) he or she is expelled from the Chamber of Deputies;</li> <li>(c) he or she resigns from the political organisation that seconded him or her;</li> <li>(d) he or she is expelled from the political organisation that seconded him or her, in accordance with provisions of the organic law governing political organisations;</li> <li>(e) the certificate of registration of the political organisation that seconded him or her is revoked;</li> </ul> </li> </ul>	<b><u>Article 77: Vacance de siège d'un Député</u></b> <ul style="list-style-type: none"> <li>(1) Un Député quitte son siège lorsque –           <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) il démissionne de la Chambre des Députés;</li> <li>(b) il est exclu de la Chambre des Députés;</li> <li>(c) il démissionne de la formation politique qui l'a parrainé dans les élections;</li> <li>(d) il est exclu de sa formation politique, conformément à la loi organique régissant les formations politiques;</li> <li>(e) le certificat d'enregistrement de la formation politique qui l'a parrainé est révoqué;</li> </ul> </li> </ul>

<p>(f) agiye mu wundi mutwe wa politiki;</p> <p>(g) agize impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze;</p> <p>(h) apfuye.</p> <p>(2) Impaka zishingiye ku cyemezo cyo kwirukana Umudepite mu Mutwe w'Abadepite cyangwa mu Mutwe wa Politiki ziburanishwa n'urukiko rubifitiye ububasha.</p> <p><b>Ingingo ya 78: Isimburwa ry'Umudepite</b></p> <p>Umudepite uvuye mu mwanya nk'uko biteganywa mu ngingo ya 77 y'iri Tegeko Nshinga, asimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.</p> <p><b>Ingingo ya 79: Iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'amatora</b></p> <p>Ku mpamvu z'amatora, Perezida wa Repubulika asesa Umutwe w'Abadepite hasigaye nibura iminsi 30 kandi itarenga iminsi 60 ngo manda y'abawugize irangire.</p>	<p>(f) he or she joins another political organisation;</p> <p>(g) he or she has a permanent impediment to fulfil his or her responsibilities;</p> <p>(h) he or she dies.</p> <p>(2) Disputes relating to the decision to expel a Deputy from the Chamber of Deputies or a political organisation are adjudicated by a competent Court.</p> <p><b>Article 78: Replacement of a Deputy</b></p> <p>A Deputy who vacates his or her seat under the provisions of Article 77 of this Constitution is replaced in accordance with the organic law governing elections.</p> <p><b>Article 79: Dissolution of the Chamber of Deputies for election purposes</b></p> <p>For election purposes, the President of the Republic dissolves the Chamber of Deputies at least 30 days and not more than 60 days before the end of the parliamentary term.</p>	<p>(f) il se rallie à une autre formation politique;</p> <p>(g) il a un empêchement définitif d'accomplir ses responsabilités;</p> <p>(h) il décède.</p> <p>(2) Les contestations relatives à la décision d'exclure un Député de la Chambre des Députés ou de sa formation politique sont jugées par une juridiction compétente.</p> <p><b>Article 78: Remplacement d'un Député</b></p> <p>Un Député qui quitte son siège selon les dispositions de l'article 77 de la présente Constitution est remplacé conformément à la loi organique régissant les élections.</p> <p><b>Article 79: Dissolution de la Chambre des Députés pour des raisons électorales</b></p> <p>Pour des raisons électorales, le Président de la République dissout la Chambre des Députés 30 jours au moins et 60 jours au plus avant la fin de la législature.</p>
---	--	---

<b><u>Akiciro ka 3: Sena</u></b>	<b><u>Subsection 3: The Senate</u></b>	<b><u>Sous-section 3: Le Sénat</u></b>
<b><u>Ingingo ya 80: Abagize Sena</u></b>	<b><u>Article 80: Composition of the Senate</u></b>	<b><u>Article 80: Composition du Sénat</u></b>
<p>(1) Sena igizwe n'Abasenateri 26 batorwa cyangwa bashyirwaho ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) Abasenateri 12 batorwa n'inzezo zihariye, hakurikijwe inzezo z'imitgekere y'Ighugu;</p> <p>(b) Abasenateri umunani bashyirwaho na Perezida wa Repubulika, by'umwihariko akita ku bumwe bw'Abanyarwanda, ku ihagararirwa ry'igice cy'Abanyarwanda amateka agaragaza ko basigaye inyuma no ku zindi nyungu rusange z'Ighugu;</p> <p>(c) Abasenateri bane bashyirwaho n'Ihuriro ry'Ighugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki;</p> <p>(d) umwarimu umwe cyangwa umushakashatsi umwe wo mu mashuri makuru ya Leta uri ku rwego nibura rw'umwarimu wungirije utorwa n'abrimu n'abashakashatsi bo muri ayo mashuri;</p>	<p>(1) The Senate is composed of 26 Senators elected or appointed as follows:</p> <p>(a) 12 Senators elected by specific electoral colleges in accordance with national administrative entities;</p> <p>(b) eight Senators appointed by the President of the Republic, giving particular consideration to the principles of national unity, the representation of historically marginalised groups, and any other national interests;</p> <p>(c) four Senators designated by the National Consultative Forum of Political Organisations;</p> <p>(d) one academician or researcher from public institutions of higher learning, holding at least the rank of associate professor, elected by the academic and research staff of those institutions;</p>	<p>(1) Le Sénat est composé de 26 Sénateurs élus ou nommés comme suit:</p> <p>(a) 12 Sénateurs élus par des collèges électoraux spécifiques, en fonction des entités administratives du pays;</p> <p>(b) huit Sénateurs nommés par le Président de la République en tenant particulièrement compte de l'unité nationale, de la représentation des groupes historiquement marginalisés et d'autres intérêts nationaux;</p> <p>(c) quatre Sénateurs nommés par le Forum national de Concertation des Formations politiques;</p> <p>(d) un enseignant ou chercheur issu des établissements d'enseignement supérieur publics ayant au moins le grade académique de professeur associé, élu par le corps académique et de recherche de ces établissements;</p>

(e) umwarimu umwe cyangwa umushakashatsi umwe wo mu mashuri makuru yigenga nibura uri ku rwego rw'umwarimu wungirije utorwa n'abrimu n'abashakashatsi bo muri ayo mashuri.	(e) one academician or researcher from private institutions of higher learning, holding at least the rank of associate professor, elected by the academic and research staff of the same institutions.	(e) un enseignant ou chercheur issu des établissements d'enseignement supérieur privés ayant au moins le grade académique de professeur associé, élu par le corps académique et de recherche de ces établissements.
(2) Abasenateri bavugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo biyongeraho abahoze ari Abakuru b'Ighugu barangije neza manda yabo cyangwa basezeye ku bushake bwabo, babisabye Perezida wa Sena, bikomezwa na Biro ya Sena mu gihe kitarenze iminsi 30.	(2) In addition to the Senators referred to in Paragraph (1) of this Article, former Heads of State who successfully completed their term of office or resigned voluntarily, become Senators upon their request to the President of the Senate and approval by the Bureau of the Senate within 30 days.	(2) En plus des Sénateurs visés au paragraphe (1) du présent article, les anciens Chefs de l'État qui ont dûment achevé leurs mandats ou qui ont volontairement démissionné, deviennent Sénateurs après requête adressée au Président du Sénat et approuvée par le Bureau du Sénat dans une période ne dépassant pas 30 jours.
(3) Uburyo Urukiko rw'Ikirenga rwemeza urutonde rw'abakandida b'Abasenateri, ibyo basabwa n'itorwa ryabo buteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.	(3) Modalities by which the Supreme Court approves the list of senatorial candidates, their requirements and their election are determined by the organic law governing elections.	(3) Les modalités selon lesquelles la Cour Suprême approuve la liste de candidats Sénateurs, les conditions requises et leur élection sont déterminées par la loi organique régissant les élections.
(4) Itegeko Ngenga rigenga amatora rishobora kandi kongera cyangwa kugabanya umubare cyangwa ibyiciro bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.	(4) The organic law governing elections may also increase or reduce the number or categories referred to in Paragraph (1) of this Article.	(4) La loi organique régissant les élections peut également augmenter ou diminuer le nombre ou les catégories visés au paragraphe (1) du présent article.
(5) Abasenateri bagenwa na Perezida wa Repubulika ntibomezwa n'Urukiko rw'Ikirenga kandi bashyirwaho nyuma	(5) Senators appointed by the President of the Republic are not subject to approval by the Supreme Court and their appointment follows the election and	(5) Les Sénateurs désignés par le Président de la République ne sont pas soumis à l'approbation de la Cour Suprême. Leur nomination intervient après l'élection et

y'Abasenateri batorwa n'abashyirwaho n'izindi nzego.	designation of Senators from other organs.	la désignation des Sénateurs par d'autres organes.
(6) Inzego zishinzwe kugena abagomba kujya muri Sena zigomba kwita ku bumwe bw'Abanyarwanda n'ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo.	(6) The organs responsible for the appointment of Senators take into account national unity and the principle of gender equality.	(6) Les organes chargés de désigner les Sénateurs sont tenus de prendre en considération l'unité nationale et le principe d'égalité entre les femmes et les hommes.
(7) Nibura 30% by'Abasenateri batowe n'Abasenateri bashyizweho bagomba kuba ari abagore.	(7) At least 30% of Senators elected and Senators appointed must be females.	(7) Au moins 30% des Sénateurs élus et des Sénateurs nommés doivent être de sexe féminin.
(8) Impaka zivutse zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ngingo zikemurwa n'urukiko rubifitiye ububasha.	(8) Disputes arising from the application of this Article are adjudicated by a competent Court.	(8) Les contestations relatives à l'application du présent article sont jugées par la juridiction compétente.
<b><u>Iningo ya 81: Manda y'Abasenateri</u></b>	<b><u>Article 81: Term of office of Senators</u></b>	<b><u>Article 81: Mandat des Sénateurs</u></b>
(1) Abasenateri batorwa n'Abasenateri bashyirwaho bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.	(1) Elected and appointed Senators serve a five-year term, renewable once.	(1) Les Sénateurs élus et les Sénateurs nommés ont un mandat de cinq ans, renouvelable une fois.
(2) Abasenateri bahoze ari Abakuru b'Ighugu nta manda bagira.	(2) Senators who are former Heads of the State are not subject to term limits.	(2) Les Sénateurs qui sont anciens Chefs d'État ne sont assujettis à aucune limite du nombre de mandats.
<b><u>Iningo ya 82: Kuva mu mwanya k'Umusenateri</u></b>	<b><u>Article 82: Vacation of office of a Senator</u></b>	<b><u>Article 82: Vacance de siège d'un Sénateur</u></b>
Umusenateri ava mu mirimo y'ubusenateri iyo –	A Senator vacates his or her seat if –	Un Sénateur quitte son siège lorsque –

<ul style="list-style-type: none"> <li>(a) yeguye;</li> <li>(b) avanywe ku murimo n'icyemezo cy'urukiko;</li> <li>(c) agize impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze;</li> <li>(d) apfuye.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(a) he or she resigns;</li> <li>(b) he or she is removed from office by a Court decision;</li> <li>(c) he or she has a permanent impediment to fulfil his or her responsibilities;</li> <li>(d) he or she dies.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(a) il démissionne;</li> <li>(b) il est démis de ses fonctions par une décision judiciaire;</li> <li>(c) il a un empêchement définitif d'accomplir ses responsabilités;</li> <li>(d) il décède.</li> </ul>
<p><b><u>Iningo ya 83: Isimburwa ry'Umusenateri</u></b></p> <p>(1) Mu gihe Umusenateri watowe avuye mu mirimo ku mpamvu iyo ari yo yose mu ziteganywa mu ngingo ya 82 y'iri Tegeko Nshinga, asimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.</p> <p>(2) Mu gihe Umusenateri washyizweho avuye mu mirimo ku mpamvu iyo ari yo yose mu ziteganywa mu ngingo ya 82 y'iri Tegeko Nshinga, urwego rwamushyizeho ni rwo rugena umusimbura.</p> <p>(3) Umusenateri mushya utowe cyangwa ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye. Ashobora kongera gushyirwaho cyangwa gutorerwa indi manda.</p>	<p><b>Article 83: Replacement of a Senator</b></p> <p>(1) When an elected Senator vacates his or her seat for any of the reasons provided for in Article 82 of this Constitution, he or she is replaced in accordance with provisions of the organic law governing elections.</p> <p>(2) When an appointed Senator vacates his or her seat for any of the reasons provided for in Article 82 of this Constitution, the appointing authority designates his or her replacement.</p> <p>(3) The newly elected or appointed Senator completes the term of office of his or her predecessor. He or she is eligible for another term of office.</p>	<p><b>Article 83: Remplacement d'un Sénateur</b></p> <p>(1) Au cas où un Sénateur élu quitte son siège pour l'une ou l'autre des raisons prévues à l'article 82 de la présente Constitution, il est remplacé conformément aux dispositions de la loi organique régissant les élections.</p> <p>(2) Au cas où un Sénateur nommé quitte son siège pour l'une ou l'autre des raisons prévues à l'article 82 de la présente Constitution, l'autorité investie du pouvoir de nomination désigne son remplaçant.</p> <p>(3) Le Sénateur nouvellement élu ou nommé termine le mandat de son prédécesseur. Il est éligible pour un autre mandat.</p>

<b><u>Iningo ya 84: Inshingano y'umwihariko ya Sena</u></b>	<b><u>Article 84: Particular responsibility for the Senate</u></b>	<b><u>Article 84: Attribution particulière au Sénat</u></b>
<p>Sena ifite umwihariko wo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 n'iry'ibiteganywa mu ngingo ya 56 n'iya 57 z'iri Tegeko Nshinga.</p> <p><b><u>Iningo ya 85: Ububasha bwa Sena mu gutora amategeko</u></b></p> <p>Mu birebana n'amategeko, Sena ifite ububasha bwo gutora:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) ivugururwa ry'Itegeko Nshinga;</li> <li>(b) amategeko ngenga;</li> <li>(c) amategeko yemera kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga yerekeye – <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) guhagarika intambara;</li> <li>(ii) amahoro;</li> <li>(iii) guhindura amategeko y'Igihugu;</li> <li>(iv) imimerere y'abantu;</li> </ul> </li> </ul>	<p>The Senate in particular monitors the application of fundamental principles specified in Article 10 and that of the provisions of Articles 56 and 57 of this Constitution.</p> <p><b><u>Article 85: Powers of the Senate in legislative matters</u></b></p> <p>In legislative matters, the Senate is competent to vote on:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) revision of the Constitution;</li> <li>(b) organic laws;</li> <li>(c) laws approving ratification of international treaties and agreements on – <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) armistice;</li> <li>(ii) peace;</li> <li>(iii) modification of national laws;</li> <li>(iv) status of persons;</li> </ul> </li> </ul>	<p>Le Sénat assure en particulier le suivi de l'application des principes fondamentaux énoncés à l'article 10 et celle des dispositions des articles 56 et 57 de la présente Constitution.</p> <p><b><u>Article 85: Compétences du Sénat en matière législative</u></b></p> <p>En matière législative, le Sénat est compétent pour voter:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) la révision de la Constitution;</li> <li>(b) les lois organiques;</li> <li>(c) les lois portant approbation de ratification des traités et accords internationaux sur – <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) l'armistice;</li> <li>(ii) la paix;</li> <li>(iii) la modification des lois nationales;</li> <li>(iv) l'état des personnes;</li> </ul> </li> </ul>

<p>(v) kuba kimwe mubihugu bishyizeho umuryango mpuzamahanga;</p> <p>(d) amategeko yemera kwemeza ko u Rwanda ruba kimwe mubihugu bihuriye ku masezerano yashyizeho umuryango mpuzamahanga;</p> <p>(e) amategeko yerekeye kurinda Igihugu n'umutekano.</p> <p><b>Ingingo ya 86: Ububasha bwa Sena mu kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi</b></p> <p>(1) Sena ifite ububasha bwo kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi bakurikira:</p> <p>(a) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;</p>	<p>(v) establishment of an international organisation;</p> <p>(d) laws approving accession of Rwanda to international treaties and agreements on international organisation;</p> <p>(e) laws on defence and national security.</p> <p><b>Article 86: Powers of the Senate to approve the appointment of officials</b></p> <p>(1) The Senate has the powers to approve the appointment of the following officials:</p> <p>(a) the President, the Vice President and the Judges of the Supreme Court, the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal, the President and the Vice President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court, the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General;</p>	<p>(v) la création d'une organisation internationale;</p> <p>(d) les lois approuvant l'adhésion du Rwanda aux traités et accords internationaux relatifs à une organisation internationale;</p> <p>(e) les lois sur la défense et la sécurité nationale.</p> <p><b>Article 86: Compétence du Sénat d'approuver la nomination des autorités</b></p> <p>(1) Le Sénat est compétent pour approuver la nomination des autorités suivantes:</p> <p>(a) le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême, le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce, le Procureur général et le Procureur général adjoint;</p>
---	---	---

<p>(b) Abayobora komisiyo z'Igihugu, ababungirije n'abandi ba Komiseri bagize komisiyo z'Igihugu, Umuvunyi Mukuru n'Abamwungirije, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta n'Umwungirije, Abahagarariye u Rwanda mubihugu by'amahanga no mu miryango mpuzamahanga, ba Guverineri b'Intara n'abayobora ibigo bya Leta.</p> <p>(2) Sena kandi yemeza ishyirwaho ry'abandi bayobozi bo mu nzego za Leta bagenwa n'itegeko.</p> <p>(3) Guverinoma ishyikiriza Sena amazina n'imyirondoro y'abayobozi bavugwa mu gika (1) n'icya (2) by'iyi ngingo.</p> <p><b>Ingingo ya 87: Iyoherezwa ry'imishinga y'amategeko muri Sena</b></p> <p>Perezida w'Umutwe w'Abadepite yoherereza Perezida wa Sena imishinga y'amategeko yatowe n'Umutwe w'Abadepite yerekeye ibivugwa mu ngingo ya 85 y'iri Tegeko Nshinga.</p>	<p>(b) Chairpersons, Vice Chairpersons and other Commissioners of national commissions, the Ombudsman and his or her Deputies, the Auditor General of the State Finances and his or her Deputy, Ambassadors and Permanent Representatives to International Organisations, Provincial Governors and Heads of public institutions.</p> <p>(2) The Senate also approves the appointment of other public officials determined by law.</p> <p>(3) The Government transmits to the Senate the names and biographical information of officials referred to Paragraphs (1) and (2) of this Article.</p> <p><b>Article 87: Transmission of draft laws and private members' bills to the Senate</b></p> <p>The Speaker of the Chamber of Deputies transmits to the President of the Senate draft laws and private members' bills adopted by the Chamber of Deputies, relating to matters specified in Article 85 of this Constitution.</p>	<p>(b) les Présidents, les Vice-Présidents et les autres Commissaires des commissions nationales, l'Ombudsman et ses adjoints, l'Auditeur général des Finances de l'État et son adjoint, les Ambassadeurs et les représentants permanents auprès des organisations internationales, les Gouverneurs de Provinces et les dirigeants des établissements publics.</p> <p>(2) Le Sénat approuve également d'autres autorités publiques déterminées par la loi.</p> <p>(3) Le Gouvernement transmet au Sénat les noms et les renseignements biographiques des autorités visées aux paragraphes (1) et (2) du présent article.</p> <p><b>Article 87: Transmission des projets et propositions de loi au Sénat</b></p> <p>Le Président de la Chambre des Députés transmet au Président du Sénat les projets et les propositions de loi adoptés par la Chambre des Députés en rapport avec les matières visées à l'article 85 de la présente Constitution.</p>
--	--	--

<b>Akiciro ka 4: Itegurwa n'iyemezwa ry'amategeko</b>	<b>Subsection 4: Initiation and adoption of laws</b>	<b>Sous-section 4: Initiation et adoption des lois</b>
<b>Ingingo ya 88: Uburenganzira bwo gutangiza no guhindura amategeko</b>	<b>Article 88: Right to initiate and amend laws</b>	<b>Article 88: Droit d'initiative et de modification des lois</b>
(1) Gutangiza amategeko no kuyahindura ni uburenganzira bwa buri Mudepite, cyangwa Guverinoma iteraniye mu Nama y'Abaminisitiri. Icyakora, umushinga w'Itegeko Ngenga rigena imikorere ya Sena utangizwa na Sena.  (2) Utangije umushinga w'itegeko awushyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite.	(1) Initiation and amendment of laws is the right of every Deputy or the Government acting through Cabinet. However, the Senate initiates the draft organic law determining the functioning of the Senate.  (2) The initiator of a draft law or private member's bill transmits it to the Speaker of the Chamber of Deputies.	(1) Le droit d'initiative et de modification des lois appartient à chaque Député ou au Gouvernement en Conseil des Ministres. Toutefois, la proposition de loi organique portant fonctionnement du Sénat est initiée par le Sénat.  (2) L'initiateur d'un projet ou d'une proposition de loi transmet ce dernier au Président de la Chambre des Députés.
<b>Ingingo ya 89: Umushinga w'itegeko rishobora kugira ingaruka ku mutungo w'Ighugu</b>	<b>Article 89: Draft law or private member's bill likely to affect the national budget</b>	<b>Article 89: Projet ou proposition de loi susceptible d'avoir une implication budgétaire</b>
Iyo umushinga w'itegeko cyangwa ihindurwa ry'itegeko bishobora gutubya umutungo w'Ighugu cyangwa kukibera umutwaro, uwawutangije agomba kwerekana uburyo Leta izinjiza cyangwa izazigama umutungo ungana n'uteganywa gusohoka.	If a draft, private member's bill or an amendment of a law has the potential to reduce Government revenue or increase State expenditure, the initiator must indicate means for enabling the State to generate revenues or make savings equivalent to the anticipated expenditure.	Si un projet, une proposition ou une modification d'une loi sont susceptibles de réduire les recettes de l'État ou d'augmenter les dépenses de l'État, l'initiateur doit indiquer les moyens prévus pour permettre à l'État de réaliser des recettes ou faire des économies équivalentes aux dépenses envisagées.

<b><u>Iningo ya 90: Isuzumwa ry'imishinga y'amategeko</u></b>	<b><u>Article 90: Consideration of draft laws or private members' bills</u></b>	<b><u>Article 90: Examen des projets ou propositions de loi</u></b>
(1) Imishinga y'amategeko Inteko Rusange yemeje ko ifite ishingiro ibanza koherezwa muri Komisiyo y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ibishinzwe kugira ngo iyisuzume mbere yuko yemezwa mu Nteko Rusange.	(1) Draft laws or private members' bills approved by the plenary Assembly to have relevance are transmitted to the relevant parliamentary committee of the Chamber of Parliament for consideration prior to their adoption in the plenary Assembly.	(1) Les projets ou propositions de loi dont l'opportunité a été adoptée par l'Assemblée plénière sont envoyés pour examen à la commission compétente de la Chambre du Parlement avant leur adoption par l'Assemblée plénière.
(2) Mu gihe Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko usuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko, ushobora kwemeza ko uwo mushinga w'itegeko usuzumwa kandi ukemezwa mu Nteko Rusange utabanje gusuzumwa muri Komisiyo ibishinzwe.	(2) During the consideration of the relevance of a draft law or private member's bill, a Chamber of Parliament may decide to consider and adopt such a draft law or private member's bill in a plenary sitting without it being subjected to the relevant Committee's prior consideration.	(2) Une Chambre du Parlement peut, lors de l'examen de l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi, décider d'examiner et d'adopter ce projet ou cette proposition de loi en séance plénière sans les soumettre à l'examen préalable de la commission compétente.
<b><u>Iningo ya 91: Uburyo itegeko ritorwa</u></b>	<b><u>Article 91: Procedures for adoption of law</u></b>	<b><u>Article 91: Procédure d'adoption d'une loi</u></b>
(1) Amategeko asanzwe atorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite cyangwa Abasenateri bitabiriye inama y'Inteko Rusange.	(1) Ordinary laws are passed by an absolute majority vote of Deputies or Senators present at the sitting of the Plenary Assembly.	(1) Les lois ordinaires sont votées à la majorité absolue des Députés ou des Sénateurs présents à la séance de l'Assemblée plénière.
(2) Amategeko ngenga atorwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'Abadepite cyangwa Abasenateri bitabiriye inama y'Inteko Rusange.	(2) Organic laws are passed by a three-fifths majority vote of Deputies or Senators present at the sitting of the Plenary Assembly.	(2) Les lois organiques sont votées à la majorité des trois cinquièmes des Députés ou des Sénateurs présents à la séance de l'Assemblée plénière.

<p>(3) Uburyo bukoreshwa mu itora n'uko itora rikorwa bigenwa n'itegeko ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>(3) The mode and procedure for voting are provided for by an organic law determining the functioning of each Chamber of Parliament.</p>	<p>(3) Le mode et la procédure de vote sont déterminés par la loi organique portant fonctionnement de chaque Chambre du Parlement.</p>
<p><b><u>Iningo ya 92: Ishyirwaho n'iyemezwa ry'itegeko-teka</u></b></p>	<p><b><u>Article 92: Enactment and adoption of a decree-law</u></b></p>	<p><b><u>Article 92: Initiation et adoption d'un décret-loi</u></b></p>
<p>(1) Iyo bidashoboka rwose ko Inteko Ishinga Amategeko iterana, Perezida wa Repubulika ashobora gushyiraho itegeko-teka ryemejwe n'Inama y'Abaminisitiri. Iryo tegeko-teka rigira agaciro k'itegeko risanzwe.</p> <p>(2) Itegeko-teka rihita rita agaciro iyo ritemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko mu gihe ishoboye kongera guterana mu gihembwe gikurikira.</p>	<p>(1) If it is absolutely impossible for the Parliament to sit, the President of the Republic may during that time enact a decree-law approved by Cabinet. Such a decree-law has the same force as the ordinary law.</p> <p>(2) The decree-law immediately ceases to have legal force if not adopted by the Parliament at its next session.</p>	<p>(1) Lorsque le Parlement est dans l'impossibilité absolue de siéger, le Président de la République peut prendre un décret-loi approuvé en Conseil des Ministres. Ce décret-loi a même force que la loi ordinaire.</p> <p>(2) À défaut de son adoption par le Parlement à sa plus prochaine session, ce décret-loi perd immédiatement toute force de loi.</p>
<p><b><u>Iningo ya 93: Gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo</u></b></p>	<p><b><u>Article 93: Urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter</u></b></p>	<p><b><u>Article 93: Examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question</u></b></p>
<p>(1) Ugize Inteko Ishinga Amategeko, cyangwa Guverinoma, ashobora gusaba Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo.</p>	<p>(1) A member of Parliament or the Government may request the relevant Chamber of Parliament the urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter.</p>	<p>(1) Un membre du Parlement ou le Gouvernement peut solliciter à la Chambre du Parlement concernée, l'examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question.</p>

<p>(2) Iyo gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo bisabwe n'ugize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ufata icyemezo kuri ubwo bwihutirwe.</p> <p>(3) Iyo gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo bisabwe na Guverinoma biremerwa iyo hari impamvu zumvikana.</p> <p>(4) Iyo Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba wemeje ko umushinga w'itegeko cyangwa ikinbazo byihutirwa, isuzuma uwo mushinga w'itegeko cyangwa icyo kibazo mbere y'ibindi biri ku murongo w'ibyigwa.</p> <p><b>Ingingo ya 94: Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko</b></p> <p>(1) Imishinga y'amategeko Sena ifitiye ububasha bwo gusuzuma, iyigezwaho ibanje kwemezwa n'Umutwe w'Abadepite.</p> <p>(2) Iyo umushinga w'itegeko utemewe na Sena cyangwa iyo ubugororango Sena yawukozeho butemewe n'Umutwe</p>	<p>(2) When the request for urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter is submitted by a member of Parliament, the relevant Chamber of Parliament decides on the urgency.</p> <p>(3) When the request for urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter is submitted by Government, it is granted if there are reasonable grounds.</p> <p>(4) When the relevant Chamber of Parliament confirms the urgency of a draft law or private member's bill or any other matter, it considers the draft law or private member's bill or any other matter before other items on the agenda.</p> <p><b>Article 94: Joint committee of the Parliament</b></p> <p>(1) Draft laws or private member's bills subject to examination by the Senate are transmitted to the Senate after adoption by the Chamber of Deputies.</p> <p>(2) If a draft law or private member's bill is not approved by the Senate or the amendments proposed by the Senate are</p>	<p>(2) Lorsque l'examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question est sollicité par un membre du Parlement, la Chambre du Parlement concernée se prononce sur cette urgence.</p> <p>(3) Lorsque la requête d'examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question est présentée par le Gouvernement, l'urgence est acceptée s'il existe des motifs valables.</p> <p>(4) Lorsque la Chambre du Parlement concernée accepte l'urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question, elle examine ce projet ou cette proposition de loi ou cette question avant d'autres points à l'ordre du jour.</p> <p><b>Article 94: Commission paritaire du Parlement</b></p> <p>(1) Les projets ou propositions de loi dont l'examen relève de la compétence du Sénat lui sont envoyés après leur adoption par la Chambre des Députés.</p> <p>(2) Lorsqu'un projet ou une proposition de loi n'est pas adopté par le Sénat ou que des amendements y apportés par ce</p>
---	--	--

<p>w'Abadepite, hashyirwaho Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'umubare ungana w'Abadepite n'Abasenateri kugira ngo itange umushinga w'umwanzuro ku ngingo zikigibwaho impaka.</p>	<p>not accepted by the Chamber of Deputies, a joint committee composed of an equal number of Deputies and Senators is established to make proposals on the outstanding matters.</p>	<p>dernier ne sont pas acceptés par la Chambre des Députés, il est créé une commission paritaire composée à égalité de nombre de Députés et de Sénateurs pour faire des propositions sur les questions restant en discussion.</p>
<p>(3) Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora kandi gushyirwaho, byemejwe n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, kugira ngo ifate umwanzuro ku kindi kibazo kigaragaye mu itegeko ryatowe n'Imitwe yombi igihe cyose ritaroherezwa kugira ngo rishyirweho umukono.</p>	<p>(3) A joint Committee of Parliament may also be established, if approved by the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament by a three-fifths majority vote of its members, to decide on any other matter identified in the law adopted by both Chambers of Parliament so long as the law has not been transmitted for promulgation.</p>	<p>(3) Une commission paritaire du Parlement peut également être mise en place, après approbation par l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement à la majorité des trois cinquièmes de ses membres, pour statuer sur tout autre problème constaté dans une loi déjà adoptée par les deux Chambres aussi longtemps que cette loi n'est pas encore transmise pour promulgation.</p>
<p>(4) Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko imenyeshwa umwanzuro wumvikanyweho na komisiyo ikawufataho icyemezo.</p>	<p>(4) The Plenary Assembly of each Chamber of Parliament is notified of the conclusion reached by the joint committee for decision.</p>	<p>(4) L'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement est informée du compromis de la commission paritaire pour décision.</p>
<p>(5) Iyo umwanzuro utemewe n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, umushinga w'itegeko usubizwa uwawutangije.</p>	<p>(5) Failure to reach a conclusion by both Chambers of Parliament, a draft law or private member's bill is returned to its initiator.</p>	<p>(5) À défaut d'adoption par les deux Chambres du Parlement, le projet ou la proposition de loi sont renvoyés à son initiateur.</p>

<b>Akiciro ka 5: Ubusumbane bw'amategeko n'isobanurampamo ryayo</b>	<b>Subsection 5: Hierarchy and authentic interpretation of laws</b>	<b>Sous-section 5: Hiérarchie et interprétation authentique de lois</b>
<b>Ingingo ya 95: Ubusumbane bw'amategeko</b>	<b>Article 95: Hierarchy of laws</b>	<b>Article 95: Hiérarchie des lois</b>
(1) Amategeko asumbana mu buryo bukurikira:  (a) Itegeko Nshinga;  (b) Itegeko Ngenga;  (c) amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda;  (d) itegeko risanzwe;  (e) amateka n'amabwiriza ateganywa n'itegeko.	(1) The hierarchy of laws is as follows:  (a) Constitution;  (b) organic law;  (c) international treaties and agreements ratified by Rwanda;  (d) ordinary law;  (e) orders and regulations provided for by a law.	(1) Les lois sont hiérarchisées comme suit:  (a) la Constitution;  (b) la loi organique;  (c) les traités et les accords internationaux ratifiés par le Rwanda;  (d) la loi ordinaire;  (e) les arrêtés et les règlements prévus par une loi.
(2) Nta tegeko rivuguruza iririsumba.	(2) A law cannot contradict another law that is higher in hierarchy.	(2) Une loi ne peut pas contredire une autre loi qui lui est supérieure.
(3) Amategeko ngenga ni amategeko iri Tegeko Nshinga rigena nk'amategeko ngenga kandi riha ububasha bwo kugena indi mirongo y'ingenzi mu mwanya w'Itegeko Nshinga.	(3) Organic laws are those designated as such and empowered by this Constitution to regulate other key matters in the place of the Constitution.	(3) Les lois organiques sont celles que la présente Constitution qualifie comme telles et auxquelles elle confère le pouvoir de prévoir d'autres principes clés à la place de la Constitution.

<b><u>Ingingo ya 96: Isobanurampamo ry'amategeko</u></b>	<b><u>Article 96: Authentic interpretation of laws</u></b>	<b><u>Article 96: Interprétation authentique des lois</u></b>
(1) Isobanurampamo ry'amategeko rikorwa n'Urukiko rw'Ikirenga.	(1) Authentic interpretation of laws is done by the Supreme Court.	(1) L'interprétation authentique des lois est faite par la Cour Suprême.
(2) Isobanurampamo ry'amategeko rishobora gusabwa na Guverinoma cyangwa Urugaga rw'Abavoka.	(2) Authentic interpretation of laws may be requested by the Cabinet or the Bar Association.	(2) L'interprétation authentique des lois peut être demandée par le Gouvernement ou par l'Ordre des Avocats.
(3) Umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba isobanurampamo ry'itegeko abinyujije ku Rugaga rw'Abavoka.	(3) Any interested person may request for an authentic interpretation of a law through the Bar Association.	(3) Toute personne intéressée peut demander l'interprétation authentique d'une loi par l'intermédiaire de l'Ordre des Avocats.
(4) Iyo itegeko ritumvikanye kimwe mu ndimi ryatangajwemo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, hitabwa ku rurimi iryo tegeko ryatowemo.	(4) In case of conflict between the languages in which a law was published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the language in which the law was adopted prevails.	(4) En cas de contradiction entre les langues de publication d'une loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, la langue d'adoption de cette loi prévaut.
<b><u>Icyiciro cya 3: Ubutegetsi Nyubahirizategeko</u></b>	<b><u>Section 3: The Executive</u></b>	<b><u>Section 3: Le Pouvoir exécutif</u></b>
<b><u>Ingingo ya 97: Ushinzwe Ubutegetsi Nyubahirizategeko</u></b>	<b><u>Article 97: Exercise of Executive Power</u></b>	<b><u>Article 97: Exercice du Pouvoir exécutif</u></b>
Ubutegetsi Nyubahirizategeko bushinzwe Perezida wa Repubulika na Guverinoma.	Executive Power is vested in the President of the Republic and the Cabinet.	Le Pouvoir exécutif est exercé par le Président de la République et le Gouvernement.

<b>Akiciro ka mbere: Perezida wa Repubulika</b>	<b>Subsection One: The President of the Republic</b>	<b>Sous-section première: Le Président de la République</b>
<b>Ingingo ya 98: Inshingano za Perezida wa Repubulika</b>	<b>Article 98: Responsibilities of the President of the Republic</b>	<b>Article 98: Attributions du Président de la République</b>
(1) Perezida wa Repubulika ni we Mukuru w'Ighugu.	(1) The President of the Republic is the Head of State.	(1) Le Président de la République est le Chef de l'État.
(2) Perezida wa Repubulika ashinzwe kurinda Itegeko Nshinga no kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda.	(2) The President of the Republic is the defender of the Constitution and the guarantor of national unity.	(2) Le Président de la République est le défenseur de la Constitution et le garant de l'unité nationale.
(3) Perezida wa Repubulika yishingira ko Leta ikomeza kubaho, akanishingira ubwigenge n'ubusugire bw'Ighugu no kubahiriza amasezerano mpuzamahanga.	(3) The President of the Republic is the guarantor of the continuity of the State, independence and sovereignty of the country and the respect for international treaties.	(3) Le Président de la République est le garant de la continuité de l'État, de l'indépendance et de la souveraineté nationales, et du respect des traités internationaux.
(4) Perezida wa Repubulika, rimwe mu mwaka, ageza ku Banyarwanda ijambu rigaragaza uko Ighugu gihagaze.	(4) The President of the Republic delivers, once every year, the state of the Nation address.	(4) Le Président de la République adresse une fois par an un message aux Rwandais sur l'état de la nation.
<b>Ingingo ya 99: Ibisabwa umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika</b>	<b>Article 99: Requirements of a candidate for the office of President of the Republic</b>	<b>Article 99: Conditions requises pour être candidat à la Présidence de la République</b>
Umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika agomba kuba:	A candidate for the office of the President of the Republic must:	Un candidat à la Présidence de la République doit:
(a) afite ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko;	(a) be of Rwandan nationality by origin;	(a) être de nationalité rwandaise d'origine;

<ul style="list-style-type: none"> <li>(b) nta bundi bwenegihugu afite;</li> <li>(c) indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;</li> <li>(d) atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu ;</li> <li>(e) atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;</li> <li>(f) afite nibura imyaka 35 y'amavuko mu gihe cyo kwiyamariza uwo mwanya;</li> <li>(g) aba mu Rwanda igihe asaba kwiyamariza uwo mwanya.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(b) not hold any other nationality;</li> <li>(c) be irreproachable in his or her conduct and social relations;</li> <li>(d) not have been definitively sentenced to an imprisonment of six months or more;</li> <li>(e) not have been deprived of civil and political rights by a Court decision;</li> <li>(f) be at least 35 years old at the time of his or her candidacy;</li> <li>(g) reside in Rwanda at the time of submitting his or her candidacy.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(b) ne pas détenir une autre nationalité;</li> <li>(c) être irréprochable dans sa conduite et ses relations sociales;</li> <li>(d) n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois;</li> <li>(e) n'avoir pas été déchu par décision judiciaire des droits civiques et politiques;</li> <li>(f) être âgé de 35 ans au moins au moment de sa candidature;</li> <li>(g) résider sur le territoire du Rwanda au moment du dépôt de candidature.</li> </ul>
<p><b>Ingingo ya 100: Igihe n'imigendekere y'itorwa rya Perezida wa Repubulika</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(1) Itorwa rya Perezida wa Repubulika rikorwa hasigaye nibura iminsi 30 kandi itarenga 60 mbere y'uko manda ya Perezida uraho irangira.</li> <li>(2) Itegeko Ngenga rigenga amatora riteganya uburyo bwo gutanga kandidatire ku mwanya wa Perezida wa</li> </ul>	<p><b>Article 100: Period and procedure for conducting presidential elections</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(1) Elections for the President of the Republic are held at least 30 days and not more than 60 days before the end of the term of the incumbent President.</li> <li>(2) The organic law governing elections determines the procedure for submitting presidential candidacy, conducting</li> </ul>	<p><b>Article 100: Période et déroulement de l'élection présidentielle</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(1) L'élection du Président de la République a lieu 30 jours au moins et 60 jours au plus avant l'expiration du mandat du Président en exercice.</li> <li>(2) La loi organique régissant les élections détermine les modalités de présentation de la candidature présidentielle, de</li> </ul>

<p>Repubulika, uko itora rikorwa, ibarura ry'amajwi, uburyo bwo gukemura impaka zivutse, gutangaza ibyavuye mu itora n'igihe ntarengwa cyo kubitangaza. Iryo tegeko ngenga riteganya n'ibindi bya ngombwa kugira ngo amatora atungane kandi akorwe mu mucyo.</p>	<p>elections, counting of ballots, resolving election disputes, proclamation of electoral results and its time limit. The organic law also determines other necessary matters to ensure fair and free elections.</p>	<p>déroulement du scrutin, de dépouillement de voix, de règlement des contestations électorales, de proclamation des résultats du scrutin et ses délais limites. Cette loi organique précise également toutes les autres dispositions nécessaires au bon déroulement et à la transparence du scrutin.</p>
<p><b><u>Iningo ya 101: Manda ya Perezida wa Repubulika</u></b></p>	<p><b><u>Article 101: Term of office of the President of the Republic</u></b></p>	<p><b><u>Article 101: Mandat du Président de la République</u></b></p>
<p>Perezida wa Repubulika atorerwa manda y'imyaka itanu. Ashobora kongera gutorerwa indi manda imwe.</p>	<p>The President of the Republic is elected for a five-year term. He or she may be re-elected once.</p>	<p>Le Président de la République est élu pour un mandat de cinq ans. Il peut être réélu une seule fois.</p>
<p><b><u>Iningo ya 102: Indahiro ya Perezida wa Repubulika</u></b></p>	<p><b><u>Article 102: Oath of the President of the Republic</u></b></p>	<p><b><u>Article 102: Serment du Président de la République</u></b></p>
<p>(1) Mbere yo gutangira imirimo, Perezida wa Repubulika arahirira mu ruhame, imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga muri aya magambo:</p> <p>“Jyewe, ..... ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:</p> <p>(a) ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>(b) ko nzakurikiza nkanarinda Itegeko Nshinga n'andi mategeko;</p>	<p>(1) Before assuming office, the President of the Republic publicly takes oath before the President of the Supreme Court as follows:</p> <p>“I, ..... do solemnly swear to Rwanda that I will:</p> <p>(a) remain loyal to the Republic of Rwanda;</p> <p>(b) observe and defend the Constitution and other laws;</p>	<p>(1) Avant d'entrer en fonction, le Président de la République prête, publiquement devant le Président de la Cour Suprême, le serment dont la teneur suit:</p> <p>«Moi, ..... je jure solennellement à la Nation :</p> <p>(a) de garder fidélité à la République du Rwanda;</p> <p>(b) d'observer et défendre la Constitution et les autres lois;</p>

<p>(c) ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;</p> <p>(d) ko nzaharanira amahoro n'ubusugire bw'Igihugu;</p> <p>(e) ko nzashimangira ubumwe bw'Abanyarwanda;</p> <p>(f) ko ntazigera nkoresha ububasha mpawe mu nyungu zanje bwite;</p> <p>(g) ko nzaharanira ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro.</p> <p>Nintatira iyi ndahiro nzabihaniwe n'amategeko.</p> <p>Imana ibimfashemo.”</p> <p>(2) Perezida wa Repubulika arahira bitarenze iminsi 30 nyuma y'itorwa rye, indahiro ye ikakirwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.</p>	<p>(c) diligently fulfil responsibilities entrusted to me;</p> <p>(d) preserve peace and national sovereignty;</p> <p>(e) consolidate national unity;</p> <p>(f) never use the powers conferred upon me for personal interests;</p> <p>(g) strive for the interests of all Rwandans.</p> <p>Should I fail to honour this oath, may I be subjected to the rigours of the law.</p> <p>So help me God.”</p> <p>(2) The President of the Republic takes the oath of office within 30 days following his or her election. His or her oath of office is administered by the President of the Supreme Court.</p>	<p>(c) de remplir loyalement les fonctions qui me sont confiées;</p> <p>(d) de préserver la paix et la souveraineté nationale;</p> <p>(e) de consolider l’Unité Nationale;</p> <p>(f) de ne jamais utiliser les pouvoirs qui me sont dévolus à des fins personnelles;</p> <p>(g) d’œuvrer pour les intérêts de tous les Rwandais.</p> <p>En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.</p> <p>Que Dieu me vienne en aide.”</p> <p>(2) Le Président de la République prête serment endéans les 30 jours à compter de la date de son élection. Son serment est reçu par le Président de la Cour Suprême.</p>
---	---	--

<b><u>Iningo ya 103: Imirimo itabangikanywa n'umurimo wa Perezida wa Repubulika</u></b>	<b><u>Article 103: Duties incompatible with the office of the President of the Republic</u></b>	<b><u>Article 103: Fonctions incompatibles avec le mandat du Président de la République</u></b>
<p>Umurimo wa Perezida wa Repubulika ntubangikanywa n'undi murimo wo mu nzego za Leta zitorerwa, indi mirimo ya Leta ya gisiviri cyangwa ya gisirikare, cyangwa undi murimo w'umwuga.</p> <p><b><u>Iningo ya 104: Inzibacyaho ya Perezida wa Repubulika</u></b></p> <p>(1) Perezida wa Repubulika uri ku butegetsi akomeza gukora kugeza igithe Perezida wa Repubulika watowe atangiriyе imirimo.</p> <p>(2) Icyakora, mu gihe Perezida wa Repubulika watowe ataratangira imirimo, Perezida wa Repubulika uri ku butegetsi ntiyemerewe:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) gutangiza intambara;</li> <li>(b) gutangaza ibihe by'amage;</li> <li>(c) gukoresha itora rya referandumu;</li> <li>(d) gutanga imbabazi ku baciriwe imanza burundu n'urukiko.</li> </ul>	<p>The office of the President of the Republic is incompatible with any other elective public office, other public civilian or military positions or any other profession.</p> <p><b><u>Article 104: Presidential transition</u></b></p> <p>(1) The incumbent President of the Republic remains in office until the President-elect assumes office.</p> <p>(2) However, when the President-elect has not yet assumed office, the incumbent President cannot:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) declare war;</li> <li>(b) declare a state of emergency;</li> <li>(c) call a referendum;</li> <li>(d) grant mercy to persons definitively sentenced by Courts of law.</li> </ul>	<p>Les fonctions de Président de la République sont incompatibles avec l'exercice de toute autre mandat public électif, de tout emploi public civil ou militaire ou de toute autre profession.</p> <p><b><u>Article 104: Transition présidentielle</u></b></p> <p>(1) Le Président de la République en exercice reste en fonction jusqu'à l'installation du Président de la République élu.</p> <p>(2) Toutefois, lorsque le Président de la République élu n'est pas encore entré en fonction, le Président en exercice ne peut pas:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) déclarer la guerre;</li> <li>(b) déclarer l'état d'urgence;</li> <li>(c) initier le référendum;</li> <li>(d) exercer le droit de grâce pour des personnes condamnées par jugement définitif.</li> </ul>

<p>(3) Mu gihe cy'inzibacyuho ya Perezida wa Repubulika, Itegeko Nshinga ntirishobora kuvugururwa.</p> <p>(4) Mu gihe Perezida wa Repubulika watowe apfuye, agize impamvu zimubuza burundi gukora imirimio yatorewe cyangwa adashatse kujya ku mwanya yatorewe, hategurwa andi matora.</p> <p><b>Ingingo ya 105: Isimburwa cyangwa isigarirwaho rya Perezida wa Repubulika</b></p> <p>(1) Perezida wa Repubulika ahagarika imirimo ye iyo yaciriwe urubanza burundi n'Urukiko rw'Ikirenga kubera kugambanira Igihugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga.</p> <p>(2) Icyemezo gitanga uburenganzira bwo kurega Perezida wa Repubulika mu Rukiko rw'Ikirenga gifatwa binyuze mu matora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteraniye hamwe.</p> <p>(3) Gukurikirana Perezida wa Repubulika bikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru Wungirije cyangwa bombi.</p>	<p>(3) During the Presidential transition, the Constitution cannot be revised.</p> <p>(4) In case the President-elect dies, is permanently unable to assume office or chooses not to take office, new elections are organised.</p> <p><b>Article 105: Replacing, or acting on behalf of, the President of the Republic</b></p> <p>(1) The President of the Republic ceases to hold office if he or she is definitively sentenced by the Supreme Court for treason or a serious and deliberate violation of the Constitution.</p> <p>(2) The decision authorising charges to be filed against the President of the Republic in the Supreme Court is taken by a two-thirds majority vote of members of each Chamber of Parliament in a joint sitting.</p> <p>(3) Prosecution against the President of the Republic is conducted by the Prosecutor General or the Deputy Prosecutor General or both.</p>	<p>(3) Pendant la transition présidentielle, la Constitution ne peut pas être révisée.</p> <p>(4) Au cas où le Président de la République élu décède, est définitivement empêché d'assumer ses fonctions ou renonce au bénéfice de son élection, il est procédé à de nouvelles élections.</p> <p><b>Article 105: Remplacement ou intérim du Président de la République</b></p> <p>(1) Le Président de la République est déchu de ses fonctions s'il est condamné définitivement par la Cour Suprême pour trahison ou pour violation grave et délibérée de la Constitution.</p> <p>(2) La décision autorisant la mise en accusation du Président de la République devant la Cour Suprême est adoptée par les deux Chambres du Parlement réunies en séance conjointe, à la majorité des deux tiers des membres de chaque Chambre.</p> <p>(3) Les poursuites contre le Président de la République sont engagées soit par le Procureur général, soit par le Procureur général adjoint ou les deux.</p>
---	---	--

(4) Iyo Perezida wa Repubulika ahamwe n'ibyaha bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, yeguye, agize ubumuga bwa burundi cyangwa apfuye, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga atangaza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwuriho.	(4) If the President of the Republic is convicted of offences mentioned in Paragraph (1) of this Article, or if he or she resigns, is permanently incapacitated or dies, the President of the Supreme Court declares the office of President of the Republic vacant.	(4) En cas de condamnation du Président de la République pour les infractions mentionnées au paragraphe (1) du présent article, de sa démission, de son incapacité permanente ou de son décès, le Président de la Cour Suprême déclare la vacance de poste du Président de la République.
(5) Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga atangaje ko umwanya wa Perezida wa Repubulika udafite umuntu uwuriho, Perezida wa Repubulika asimburwa by'agateganyo na Perezida wa Sena, ataboneka agasimburwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite; iyo abo bombi batabonetse, imirimo ya Perezida wa Repubulika ikorwa by'agateganyo na Minisitiri w'Intebe.	(5) When the President of the Supreme Court declares the office of President of the Republic vacant, the President of the Republic is replaced in an acting capacity by the President of the Senate, or in his or her absence by the Speaker of the Chamber of Deputies, or in the absence of both by the Prime Minister.	(5) Lorsque le Président de la Cour Suprême déclare la vacance de poste du Président de la République, l'intérim de la fonction présidentielle est assuré par le Président du Sénat ou, en cas d'empêchement de celui-ci, par le Président de la Chambre des Députés ou, en cas d'absence simultanée des deux, par le Premier Ministre.
(6) Ubumuga bwa burundi buvugwa mu gika cya (4) cy'iyi ngingo bwemezwa n'akanama k'abaganga batatu gashyirwaho na Minisitiri ufiti ubuzima mu nshingano bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.	(6) Permanent incapacity referred to in Paragraph (4) of this Article is certified by a panel of three medical doctors nominated by the Minister in charge of health upon request by the President of the Supreme Court.	(6) L'incapacité permanente visée au paragraphe (4) du présent article est certifiée par une commission de trois médecins désignés par le Ministre ayant la santé dans ses attributions sur demande du Président de la Cour Suprême.
(7) Usimbuye Perezida wa Repubulika, uvugwa muri iyi ngingo, ntashobora gushyira abakozi mu mirimo, gukoresha itora rya referandumu, gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga, gutanga	(7) The acting President of the Republic referred to in this Article cannot appoint public officials, call a referendum, initiate the revision of the Constitution, exercise the prerogative of mercy or declare war.	(7) La personne assurant l'intérim du Président de la République visé au présent article ne peut pas procéder à des nominations, initier un référendum ou la révision de la Constitution, exercer le droit de grâce ou déclarer la guerre.

<p>imbabazi ku baciriwe imanza burundu n'urukiko, cyangwa gutangiza intambara.</p>		
<p>(8) Mu gihe Perezida wa Repubulika avuyeho mbere y'uko manda ye irangira, amatora yo kumusimbura akorwa mu minsi itarenze 90. Perezida wa Repubulika utowe arangiza manda y'uwo asimbuye.</p>	<p>(8) In case the office of the President of the Republic becomes vacant before the end of the President's term of office, elections to replace him or her are organised within 90 days. The President of the Republic who is elected serves the remainder of the term of office of his or her predecessor.</p>	<p>(8) En cas de vacance de poste du Président de la République avant l'échéance de son mandat, les élections sont organisées dans un délai de 90 jours. Le Président de la République élu exerce le mandat restant à courir de son prédécesseur.</p>
<p>(9) Mu gihe Perezida wa Repubulika atari mu gihugu, arwaye cyangwa adashoboye by'igihe gito gukora imirimio ye, asigarirwaho na Minisitiri w'Intebe.</p>	<p>(9) When the President of the Republic is out of the country, sick or temporarily unable to perform his or her duties, the Prime Minister serves in an acting capacity.</p>	<p>(9) Lorsque le Président de la République est en dehors du pays, en cas de maladie ou d'empêchement temporaire, son intérim est assuré par le Premier Ministre.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 106: Ububasha bwo gushyira umukono ku mategeko</u></b></p>	<p><b><u>Article 106: Powers to promulgate laws</u></b></p>	<p><b><u>Article 106: Pouvoir de promulgation de lois</u></b></p>
<p>(1) Perezida wa Repubulika ashyira umukono ku igegeko ryatowe bitarenze igihe cy'iminsi 30 uhoreye ku munsi iryo tegeko ryamugerejweho.</p> <p>(2) Icyakora, mbere yo kurishyiraho umukono, Perezida wa Repubulika ashobora gusaba Inteko Ishinga Amategeko kurisubiramo.</p>	<p>(1) The President of the Republic promulgates a law within 30 days of its receipt.</p> <p>(2) However, before promulgating the law, the President of the Republic may request Parliament for a second reading.</p>	<p>(1) Le Président de la République promulgue une loi dans les 30 jours à compter de la date de sa réception.</p> <p>(2) Le Président de la République peut toutefois, avant de promulguer la loi, demander au Parlement de procéder à une deuxième lecture.</p>

<p>(3) Iyo, nyuma yo gusabwa na Perezida wa Repubulika gusubiramo itegeko, Inteko Ishinga Amategeko yongeye gutora itegeko ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu ku byerekeye amategeko asanzwe cyangwa ku bwiganze bwa bitatu bya kane ku byerekeye amategeko ngenga, Perezida wa Repubulika arishyiraho umukono mu gihe cyavuzwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p>	<p>(3) If, after the request by the President of the Republic for a second reading of a law, the Parliament adopts the law by a two-thirds majority vote for ordinary laws, or by a three-quarters majority vote for organic laws, the President of the Republic promulgates the law within the period referred to in Paragraph (1) of this Article.</p>	<p>(3) Lorsque, après la demande de la deuxième lecture d'une loi par le Président de la République, le Parlement vote la même loi à la majorité des deux tiers pour les lois ordinaires ou des trois quarts pour les lois organiques, le Président de la République la promulgue dans le délai prévu au paragraphe (1) du présent article.</p>
<p><b><u>Iningo ya 107: Ububasha bwo gukoresha referandumu</u></b></p> <p>(1) Ububasha bwo gukoresha referandumu ni ubwa Perezida wa Repubulika.</p> <p>(2) Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gukoresha referandumu ku kibazo kirebana n'inyungu rusange z'Igihugu, ku Itegeko Nshinga, ku mushinga w'Itegeko Nshinga, ku itegeko cyangwa ku mushinga w'itegeko, hakurikijwe ibiteganywa n'iri Tegeko Nshinga cyangwa andi mategeko.</p> <p>(3) Abisabwe, Perezida wa Repubulika ashobora kandi gukoresha referandumu hashingiwe ku biteganywa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo.</p>	<p><b><u>Article 107: Powers to call a referendum</u></b></p> <p>(1) The power to call a referendum is vested in the President of the Republic.</p> <p>(2) The President of the Republic, after consulting the Supreme Court, may call a referendum on an issue of national interest, on a Constitution, on a draft Constitution, on a law or draft law, in accordance with the provisions of this Constitution or other laws.</p> <p>(3) On request, the President of the Republic may also call a referendum on matters referred to in Paragraph (2) of this Article.</p>	<p><b><u>Article 107: Pouvoir d'initier un référendum</u></b></p> <p>(1) Le pouvoir d'initier un référendum appartient au Président de la République.</p> <p>(2) Le Président de la République, après consultation de la Cour Suprême, peut soumettre au référendum une question d'intérêt national, la Constitution, un projet de la Constitution, une loi ou un projet de loi, conformément aux dispositions de la présente Constitution ou d'autres lois.</p> <p>(3) Sur requête, le Président de la République peut également soumettre au référendum les matières visées au paragraphe (2) du présent article.</p>

<p>(4) Iyo Itegeko Nshinga, umushinga w'Itegeko Nshinga, itegeko cyangwa umushinga w'itegeko byemejwe n'itora rya referendumu, Perezida wa Repubulika arishyiraho umukono mu gihe kitarenze iminsi umunani uhereye umunsi ibyavuye muri iryo tora byatangarijwe.</p>	<p>(4) If the Constitution, the draft Constitution, the law or the draft law is passed by referendum, the President of the Republic promulgates it within a period of eight days from the day the results of the referendum are proclaimed.</p>	<p>(4) Lorsque la Constitution, le projet de la Constitution, la loi ou le projet de loi est adopté par référendum, le Président de la République la promulgue dans un délai de huit jours à partir du jour de la proclamation des résultats du référendum.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 108: Ububasha bwa Perezida wa Repubulika mu byerekeranye n'intambara n'ibihе by'amage</u></b></p>	<p><b><u>Article 108: Powers of the President of the Republic in matters of war and state of emergency</u></b></p>	<p><b><u>Article 108: Pouvoirs du Président de la République en matière de guerre et d'état d'urgence</u></b></p>
<p>(1) Perezida wa Repubulika ni Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda.</p> <p>(2) Perezida wa Repubulika atangiza intambara. Ashyira kandi umukono ku masezerano yo guhagarika no kurangiza intambara.</p> <p>(3) Perezida wa Repubulika atangaza ibihe by'amage mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.</p>	<p>(1) The President of the Republic is the Commander-in-Chief of the Rwanda Defence Force.</p> <p>(2) The President of the Republic declares war. He or she also signs armistice and peace agreements.</p> <p>(3) The President of the Republic declares a state of emergency in accordance with provisions of this Constitution and other laws.</p>	<p>(1) Le Président de la République est le Commandant Suprême des Forces Rwandaises de Défense.</p> <p>(2) Le Président de la République déclare la guerre. Il signe également l'armistice et les accords de paix.</p> <p>(3) Le Président de la République déclare l'état d'urgence dans les conditions prévues par la présente Constitution et d'autres lois.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 109: Ububasha bwo gutanga imbabazi</u></b></p> <p>Perezida wa Repubulika afite ububasha bwo gutanga imbabazi mu buryo buteganywa</p>	<p><b><u>Article 109: Prerogative of mercy</u></b></p> <p>The President of the Republic has the authority to exercise the prerogative of mercy in accordance with the procedures</p>	<p><b><u>Article 109: Droit de grâce</u></b></p> <p>Le Président de la République exerce le droit de grâce dans les conditions définies par la loi et après avis de la Cour Suprême.</p>

n'amategeko kandi amaze kubigishamo inama Urukiko rw'Ikirenga.	provided for by law and after consultation with the Supreme Court.	
<b><u>Iningo ya 110: Ububasha bwo gushyiraho ifaranga</u></b>  Perezida wa Repubulika afite ububasha bwo gushyiraho ifaranga ry'Ighugu hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.	<b><u>Article 110: Power to issue currency</u></b>  The President of the Republic has the power to issue national currency in accordance with the law.	<b><u>Article 110: Droit de frapper la monnaie</u></b>  Le Président de la République a le droit de frapper la monnaie nationale conformément à la loi.
<b><u>Iningo ya 111: Ububasha bwo guhagararira Ighugu</u></b>  (1) Perezida wa Repubulika ahagararira u Rwanda mu mibanire yarwo n'amahanga; ashobora kandi kugena umuhagararira.  (2) Perezida wa Repubulika ashyiraho abahagararira u Rwanda mubihugu by'amahanga n'intumwa zidasanzwe muri ibyo bihugu.  (3) Abaje guhagararira ibihugu byabo mu Rwanda n'intumwa zidasanzwe z'amahanga bashyikiriza Perezida wa Repubulika inyandiko zibibahera uburenganzira.	<b><u>Article 111: Power to represent the State</u></b>  (1) The President of the Republic represents Rwanda in its foreign relations. He or she may also designate his or her representative.  (2) The President of the Republic appoints Rwanda's Ambassadors and Special Envoys to foreign States.  (3) Ambassadors and Special Envoys to Rwanda present their Credentials to the President of the Republic.	<b><u>Article 111: Pouvoir de représenter l'État</u></b>  (1) Le Président de la République représente le Rwanda dans ses rapports avec l'étranger. Il peut désigner une autre personne pour le représenter.  (2) Le Président de la République nomme les Ambassadeurs et les Envoyés Spéciaux du Rwanda auprès des pays étrangers.  (3) Les Ambassadeurs et les Envoyés Spéciaux au Rwanda remettent leurs lettres de créance au Président de la République.

<b><u>Iningo ya 112: Ububasha bwo gushyiraho amateka ya Perezida</u></b>	<b><u>Article 112: Powers to enact Presidential Orders</u></b>	<b><u>Article 112: Pouvoir de prise d'arrêtés présidentiels</u></b>
<p>(1) Perezida wa Repubulika ashayiraho amateka ya Perezida mu bubasha ahabwa n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko.</p> <p>(2) Amateka ya Perezida yerekeye ibi bikurikira yemezwa n'Inama y'Abaminisitiri:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) gushyira mu bikorwa amategeko iyo biri mu nshingano ze;</li> <li>(b) gushyiraho inzego z'imrimo za Perezidansi ya Repubulika, iza Sena, iz'Umutwe w'Abadepite n'iz'Urwego rw'Ubucamanza no kugena inshingano zazo.</li> </ul> <p>(3) Perezida wa Repubulika ashayiraho amateka ya Perezida yerekeye ishyirwaho n'ivanwa ku mirimo by'abacamanza n'abashinjacyaha bakurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga;</li> </ul>	<p>(1) The President of the Republic enacts Presidential Orders by virtue of the powers vested in him or her by this Constitution and other laws.</p> <p>(2) Presidential Orders on the following matters are approved by Cabinet:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) implementation of laws if it is within his or her responsibility;</li> <li>(b) establishment of services in the Office of the President, the Senate, the Chamber of Deputies, and in the Judicial Organ and determination of their respective responsibilities.</li> </ul> <p>(3) The President of the Republic enacts Presidential Orders on appointment and termination of service of the following judges and prosecutors:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) the President, the Vice President and Judges of the Supreme Court;</li> </ul>	<p>(1) Le Président de la République prend des arrêtés présidentiels en vertu des pouvoirs lui conférés par la présente Constitution et d'autres lois.</p> <p>(2) Les arrêtés présidentiels portant sur les matières suivantes sont approuvés par le Conseil des Ministres:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) l'exécution des lois lorsqu'il en est chargé;</li> <li>(b) la création des services de la Présidence de la République, du Sénat, de la Chambre des Députés ainsi que ceux de l'Organe Judiciaire et la détermination de leurs attributions respectives.</li> </ul> <p>(3) Le Président de la République prend les arrêtés présidentiels portant nomination et cessation de fonctions des juges et procureurs suivants:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême;</li> </ul>

(b) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire;	(c) Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru n'ab'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi;	(d) Umushinjacyaha n'Umushinjacyaha Wungirije.	(b) the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal;	(c) the President and the Vice President of the High Court and the President and the Vice President of the Commercial High Court;	(d) the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General.	(b) le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel;	(c) le Président et le Vice-Président de la Haute Cour et le Président et le Vice- Président de la Haute Cour de Commerce;	(d) le Procureur général et le Procureur général adjoint.
(4) Perezida wa Repubulika ashiraho amateka ya Perezida yerekeye ishyirwaho n'ivanwa ku mirimo by'abayobozi bakuru bakurikira:  (a) Umuyobozi w'Ibiro bya Perezida wa Repubulika;  (b) Abayobora Komisiyo z'Ighugu, ababungirije n'abandi ba Komiseri bagize Komisiyo z'Ighugu, abayobozi b'inzezo zihariye za Leta n'ab'ibigo bya Leta n'ababungirije;  (c) Abayobozi n'Abayobozi bungirije b'amashuri makuru ya Leta;			(4) The President of the Republic enacts Presidential Orders on the appointment and termination of service of the following senior officials:  (a) the Director of Cabinet in the Office of the President of the Republic;  (b) Chairpersons, Vice-Chairpersons and other Commissioners of national commissions, Heads and Deputy Heads of Government specialised organs and public institutions;  (c) Heads and Deputy Heads of public institutions of higher learning;			(4) Le Président de la République prend les arrêtés présidentiels portant nomination et cessation de fonctions des hauts cadres suivants:  (a) le Directeur de Cabinet à la Présidence de la République;  (b) les Présidents, Vice-Présidents et autres Commissaires des commissions nationales, les responsables et responsables adjoints des organes spécialisés de l'État et des établissements publics;  (c) les responsables et les responsables adjoints des établissements d'enseignement supérieur publics;		

<ul style="list-style-type: none"> <li>(d) Umunyamabanga Wihariye wa Perezida wa Repubulika;</li> <li>(e) Abajyanama muri Perezidansi ya Repubulika;</li> <li>(f) Abayobozi b'imirimo muri Perezidansi ya Repubulika;</li> <li>(g) Abanyamabanga Bakuru mu Nteko Ishinga Amategeko n'ababungirije, Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, Umunyamabanga Mukuru mu Bushinjacyaha Bukuru, Abanyamabanga Bahoraho muri za Minisiteri n'Abanyamabanga Bakuru b'izindi nzego za Leta;</li> <li>(h) abandi bayobozi b'inzego za Leta bagenwa n'itegeko;</li> <li>(i) abagize Inama y'Ubuyobozi mu bigo bya Leta n'abahagarariye Leta mu bigo ifitemo imigabane.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(d) the Principal Private Secretary to the President of the Republic;</li> <li>(e) Advisers in the Office of the President;</li> <li>(f) Heads of services in the Office of the President;</li> <li>(g) Clerks of Parliament and their Deputies, the Secretary General of the Supreme Court, the Secretary General of the National Public Prosecution Authority, Permanent Secretaries in Ministries and Secretaries General of other State organs;</li> <li>(h) other heads of organs of the State as the law may determine;</li> <li>(i) members of Boards of Directors of public institutions and Government representatives in the enterprises in which the Government is a shareholder.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(d) le Secrétaire Particulier du Président de la République;</li> <li>(e) les Conseillers à la Présidence de la République;</li> <li>(f) les chefs de service à la Présidence de la République;</li> <li>(g) les Secrétaires Généraux du Parlement et leurs adjoints, le Secrétaire Général de la Cour Suprême, le Secrétaire Général de l'Organe national de Poursuite judiciaire, les Secrétaires Permanents des Ministères et les Secrétaires généraux d'autres organes de l'État;</li> <li>(h) les autres responsables des organes de l'État déterminés par la loi;</li> <li>(i) les membres du Conseil d'Administration dans les établissements publics et les représentants de l'État dans les entreprises où l'État est actionnaire.</li> </ul>
---	--	---

<b><u>Iningo ya 113: Ibigenerwa Perezida wa Repubulika</u></b>	<b><u>Article 113: Benefits granted to the President of the Republic</u></b>	<b><u>Article 113: Avantages alloués au Président de la République</u></b>
(1) Itegeko Ngenga riteganya ibigenerwa Perezida wa Repubulika n'Umukuru w'Ighugu wacyuye igihe.  (2) Icyakora, iyo Perezida wa Repubulika yakatiwe igihano n'inkiko kubera kugambanira Ighugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga, ntashobora guhabwa ibigenerwa Umukuru w'Ighugu wacyuye igihe.	(1) An organic law determines the benefits granted to the President of the Republic and a former Head of State.  (2) However, when a President of the Republic was convicted of treason or of serious and deliberate violation of the Constitution, he or she is not entitled to the benefits granted to a former Head of State.	(1) Une loi organique fixe les avantages alloués au Président de la République et à un ancien Chef d'État.  (2) Toutefois, lorsqu'un Président de la République a été condamné pour trahison ou pour violation grave et délibérée de la Constitution, il n'a pas droit aux avantages alloués à un ancien Chef d'État.
<b><u>Iningo ya 114: Ukudakurikiranwaho icyaha ku wahoze ari Perezida wa Repubulika</u></b>	<b><u>Article 114: Exemption from prosecution for a former President of the Republic</u></b>	<b><u>Article 114: Exonération de poursuites pénales au bénéfice d'un ancien Président de la République</u></b>
Uwahoze ari Perezida wa Repubulika ntashobora gukurikiranwaho icyaha cyo kugambanira Ighugu cyangwa cyo kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga, igihe aba atarabikurikiranyweho akiri ku mirimo ye.	A former President of the Republic cannot be prosecuted for treason or serious and deliberate violation of the Constitution when no legal proceedings in respect of that offence were brought against him or her while in office.	Un ancien Président de la République ne peut faire l'objet de poursuites pénales pour des actes de trahison ou pour violation grave et délibérée de la Constitution, s'il ne l'a pas été au cours de son mandat.
<b><u>Akiciro ka 2: Guverinoma</u></b>	<b><u>Subsection 2: The Cabinet</u></b>	<b><u>Sous-section 2: Gouvernement</u></b>
<b><u>Iningo ya 115: Abagize Guverinoma</u></b>	<b><u>Article 115: Composition of Cabinet</u></b>	<b><u>Article 115: Composition du Gouvernement</u></b>
Guverinoma igizwe na Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta	The Cabinet is composed of the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and	Le Gouvernement est composé du Premier Ministre, des Ministres, des Secrétaire

n'abandi bashobora kugenwa na Perezida wa Repubulika bibaye ngombwa.	other members who may be determined by the President of the Republic where considered necessary.	d'État et d'autres membres que le Président de la République peut désigner le cas échéant.
<b><u>Ingingo ya 116: Ishyirwaho ry'abagize Guverinoma</u></b>	<b><u>Article 116: Appointment of Cabinet members</u></b>	<b><u>Article 116: Nomination des membres du Gouvernement</u></b>
(1) Minisitiri w'Intebe ashayirwaho kandi akavanwa ku mirimo na Perezida wa Repubulika.  (2) Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashyirwaho na Perezida wa Repubulika amaze kugisha inama Minisitiri w'Intebe.  (3) Minisitiri w'Intebe ashayirwaho bitarenze iminsi 15 nyuma y'irahira rya Perezida wa Repubulika. Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashyirwaho bitarenze iminsi 15 nyuma y'ishyirwaho rya Minisitiri w'Intebe.	(1) The Prime Minister is appointed and removed from office by the President of the Republic.  (2) Ministers, Ministers of State and other members of Cabinet are appointed by the President of the Republic after consultation with the Prime Minister.  (3) The Prime Minister is appointed within 15 days after the taking oath of the President of the Republic. Ministers, Ministers of State and other members of Cabinet are appointed within 15 days following the appointment of the Prime Minister.	(1) Le Premier Ministre est nommé et démis de ses fonctions par le Président de la République.  (2) Les Ministres, les Secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement sont nommés par le Président de la République après consultation du Premier Ministre.  (3) Le Premier Ministre est nommé dans les 15 jours suivant la prestation de serment du Président de la République. Les Ministres, les Secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement sont nommés dans les 15 jours suivant la nomination du Premier Ministre.
<b><u>Ingingo ya 117: Inshingano za Guverinoma</u></b>	<b><u>Article 117: Responsibilities of Cabinet</u></b>	<b><u>Article 117: Attributions du Gouvernement</u></b>
(1) Guverinoma ishyira mu bikorwa politiki y'Ighugu Perezida wa Repubulika yumvikanyeho n'Inama y'Abaminisitiri.	(1) The Cabinet implements national policy agreed upon by the President of the Republic and the Cabinet meeting.	(1) Le Gouvernement exécute la politique nationale arrêtée de commun accord par le Président de la République et le Conseil des Ministres.

<p>(2) Guverinoma ibazwa ibyo ikora na Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko. Uburyo Guverinoma ibazwamo ibyo ikora n'Inteko Ishinga Amategeko buteganywa n'iri Tegeko Nshinga.</p>	<p>(2) The Cabinet is accountable to the President of the Republic and the Parliament. Modalities for exercising oversight over Government by Parliament are determined by this Constitution.</p>	<p>(2) Le Gouvernement est responsable devant le Président de la République et le Parlement. Les modalités de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement sont déterminées par la présente Constitution.</p>
<p><b><u>Iningo ya 118: Irahira ry'abagize Guverinoma</u></b></p> <p>Mbere yo gutangira imirimo, Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma barahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika.</p>	<p><b><u>Article 118: Oath of Cabinet members</u></b></p> <p>Before assuming office, the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other Cabinet members publicly take the oath before the President of the Republic.</p>	<p><b><u>Article 118: Prestation de serment des membres du Gouvernement</u></b></p> <p>Avant d'entrer en fonction, le Premier Ministre, les Ministres, les Secrétaire d'État et les autres membres du Gouvernement prêtent serment publiquement devant le Président de la République.</p>
<p><b><u>Iningo ya 119: Inshingano n'ububasha bya Minisitiri w'Intebe</u></b></p> <p>Minisitiri w'Intebe -</p> <p>(a) ayobora imikorere ya Guverinoma akurikije imirongo mikuru yatanzwe na Perezida wa Repubulika, akanakurikirana iyubahirizwa ry'amategeko;</p> <p>(b) ategura gahunda ya Guverinoma abigiyeho inama n'abandi bagize Guverinoma;</p>	<p><b><u>Article 119: Responsibilities and powers of the Prime Minister</u></b></p> <p>The Prime Minister -</p> <p>(a) leads the functioning of Government in accordance with main guidelines given by the President of the Republic and ensure the implementation of laws;</p> <p>(b) formulates Government programmes in consultation with other Cabinet members;</p>	<p><b><u>Article 119: Attributions et compétences du Premier Ministre</u></b></p> <p>Le Premier Ministre -</p> <p>(a) dirige l'action du Gouvernement suivant les orientations principales définies par le Président de la République et assure le suivi de l'exécution des lois;</p> <p>(b) élaboré le programme du Gouvernement en concertation avec les autres membres du Gouvernement;</p>

<ul style="list-style-type: none"> <li>(c) ashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma bitarenze iminsi 30 uhereye igihe yatangiriye imirimo ye;</li> <li>(d) agena inshingano z'Abaminisitiri, iz'Abanyamabanga ba Leta n'iz'abandi bagize Guverinoma;</li> <li>(e) ahamagaza Inama y'Abaminisitiri, ashyiraho urutonde rw'ibisuzumwa agishije inama abandi bagize Guverinoma, akabishyikiriza Perezida wa Repubulika n'abandi bagize Guverinoma nibura iminsi itatu mbere y'uko inama iba, usibye ibibazo byihutirwa bisuzumwa n'Inama z'Abaminisitiri zidasanzwe;</li> <li>(f) ayobora Inama y'Abaminisitiri. Icyakora, iyo Perezida wa Repubulika yayijemo ni we uyiyobora;</li> <li>(g) ashyiraho amateka agena intego, inshingano n'imbonerahamwe z'imyanya y'imirimo by'inzego za Leta ziri mu nshingano ze;</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(c) presents Government programmes to Parliament within 30 days from taking office;</li> <li>(d) determines the duties of Ministers, Ministers of State and other Cabinet members;</li> <li>(e) convenes Cabinet meetings, prepare the agenda of Cabinet meetings in consultation with other Cabinet members, and submit it to the President of the Republic and other members of Cabinet at least three days before the meeting, except for urgent matters considered by extraordinary Cabinet meetings;</li> <li>(f) chairs Cabinet meetings. However, when the President of the Republic is in attendance, he or she chairs the meeting;</li> <li>(g) enacts orders determining the mission, responsibilities and organisational structure of the public services under his or her authority;</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>(c) présente au Parlement le programme du Gouvernement dans les 30 jours de son entrée en fonction;</li> <li>(d) détermine les attributions des Ministres, des Secrétaires d'État et des autres membres du Gouvernement;</li> <li>(e) convoque le Conseil des Ministres, établit son ordre du jour en consultation avec les autres membres du Gouvernement et le communique au Président de la République et aux autres membres du Gouvernement au moins trois jours avant la tenue du Conseil, sauf les cas d'urgence dévolus aux Conseils extraordinaires des Ministres;</li> <li>(f) préside le Conseil des Ministres. Toutefois, lorsque le Président de la République est présent, il en assure la présidence;</li> <li>(g) prend des arrêtés portant mission, attributions et structure organisationnelle des services publics sous sa supervision;</li> </ul>
---	--	---

<p>(h) ashyiraho amateka ashyira mu bikorwa amategeko iyo biri mu nshingano ze;</p> <p>(i) ashyiraho amateka yerekeye ishyirwaho n'ivanwa ku mirimo by'abayobozi bakuru bakurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Umuyobozi w'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe;</li> <li>(ii) Abanyamabanga Nshingwabikorwa ba komisiyo z'Ighugu;</li> <li>(iii) Abajyanama n'Abakuru b'imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Intebe;</li> <li>(iv) abandi bayobozi bakuru mu nzego za Leta igihe ntaho biteganyijwe ukundi;</li> <li>(v) Abayobozi Bakuru n'Abayobozi mu Nteko Ishinga Amategeko, mu Rukiko rw'Ikirenga, muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe, mu Bushinjacyaha</li> </ul>	<p>(h) enacts orders implementing laws if it is within his or her responsibility;</p> <p>(i) enacts orders on the appointment and termination of service of the following senior officials:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Director of Cabinet in the Office of the Prime Minister;</li> <li>(ii) Executive Secretaries of national commissions;</li> <li>(iii) Advisers and Heads of service in the Office of the Prime Minister;</li> <li>(iv) other senior officials of State organs where not otherwise specified;</li> <li>(v) Director Generals and Directors in Parliament, the Supreme Court, the Office of the Prime Minister, the National Public Prosecution Authority, Ministries and other public institutions;</li> </ul>	<p>(h) prend les arrêtés portant exécution des lois lorsqu'il en est chargé;</p> <p>(i) prend les arrêtés portant nomination ou cessation de fonctions des hauts cadres suivants:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) le Directeur de Cabinet du Premier Ministre;</li> <li>(ii) les Secrétaires Exécutifs des commissions nationales;</li> <li>(iii) les Conseillers et Chefs de service dans les services du Premier Ministre;</li> <li>(iv) les autres hauts cadres des organes de l'État sauf s'il en est disposé autrement ;</li> <li>(v) les Directeurs Généraux et Directrices au sein du Parlement, de la Cour Suprême, des Services du Premier Ministre, de l'Organe national de Poursuite judiciaire, des Ministères et</li> </ul>
--	---	---

Bukuru, muri Minisiteri no mu zindi nzego za Leta;  (vi) abashinjacyaha bo ku rwego rw'Ighugu n'abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye;  (vii) abakozi ba Leta bashyirwaho mu rwego rumwe n'abavuzwe muri iyi ngingo kimwe n'abandi bayobozi bateganywa n'itegeko.	(vi) national prosecutors and chief prosecutors at the intermediate level;  (vii) public servants appointed at a similar level as those specified in this article and any other officials determined by the law.	des autres institutions publiques;  (vi) les procureurs nationaux et les procureurs en chef au niveau de grande instance;  (vii) les agents de l'État nommés à des fonctions de même rang que ceux cités au présent article et d'autres dirigeants déterminés par la loi.
<b><u>Iningo ya 120: Gushyira umukono w'ingereka ku mategeko no ku mateka</u></b>  (1) Minisitiri w'Intebe ashyira umukono w'ingereka ku mategeko yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko, amategeko-teka n'amateka ya Perezida.  (2) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyirwaho umukono w'ingereka n'ugize Guverinoma waritangije.	<b><u>Article 120: Countersigning of laws and orders</u></b>  (1) The Prime Minister countersigns laws adopted by Parliament, decree-laws and Presidential orders.  (2) An order of the Prime Minister is countersigned by the initiating Cabinet member.	<b><u>Article 120: Contresignature des lois et des arrêtés</u></b>  (1) Le Premier Ministre contresigne les lois adoptées par le Parlement, les décrets-lois et les arrêtés présidentiels.  (2) Un arrêté du Premier Ministre est contresigné par le membre du Gouvernement qui l'a initié.
<b><u>Iningo ya 121: Ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'abagize Guverinoma</u></b>  Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashyira mu	<b><u>Article 121: Implementation of laws by Cabinet members</u></b>  Ministers, Ministers of State and other Cabinet members implement laws through orders when it is in their responsibilities.	<b><u>Article 121: Exécution des lois par les membres du Gouvernement</u></b>  Les Ministres, les Secrétaires d'État et les autres membres du Gouvernement exécutent

bikorwa amategeko bakoresheje amateka igihe biri mu nshingano zabo.		les lois par voie d'arrêtés lorsqu'il relève de leurs attributions.
<p><b><u>Iningo ya 122: Inama y'Abaminisitiri</u></b></p> <p>(1) Inama y'Abaminisitiri igendera ku ihame ry'uko abayigize bagomba gukorera hamwe.</p> <p>(2) Inama y'Abaminisitiri isuzuma:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) imishinga y'amategeko n'iy'amategeko-teka;</li> <li>(b) imishinga y'amateka ya Perezida, iy'amateka ya Minisitiri w'Intebe, iy'amateka y'Abaminisitiri, iy'amateka y'Abanyamabanga ba Leta n'iy'amateka y'abandi bagize Guverinoma;</li> <li>(c) ibindi byose iherwa ububasha n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko.</li> </ul> <p>(3) Iteka rya Perezida rigena amateka yemezwa adasuzumwe n'Inama y'Abaminisitiri.</p> <p>(4) Iteka rya Perezida rigena imikorere y'Inama y'Abaminisitiri n'uburyo ibyemezo byayo bifatwa.</p>	<p><b><u>Article 122: The Cabinet</u></b></p> <p>(1) The Cabinet functions on the principle of collective responsibility.</p> <p>(2) The Cabinet deliberates on:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) draft laws and draft decree-laws;</li> <li>(b) drafts Presidential Orders, drafts Prime Minister's Orders, drafts Ministerial Orders, draft orders of Ministers of State and other Cabinet members;</li> <li>(c) all other matters in its competence by virtue of this Constitution and other laws.</li> </ul> <p>(3) A Presidential Order determines orders, which are adopted without consideration by Cabinet.</p> <p>(4) A Presidential Order determines the functioning and decision-making procedures of Cabinet.</p>	<p><b><u>Article 122: Conseil des Ministres</u></b></p> <p>(1) Le Conseil des Ministres fonctionne selon le principe de la solidarité gouvernementale.</p> <p>(2) Le Conseil des Ministres délibère sur :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) les projets de loi et de décret-loi ;</li> <li>(b) les projets d'arrêtés présidentiels, les projets d'arrêtés du Premier Ministre, les projets d'arrêtés des Ministres, les projets d'arrêtés des Secrétaires d'État et ceux d'autres membres du Gouvernement ;</li> <li>(c) toutes autres questions relevant de sa compétence en vertu de la présente Constitution et d'autres lois.</li> </ul> <p>(3) Un arrêté présidentiel détermine les arrêtés qui sont adoptés sans être soumis à l'examen du Conseil des Ministres.</p> <p>(4) Un arrêté présidentiel détermine le fonctionnement et le mode de prise de décisions du Conseil des Ministres.</p>

<p><b><u>Iningo ya 123: Ibitabangikanywa n'imirimo y'abagize Guverinoma n'ibibagenerwa</u></b></p> <p>(1) Imirimo y'abagize Guverinoma ntibangikana no kuba mu bagize Inteko Ishinga Amategeko cyangwa gukora undi murimo uhemberwa.</p> <p>(2) Itegeko Ngenga rigena ibigenerwa abagize Guverinoma.</p> <p><b><u>Iningo ya 124: Ukuvaho kwa Minisitiri w'Intebe n'ishyirwaho ry'indi Guverinoma</u></b></p> <p>(1) Iyo Minisitiri w'Intebe yeguye cyangwa avuyeho ku mpamvu iyo ari yo yose, bituma n'abandi bagize Guverinoma begura.</p> <p>(2) Perezida wa Repubulika yakira ukwegura kwa Guverinoma iyo Minisitiri w'Intebe akumushyikirije.</p> <p>(3) Guverinoma yeguye ikora gusa imirimo ya buri munsi kugeza igithe hashyiriweho indi Guverinoma.</p>	<p><b><u>Article 123: Incompatibilities with duties of Cabinet members and their benefits</u></b></p> <p>(1) Duties of Cabinet members are incompatible with being a member of Parliament or any other remunerated activity.</p> <p>(2) An organic law determines benefits granted to Cabinet members.</p> <p><b><u>Article 124: Vacation of office of the Prime Minister and appointment of a new Cabinet</u></b></p> <p>(1) The Prime Minister's resignation or vacation of office for any reason leads to the resignation of all the other members of Cabinet.</p> <p>(2) The President of the Republic receives the resignation of Cabinet when submitted by the Prime Minister.</p> <p>(3) The outgoing Cabinet handles only routine business until a new Cabinet is appointed.</p>	<p><b><u>Article 123: Incompatibilités avec les fonctions de membres du Gouvernement et leurs avantages</u></b></p> <p>(1) Les fonctions de membre du Gouvernement sont incompatibles avec l'exercice d'un mandat parlementaire ou de toute autre activité rémunérée.</p> <p>(2) Une loi organique fixe les avantages alloués aux membres du Gouvernement.</p> <p><b><u>Article 124: Cessation de fonctions du Premier Ministre et formation d'un nouveau Gouvernement</u></b></p> <p>(1) La démission ou la cessation de fonctions du Premier Ministre pour une raison quelconque entraîne la démission de tous les autres membres du Gouvernement.</p> <p>(2) Le Président de la République prend acte de la démission du Gouvernement lui présentée par le Premier Ministre.</p> <p>(3) Le Gouvernement démissionnaire assure seulement l'expédition des affaires courantes jusqu'à la formation d'un nouveau Gouvernement.</p>
---	--	--

<p>(4) Perezida wa Repubulika ashiraho indi Guverinoma hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (1) n'icya (3) by'ingingo ya 62 n'igika cya (1) n'icya (2) by'ingingo ya 116 z'iri Tegeko Nshinga.</p>	<p>(4) The President of the Republic appoints a new Cabinet in accordance with provisions of Paragraphs (1) and (3) of Article 62 and provisions of Paragraphs (1) and (2) of Article 116 of this Constitution.</p>	<p>(4) Le Président de la République forme un nouveau Gouvernement conformément aux dispositions des paragraphes (1) et (3) de l'article 62 et aux dispositions des paragraphes (1) et (2) de l'article 116 de la présente Constitution.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 125: Iyegura ry'abagize Guverinoma</u></b></p>	<p><b><u>Article 125: Resignation of Cabinet members</u></b></p>	<p><b><u>Article 125: Démission des membres du Gouvernement</u></b></p>
<p>(1) Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma ashobora kwegura abikoze mu nyandiko ashikiriza Perezida wa Repubulika ayinyujije kuri Minisitiri w'Intebe.</p> <p>(2) Ukwegura kwa Minisitiri, uk'Umunyamabanga wa Leta cyangwa uk'undi ugize Guverinoma kwemerwa iyo, mu gihe cy'iminsi itanu, nyir'ubwite atisubiyeho kandi na Perezida wa Repubulika akabimwemerera.</p> <p><b><u>Akiciro ka 3: Imikoranire y'Ubutegetsi Nshingamategeko n'Ubutegetsi Nyubahirizategeko</u></b></p>	<p>(1) A Minister, a Minister of State or other Cabinet member may tender his or her resignation, in writing, to the President of the Republic, through the Prime Minister.</p> <p>(2) A resignation of a Minister, a Minister of State or other Cabinet member becomes effective if it is not withdrawn by the person concerned within a period of five days and the President of the Republic agrees to the resignation.</p> <p><b><u>Subsection 3: Collaboration between the Legislature and the Executive</u></b></p>	<p>(1) Un Ministre, un Secrétaire d'État ou un autre membre du Gouvernement peut présenter sa démission, par écrit, au Président de la République, par le biais du Premier Ministre.</p> <p>(2) La démission d'un Ministre, d'un Secrétaire d'État ou d'un autre membre du Gouvernement devient définitive si, dans un délai de cinq jours, elle n'est pas retirée par le concerné et que le Président de la République marque son accord.</p> <p><b><u>Sous-section 3: Collaboration entre le Pouvoir législatif et le Pouvoir exécutif</u></b></p>

<b>Ingingo ya 126: Kumenyesha Guverinoma ibikorwa by'Inteko Ishinga Amategeko</b>	<b>Article 126: Informing Cabinet of the activities of Parliament</b>	<b>Article 126: Informer le Gouvernement des activités du Parlement</b>
<p>(1) Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko umenyesha Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe ibiri ku murongo w'ibiyigwa mu nama z'Inteko Rusange no mu nama za Komisiyo.</p> <p>(2) Minisitiri w'Intebe n'abandi bagize Guverinoma bashobora kujya mu nama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko iyo babishatse. Bahabwa ijambo buri gihe iyo barisabye.</p> <p>(3) Iyo Minisitiri w'Intebe cyangwa abandi bagize Guverinoma bitabiriye inama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bashobora guherekezwa n'impugu ke bihitiyemo.</p> <p>(4) Impugu ke ziherekeje Minisitiri w'Intebe cyangwa abandi bagize Guverinoma bitabiriye inama z'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko zishobora gufata ijambo mu nama za Komisiyo gusa.</p>	<p>(1) Each Chamber of Parliament informs the President of the Republic and the Prime Minister about the agenda of the sittings of the plenary Assembly and committees' meetings.</p> <p>(2) The Prime Minister and other Cabinet members may attend sittings of each Chamber of Parliament if they wish. They take the floor whenever they request to do so.</p> <p>(3) When the Prime Minister or other Cabinet members attend sittings of each Chamber of Parliament, they may be accompanied by technical advisers of their choice.</p> <p>(4) The technical advisers who accompany the Prime Minister or other Cabinet members who attend sittings of a Chamber of Parliament may only take the floor during Committee meetings.</p>	<p>(1) Chaque Chambre du Parlement informe le Président de la République et le Premier Ministre de l'ordre du jour des séances de l'Assemblée plénière et des réunions de commissions.</p> <p>(2) Le Premier Ministre et les autres membres du Gouvernement peuvent, s'ils le désirent, assister aux séances de chaque Chambre du Parlement. Ils y prennent la parole chaque fois qu'ils la demandent.</p> <p>(3) Lorsque le Premier Ministre ou les autres membres du Gouvernement assistent aux séances d'une Chambre du Parlement, ils peuvent se faire accompagner des conseillers techniques de leur choix.</p> <p>(4) Les conseillers techniques qui accompagnent le Premier Ministre ou les autres membres du Gouvernement qui assistent aux séances d'une Chambre du Parlement ne peuvent prendre la parole que dans les réunions des commissions.</p>

<b><u>Iningo ya 127: Kugaragariza icyizere ibikorwa bya Guverinoma</u></b>	<b><u>Article 127: Vote of confidence for Government activity programme</u></b>	<b><u>Article 127: Motion de vote de confiance sur le programme d'activités du Gouvernement</u></b>
(1) Bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, Minisitiri w'Intebe ashobora gusaba Umutwe w'Abadepite kumugaragariza icyizere haba mu kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Guverinoma cyangwa mu gutora umushinga w'itegeko.	(1) The Prime Minister may, upon approval by Cabinet, request the Chamber of Deputies to pass a vote of confidence either with respect to the approval of Government activity programme or adoption of a draft law.	(1) Le Premier Ministre peut, après approbation par le Conseil des Ministres, engager la responsabilité du Gouvernement devant la Chambre des Députés en requérant le vote de confiance, soit sur l'approbation du programme d'activités du Gouvernement, soit sur le vote d'un projet de loi.
(2) Impaka ku kibazo cyo kugaragaza icyizere ntizishobora kugibwa mbere y'iminsi itatu yuzuye uhereye igithe icyo kibazo cyakiriwe n'Umutwe w'Abadepite.	(2) The debate on the request for a vote of confidence can only take place after three complete days from the time the request was received by the Chamber of Deputies.	(2) Le débat sur la requête du vote de confiance ne peut intervenir que trois jours francs après qu'elle a été reçue par la Chambre des Députés.
(3) Kutagaragariza Minisitiri w'Intebe icyizere bikorwa gusa binyuze mu itora rikozwe mu ibanga kandi ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'Abadepite.	(3) A vote of no confidence may only be passed through a secret ballot by a two-thirds majority of Deputies.	(3) La confiance ne peut être refusée que par un vote au scrutin secret à la majorité des deux tiers des Députés.
(4) Iyo Umutwe w'Abadepite wimye Minisitiri w'Intebe icyizere, ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma mu gihe kitarenze amasaha 24.	(4) When the Chamber of Deputies denies confidence to the Prime Minister, he or she tenders a resignation of Cabinet to the President of the Republic, within 24 hours.	(4) Lorsque la Chambre des Députés refuse la confiance au Premier Ministre, il présente au Président de la République la démission du Gouvernement, dans un délai de 24 heures.

<b><u>Iningo ya 128:</u></b> Uburyo Umutwe w'Abadepite ugenzura ibikorwa bya Guverinoma	<b>Article 128:</b> Methods by which the Chamber of Deputies exercises oversight over Government activities	<b>Article 128:</b> Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par la Chambre des Députés
Uburyo Umutwe w'Abadepite ugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni ubu bukurikira:	The Chamber of Deputies uses the following methods to exercise oversight over Government activities:	Les moyens de contrôle de la Chambre des Députés sur l'action gouvernementale sont les suivants:
(a) kubaza mu magambo;  (b) kubaza mu nyandiko;  (c) kubaza muri Komisiyo;  (d) gushyiraho Komisiyo y'igenzura;  (e) kubarizwa mu ruhame rw'Inteko.	(a) oral questions;  (b) written questions;  (c) hearings before Committees;  (d) commission of inquiry;  (e) interpellation.	(a) la question orale;  (b) la question écrite;  (c) l'audition en commission;  (d) la commission d'enquête;  (e) l'interpellation.
<b><u>Iningo ya 129:</u></b> Gukuraho icyizere Guverinoma, umwe cyangwa benshi mu bayigize	<b>Article 129:</b> Motion of no confidence against the Cabinet, or one or more of its members	<b>Article 129:</b> Motion de censure du Gouvernement, d'un ou de plusieurs de ses membres
(1) Umutwe w'Abadepite ushobora gukemanga ibikorwa bya Guverinoma, iby'umwe cyangwa benshi mu bagize Guverinoma ukoresheje itora ry'icyemezo cyo kubakuraho icyizere.  (2) Icyifuzo cyo gukuraho icyizere cyakirwa gusa nyuma yo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko kandi kigashyirwaho umukono nibura na kimwe cya gatanu	(1) The Chamber of Deputies may question the performance of Cabinet, or of one or more of Cabinet members through a vote of no confidence.  (2) A motion of no confidence is only accepted after interpellation and only when the motion is signed by at least one-fifth of Deputies in case that vote of	(1) La Chambre des Députés peut mettre en cause la responsabilité du Gouvernement ou celle d'un ou de plusieurs membres du Gouvernement par le vote d'une motion de censure.  (2) Une motion de censure n'est recevable qu'après une interpellation et que si elle est signée par au moins un cinquième des Députés pour le cas d'un membre du

<p>cy'Abadepite iyo bireba umwe mu bagize Guverinoma, cyangwa kimwe cya gatatu nibura iyo bireba Guverinoma yose.</p>	<p>no confidence is against one of the members of Cabinet, or by at least one-third of Deputies if it concerns the entire Cabinet.</p>	<p>Gouvernement, ou par au moins un tiers s'il s'agit de tout le Gouvernement.</p>
<p>(3) Icyemezo cyo gukurwaho icyizere ntigishobora gutorwa hadashize nibura amasaha 48 kuva itora ry'icyo cyemezo risabwe, kandi cyemezwa gusa n'itora ribereye mu ibanga ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'Abadepite.</p>	<p>(3) A motion of no confidence cannot be voted upon prior to the expiry of at least 48 hours after its presentation and it is adopted through a secret ballot by at least a two-thirds majority vote of Deputies.</p>	<p>(3) Le vote d'une motion de censure ne peut avoir lieu que 48 heures au moins après le dépôt de la motion, et celle-ci ne peut être adoptée qu'au scrutin secret et à la majorité des deux tiers des Députés.</p>
<p>(4) Mu gihe Umutwe w'Abadepite usuzuma ibijyanye no gukuraho icyizere Guverinoma, gukuraho icyizere umwe cyangwa benshi mu bayigize, usubika isozwa ry'ibihembwe bisanzwe cyangwa bidasanzwe kugira ngo hakorwe ibiteganywa n'iyi ngingo.</p>	<p>(4) Where the Chamber of Deputies exercises the motion of no confidence against the Cabinet or one or more of its members, it postpones the closure of ordinary or extraordinary sessions in order to ensure the application of the provisions of this Article.</p>	<p>(4) Lorsque la Chambre des Députés exerce la motion de censure du Gouvernement ou d'un ou de plusieurs de ses membres, elle ajourne la clôture des sessions ordinaires ou extraordinaires pour permettre l'application des dispositions du présent article.</p>
<p>(5) Iyo gukurwaho icyizere bidatowe, abashyize umukono ku nyandiko ibisaba ntibemerewe kongera kubisaba muri icyo gihembwe.</p>	<p>(5) In case a motion of no confidence is rejected, signatories to the motion are not allowed to introduce a similar motion during the same session.</p>	<p>(5) Si une motion de censure est rejetée, ses signataires ne sont pas permis d'en proposer une nouvelle au cours de la même session.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 130:</u></b> Iyegura ritewe no gukurwaho icyizere</p>	<p><b><u>Article 130: Resignation due to a vote of no confidence</u></b></p>	<p><b><u>Article 130: Démission à la suite d'une motion de censure</u></b></p>
<p>(1) Umwe mu bagize Guverinoma wakuweho icyizere ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwe abinyujije kuri Minisitiri w'Intebe.</p>	<p>(1) A Cabinet member against whom a vote of no confidence is passed tenders his or her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister.</p>	<p>(1) Un membre du Gouvernement contre lequel est adoptée une motion de censure présente sa démission au Président de la République par le biais du Premier Ministre.</p>

<p>(2) Iyo ari Guverinoma yose yakuweho icyizere, Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma.</p> <p><b><u>Ingingo ya 131: Uburyo Sena igenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p> <p>(1) Mu rwego rwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, Sena ishobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisiteri nyinshi icyarimwe, cyangwa agasubirizwa n'abagize Guverinoma bireba.</p> <p>(2) Sena ishobora na none gushyiraho za komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.</p> <p>(3) Icyakora, Sena ntishobora kubariza mu ruhame abagize Guverinoma cyangwa ngo itangize ibyerekeye kubavanaho icyizere.</p>	<p>(2) When the vote of no confidence is passed against the entire Cabinet, the Prime Minister tenders a resignation of the entire Cabinet to the President of the Republic.</p> <p><b><u>Article 131: Methods by which the Senate exercises oversight over Government activities</u></b></p> <p>(1) For purposes of exercising oversight over Government activities, the Senate may put oral or written questions to the Prime Minister to which he or she responds either in person if the questions concern the entire Cabinet or several Ministries collectively or through concerned Cabinet members.</p> <p>(2) The Senate may, in addition, set up commissions of inquiry for oversight over Government activities.</p> <p>(3) However, the Senate cannot conduct interpellation of members of Cabinet or initiate a motion of no confidence against them.</p>	<p>(2) Lorsque la motion de censure est adoptée contre l'ensemble du Gouvernement, le Premier Ministre présente la démission du Gouvernement au Président de la République.</p> <p><b><u>Article 131: Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par le Sénat</u></b></p> <p>(1) Dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale, le Sénat peut adresser au Premier Ministre des questions orales ou des questions écrites auxquelles il répond soit lui-même, s'il s'agit de questions concernant l'ensemble du Gouvernement ou plusieurs Ministères à la fois, soit par l'intermédiaire des membres du Gouvernement concernés.</p> <p>(2) Le Sénat peut également constituer des commissions d'enquête pour le contrôle de l'action gouvernementale.</p> <p>(3) Toutefois, le Sénat ne peut ni procéder à l'interpellation des membres du Gouvernement, ni initier la procédure de censure à leur encontre.</p>
---	---	---

<b><u>Iningo ya 132: Ibikurikizwa mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b>	<b><u>Article 132: Procedures for parliamentary oversight over Government activities</u></b>	<b><u>Article 132: Procédures de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement</u></b>
Itegeko Ngenga rigena ibikurikizwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.	An organic law determines procedures for parliamentary oversight over Government activities.	Une loi organique détermine les procédures de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement.
<b><u>Iningo ya 133: Iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye Ighugu</u></b>	<b><u>Article 133: Dissolution of the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern</u></b>	<b><u>Article 133: Dissolution de la Chambre des Députés en raison des questions graves de préoccupation nationale</u></b>
(1) Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 79 y'iri Tegeko Nshinga, Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Minisitiri w'Intebe, ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gusesa Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye Ighugu.  (2) Itora ry'Abadepite rikorwa mu minsi itarenze 90 ikurikira iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye igihugu. Abadepite batowe barangiza igihe cya manda gisigaye.  (3) Perezida wa Repubulika ntashobora gusesa Umutwe w'Abadepite inshuro	(1) Without prejudice to the provisions of Article 79 of this Constitution, the President of the Republic, after consultation with the Prime Minister, the Speaker of the Chamber of Deputies, the President of the Senate and the President of the Supreme Court, may dissolve the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern.  (2) Election of Deputies takes place within 90 days following the dissolution of the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern. The elected Deputies serve the remainder of the term of office.  (3) The President of the Republic cannot dissolve, more than once during his or	(1) Sans préjudice des dispositions de l'article 79 de la présente Constitution, le Président de la République peut, après consultation du Premier Ministre, des Présidents des deux Chambres du Parlement et du Président de la Cour Suprême, prononcer la dissolution de la Chambre des Députés en raison des questions graves de préoccupation nationale.  (2) L'élection des Députés a lieu dans les 90 jours suivant la dissolution de la Chambre des Députés en raison des questions graves de préoccupation nationale. Les Députés élus exercent les fonctions pendant la période restant du mandat.  (3) Le Président de la République ne peut pas dissoudre la Chambre des Députés plus

<p>zirenze imwe muri manda ye ku mpamu z'ibibazo bikomereye Igihugu.</p>	<p>her term of office, the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern.</p>	<p>d'une fois au cours de son mandat en raison des questions graves de préoccupation nationale.</p>
<p>(4) Sena ntishobora guseswa.</p>	<p>(4) The Senate cannot be dissolved.</p>	<p>(4) Le Sénat ne peut pas être dissous.</p>
<p><b><u>Iningo ya 134: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p>	<p><b><u>Article 134: Informing Parliament of Government activities</u></b></p>	<p><b><u>Article 134: Informer le Parlement de l'action du Gouvernement</u></b></p>
<p>(1) Minisitiri w'Intebe asobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma nibura inshuro eshatu mu mwaka uhereye ku itangira ry'igihembwe cya mbere gisanzwe cy'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>(1) The Prime Minister presents to both Chambers of Parliament, in a joint sitting, Government activities at least three times a year from the beginning of the first ordinary session of Parliament.</p>	<p>(1) Le Premier Ministre présente au Parlement, les deux Chambres réunies, en séance conjointe, l'action du Gouvernement au moins trois fois par an à compter du début de la première session ordinaire du Parlement.</p>
<p>(2) Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri mu gihe kitarenze iminsi umunani nyuma y'uko byemejwe.</p>	<p>(2) The Prime Minister communicates Cabinet decisions to the Bureau of each Chamber of Parliament within eight days following their approval.</p>	<p>(2) Le Premier Ministre transmet au Bureau de chaque Chambre du Parlement les décisions du Conseil des Ministres dans les huit jours suivant leur adoption.</p>
<p>(3) Mu gihe cy'ibihembwe by'Inteko, Inteko Ishinga Amategeko igena umwanya uharirwa ibibazo abagize Inteko Ishinga Amategeko babaza Guverinoma n'ibisubizo byabyo.</p>	<p>(3) During sessions, Parliament devotes some sittings to questions by members of Parliament to Cabinet and responses thereto.</p>	<p>(3) Au cours des sessions, le Parlement réserve des séances consacrées aux questions formulées par les membres du Parlement au Gouvernement et à des réponses y relatives.</p>
<p>(4) Guverinoma igomba guha Inteko Ishinga Amategeko ibisobanuro byose isabwe ku bikorwa n'imicungire yabyo.</p>	<p>(4) The Cabinet must provide Parliament with all the required explanations on its activities and management thereof.</p>	<p>(4) Le Gouvernement est tenu de fournir au Parlement toutes les explications qui lui</p>

<p><b><u>Iningo ya 135: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko itangiza ry'intambara</u></b></p>	<p><b><u>Article 135: Informing the Parliament of a declaration of war</u></b></p>	<p>sont demandées sur ses activités et sur leur gestion.</p>
<p>Mu gihe Perezida wa Repubulika atangije intambara abimenyesha Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, mu gihe kitarenze iminsi irindwi. Inteko Ishinga Amategeko ifata icyemezo ku bwiganze busanzwe bw'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>In case the President of the Republic declares war, he or she informs Parliament, in a joint sitting within a period of seven days. The Parliament decides by a simple majority of members of each Chamber.</p>	<p>En cas de déclaration de guerre par le Président de la République, il en informe le Parlement, les deux Chambres réunies, en séance conjointe, dans un délai de sept jours. Le Parlement statue à la majorité simple des membres de chaque Chambre du Parlement.</p>
<p><b><u>Iningo ya 136: Ijambo Perezida wa Repubulika ageza ku Nteko Ishinga Amategeko</u></b></p>	<p><b><u>Article 136: Presidential address to Parliament</u></b></p>	<p><b><u>Article 136: Message adressé au Parlement par le Président de la République</u></b></p>
<p>(1) Perezida wa Repubulika ageza ijambo ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi cyangwa ku Mutwe umwe, yiyiziye ubwe cyangwa ahaye Minisitiri w'Intebe ubutumwa asomera imbere y'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi cyangwa ku Mutwe umwe. Nta mpaka zigibwa kuri iryo jambo.</p> <p>(2) Iyo atari igihe cy'ighembwe, Inteko Ishinga Amategeko cyangwa umwe mu Mitwe yay, itumizwa ikanaterana by'umwihariko kubera iyo mpamvu.</p>	<p>(1) The President of the Republic addresses one or both of the Chambers of Parliament, either in person or in a message read on his or her behalf by the Prime Minister before both Chamber of Parliament in a joint sitting, or before either Chamber. There is no debate on such communication.</p> <p>(2) When not in session, the Parliament or one of its Chambers is convened specifically for that purpose.</p>	<p>(1) Le Président de la République adresse un message au Parlement devant l'une des Chambres ou les deux Chambres réunies en séance conjointe. Il le fait en personne ou délègue le Premier Ministre pour lire ce message devant le Parlement, les deux Chambres réunies, ou devant l'une des Chambres. Ce message ne donne lieu à aucun débat.</p> <p>(2) Hors session, le Parlement ou l'une de ses Chambres est, selon le cas, convoqué et se réunit spécialement à cet effet.</p>

<b><u>Iningo ya 137: Ibihe by'amage</u></b>	<b><u>Article 137: State of emergency</u></b>	<b><u>Article 137: État d'urgence</u></b>
<p>(1) Ibihe by'amage biteganywa n'itegeko kandi bitangazwa na Perezida wa Repubulika bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.</p> <p>(2) Mu bihe by'amage kugeza hashize iminsi 30 bivuyeho, nta gikorwa na kimwe cy'itora gishobora gukorwa.</p>	<p>(1) A state of emergency is provided for by a law and declared by the President of the Republic following approval by Cabinet.</p> <p>(2) During a state of emergency and within 30 days after its end, no election activity can be held.</p>	<p>(1) L'état d'urgence est régi par une loi et est déclaré par le Président de la République après approbation du Conseil des Ministres.</p> <p>(2) Pendant l'état d'urgence et jusqu'au 30<sup>ème</sup> jour après sa levée, aucune activité électorale ne peut avoir lieu.</p>
<p><b><u>Iningo ya 138: Uburenganzira n'ububasha butabangamirwa no gutangaza ibihe by'amage</u></b></p> <p>(1) Gutangaza ibihe by'amage ntibishobora na rimwe kubangamira uburenganzira bwo kubaho, kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe, uburenganzira abantu bahabwa n'amategeko ku miterere n'ububasha byabo, ku bwenegihugu, ihame ry'uko itegeko mpanabyaha ridahana icyaha cyakozwe mbere y'uko rijyaho, uburenganzira bwo kwiregura n'ubwisanzure mu bitekerezo, mu mutimanama no ku idini.</p> <p>(2) Gutangaza ibihe by'amage ntibishobora na rimwe kubangamira ububasha bwa Perezida wa Repubulika, ubw'Inteko Ishinga Amategeko, ubw'Urukiko</p>	<p><b><u>Article 138: Rights and powers not affected by the declaration of a state of emergency</u></b></p> <p>(1) A declaration of a state of emergency cannot under any circumstances violate the right to life and physical and mental integrity of the person, the rights granted to people by law in relation to their status, capacity and nationality; the principle of non-retroactivity of criminal law, the right to defence and freedom of thought, conscience and religion.</p> <p>(2) A declaration of a state of emergency cannot under any circumstances affect powers of the President of the Republic, the</p>	<p><b><u>Article 138: Droits et compétences non entravés par la déclaration de l'état d'urgence</u></b></p> <p>(1) La déclaration de l'état d'urgence ne peut en aucun cas porter atteinte au droit à la vie, à l'intégrité physique et mentale, à l'état et à la capacité des personnes, à la nationalité, à la non-rétroactivité de la loi pénale, au droit de la défense ni à la liberté de pensée, de conscience et de religion.</p> <p>(2) La déclaration de l'état d'urgence ne peut en aucun cas affecter les compétences du Président de la République, du Parlement, de la Cour Suprême et du Premier</p>

<p>rw'Ikirenga n'ubwa Minisitiri w'Intebe cyangwa guhindura amahame yerekeye ibyo Leta n'abakozi bayo bashobora kuryozwa hakurikijwe iri Tegeko Nshinga.</p>	<p>Parliament, the Supreme Court and the Prime Minister nor can it modify the principles relating to the responsibility of the State and public servants provided for in this Constitution.</p>	<p>Ministre ni modifier les principes de responsabilité de l'État et de ses agents consacrés par la présente Constitution.</p>
<p><b><u>Iningo ya 139: Inteko Ishinga Amategeko mu bihe by'amage</u></b></p>	<p><b><u>Article 139: Parliament during a state of emergency</u></b></p>	<p><b><u>Article 139: Parlement durant l'état d'urgence</u></b></p>
<p>(1) Mu bihe by'amage, Umutwe w'Abadepite ntushobora guseswa kandi Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ihita ihamagazwa iyo itari mu gihembwe gisanzwe.</p> <p>(2) Iyo ku itariki yatangarijweho ibihe by'amage, Umutwe w'Abadepite wari warasheshwe cyangwa manda y'Abadepite yararangiye, ububasha bw'Inteko Ishinga Amategeko bwerekeye ibihe by'amage bukoreshwa na Sena.</p>	<p>(1) During the state of emergency, the Chamber of Deputies cannot be dissolved and both Chambers of Parliament are recalled immediately if they are in recess.</p> <p>(2) If at the date of a declaration of a state of emergency the Chamber of Deputies has previously been dissolved or its term has ended, powers of Parliament relating to a state of emergency are exercised by the Senate.</p>	<p>(1) Pendant la durée de l'état d'urgence, la Chambre des Députés ne peut pas être dissoute et les Chambres du Parlement sont immédiatement convoquées si elles ne siègent pas en session ordinaire.</p> <p>(2) Si à la date de la déclaration de l'état d'urgence la Chambre des Députés avait été dissoute ou si la législature avait pris fin, les compétences du Parlement concernant l'état d'urgence sont exercées par le Sénat.</p>
<p><b><u>Akiciro ka 4: Izindi nzego za Leta</u></b></p>	<p><b><u>Subsection 4: Other State organs</u></b></p>	<p><b><u>Sous-section 4: Autres organes de l'État</u></b></p>
<p><b><u>Iningo ya 140: Komisiyo z'Igihugu, inzego zihariye, inama z'Igihugu n'ibigo bya Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 140: National commissions, specialised organs, national councils and public institutions</u></b></p>	<p><b><u>Article 140: Commissions nationales, organes spécialisés, conseils nationaux et établissements publics</u></b></p>
<p>(1) Komisiyo z'Igihugu, inzego zihariye n'inama z'Igihugu zishinzwe gufasha</p>	<p>(1) The national commissions, specialised organs and national councils entrusted</p>	<p>(1) Les commissions nationales, les organes spécialisés et les conseils nationaux</p>

<p>gukemura ibibazo bikomeye by'Igihugu ni izi zikurikira:</p>	<p>with the responsibility to help in resolving important issues facing the country are the following:</p>	<p>chargés de contribuer à la résolution des problèmes majeurs du pays sont les suivants:</p>
<p>(a) Komisiyo z'Igihugu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;</li> <li>(ii) Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;</li> <li>(iii) Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta.</li> </ul> <p>(b) inzego zihariye:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Urwego rw'Umuvunyi;</li> <li>(ii) Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta;</li> <li>(iii) Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu;</li> <li>(iv) Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'ishimwe.</li> </ul>	<p>(a) national commissions:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) National Commission for Human Rights;</li> <li>(ii) National Electoral Commission;</li> <li>(iii) National Public Service Commission.</li> </ul> <p>(b) specialised organs:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Office of the Ombudsman;</li> <li>(ii) Office of the Auditor General of State Finances;</li> <li>(iii) Gender Monitoring Office;</li> <li>(iv) Chancellery for Heroes, National Orders and Decorations of Honour.</li> </ul>	<p>(a) les commissions nationales:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) la Commission nationale des Droits de la Personne;</li> <li>(ii) la Commission nationale électorale;</li> <li>(iii) la Commission de la Fonction publique.</li> </ul> <p>(b) les organes spécialisés:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) l'Office de l'Ombudsman;</li> <li>(ii) l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État;</li> <li>(iii) l'Observatoire du «Gender»;</li> <li>(iv) la Chancellerie des Héros et des Ordres nationaux.</li> </ul>

<p>(c) inama z'Igihugu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) Inama y'Igihugu y'Abagore;</li> <li>(ii) Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;</li> <li>(iii) Inama y'Igihugu y'abantu bafite Ubumuga.</li> </ul> <p>(2) Amategeko yihariye ateganya inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'izo nzego.</p> <p>(3) Itegeko rishobora gushyiraho indi Komisiyo y'Igihugu, urundi rwego rwihariye n'indi nama y'Igihugu igihe bibaye ngombwa. Iryo tegeko rigena kandi inshingano, imitunganyirize n'imikorere byazo.</p> <p>(4) Itegeko rishobora kandi gukuraho komisiyo y'Igihugu, urwego rwihariye cyangwa inama y'Igihugu igihe bibaye ngombwa.</p> <p>(5) Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta.</p>	<p>(c) national councils:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) National Women Council;</li> <li>(ii) National Youth Council;</li> <li>(iii) National Council of Persons with Disabilities.</li> </ul> <p>(2) Specific laws determine the mission, organisation and functioning of these organs.</p> <p>(3) A law may establish another national commission, specialised organ and national council when necessary. The law also determines their mission, organisation and functioning.</p> <p>(4) When considered necessary, a law may also remove a national commission, specialised organ or national council.</p> <p>(5) An organic law establishes general provisions governing public institutions.</p>	<p>(c) les conseils nationaux:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(i) le Conseil national des Femmes;</li> <li>(ii) le Conseil national de la Jeunesse;</li> <li>(iii) le Conseil national des Personnes handicapées.</li> </ul> <p>(2) Les lois spécifiques déterminent la mission, l'organisation et le fonctionnement de ces organes.</p> <p>(3) En cas de nécessité, une loi peut créer une autre commission nationale, un autre organe spécialisé et un autre conseil national. Cette loi détermine également leur mission, organisation et fonctionnement.</p> <p>(4) Une loi peut également supprimer une commission nationale, un organe spécialisé ou un conseil national en cas de nécessité.</p> <p>(5) Une loi organique fixe les dispositions générales applicables aux établissements publics.</p>
--	---	--

<p><b>Akiciro ka 5: Inama y'Ighugu y'Umushyikirano na Komite y'Abunzi</b></p> <p><b>Ingingo ya 141: Inama y'Ighugu y'Umushyikirano</b></p> <p>(1) Inama y'Ighugu y'Umushyikirano ihuza Perezida wa Repubulika n'abahagarariye abaturage.</p> <p>(2) Inama y'Ighugu y'Umushyikirano iterana nibura rimwe mu mwaka igasuzuma uko ubuzima bw'Ighugu n'ubumwe bw'Abanyarwanda bihagaze.</p> <p>(3) Perezida wa Repubulika atumiza kandi akayobora Inama y'Ighugu y'Umushyikirano akanagena abayitabira.</p> <p>(4) Imyanzuro y'Inama y'Ighugu y'Umushyikirano ishyikirizwa inzego zibishinzwe kugira ngo zirusheho gutunganya imirimio zikorera abaturage.</p> <p>(5) Iteka rya Perezida rishobora guteganya ibindi byerekeye Inama y'Ighugu y'Umushyikirano.</p>	<p><b>Subsection 5: National Umushyikirano Council and Abunzi Committee</b></p> <p><b>Article 141: National Umushyikirano Council</b></p> <p>(1) The National <i>Umushyikirano</i> Council brings together the President of the Republic and citizens' representatives.</p> <p>(2) The National <i>Umushyikirano</i> Council meets at least once a year. It debates issues relating to the state of the Nation and national unity.</p> <p>(3) The President of the Republic convenes and presides over the National <i>Umushyikirano</i> Council and determines those who participate.</p> <p>(4) Resolutions of the National <i>Umushyikirano</i> Council are submitted to the relevant institutions to enable them to improve their service delivery to the population.</p> <p>(5) A Presidential Order may provide for other matters for the National <i>Umushyikirano</i> Council.</p>	<p><b>Sous-section 5: Conseil National d'Umushyikirano et Comité d'Abunzi</b></p> <p><b>Article 141: Conseil National d'Umushyikirano</b></p> <p>(1) Le Conseil National d'<i>Umushyikirano</i> réunit le Président de la République et les représentants des citoyens.</p> <p>(2) Le Conseil National d'<i>Umushyikirano</i> se réunit au moins une fois par an. Il examine les questions relatives à l'état de la Nation et de l'unité nationale.</p> <p>(3) Le Président de la République convoque et dirige le Conseil National d'<i>Umushyikirano</i> et désigne ceux qui y participent.</p> <p>(4) Les résolutions du Conseil National d'<i>Umushyikirano</i> sont transmises aux institutions et services concernés afin d'améliorer les services rendus à la population.</p> <p>(5) Un arrêté présidentiel peut déterminer d'autres matières relatives au Conseil National d'<i>Umushyikirano</i>.</p>
---	--	--

<b><u>Iningo ya 142: Komite y'Abunzi</u></b>	<b><u>Article 142: Abunzi Committee</u></b>	<b><u>Article 142: Comité d'Abunzi</u></b>
(1) Komite y'Abunzi ishinzwe kunga abagiranye amakimbirane, hagamijwe kubaka ubumwe n'imibanire myiza.	(1) The <i>Abunzi</i> Committee is responsible for conciliating parties in conflict with the aim of consolidating unity and peaceful co-existence.	(1) Le Comité d' <i>Abunzi</i> est chargé de concilier les parties en conflit en vue de consolider l'unité et la cohabitation harmonieuse.
(2) Komite y'Abunzi igizwe n'abantu b'inyangamugayo kandi bazwiho ubushobozi bwo kunga.	(2) The <i>Abunzi</i> Committee is comprised of persons of integrity who are recognised for their conciliation skills.	(2) Le Comité d' <i>Abunzi</i> est composé de personnes intègres et reconnues pour leur aptitude à concilier.
(3) Itegeko rigena imitunganyirize, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi.	(3) A law determines the organisation, territorial jurisdiction, competence and functioning of the <i>Abunzi</i> Committee.	(3) Une loi détermine l'organisation, le ressort, la compétence et le fonctionnement du Comité d' <i>Abunzi</i> .
<b><u>Akiciro ka 6: Ubushinjacyaha</u></b>	<b><u>Subsection 6: Public Prosecution</u></b>	<b><u>Sous-section 6: Poursuite Judiciaire</u></b>
<b><u>Iningo ya 143: Ubushinjacyaha Bukuru</u></b>	<b><u>Article 143: National Public Prosecution Authority</u></b>	<b><u>Article 143: Organe national de Poursuite judiciaire</u></b>
(1) Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru rushinzwe gukora ipererezza no gukurikirana ibyaha mu gihugu hose.	(1) The National Public Prosecution Authority is responsible for investigating and prosecuting offences throughout the country.	(1) L'Organe national de Poursuite judiciaire est chargé de l'instruction et de la poursuite des infractions sur toute l'étendue du territoire national.
(2) Ubushinjacyaha Bukuru ni urwego rumwe. Rugizwe n'Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru, Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye n'Ubushinjacyaha ku rwego rw'Ibanze.	(2) The National Public Prosecution Authority is a single institution. It is composed of the Office of the Prosecutor General, the public prosecution service at the intermediate level and the public prosecution service at the primary level.	(2) L'Organe national de Poursuite judiciaire constitue une institution unique. Il est composé du Bureau du Procureur général, du service de poursuite judiciaire au niveau de Grande Instance et du service de poursuite judiciaire au niveau de Base.

<p>(3) Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru bigizwe n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije n'Abashinjacyaha ku rwego rw'Ighugu.</p> <p>(4) Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru.</p> <p>(5) Itegeko rigena sitati n'imyitwarire by'abashinjacyaha n'abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru.</p>	<p>(3) The Office of the Prosecutor General consists of the Prosecutor General, the Deputy Prosecutor General and National Prosecutors.</p> <p>(4) A law determines the organisation, functioning and competence of the National Public Prosecution Authority.</p> <p>(5) A law determines the statute and code of ethics of prosecutors and personnel of the National Public Prosecution Authority.</p>	<p>(3) Le Bureau du Procureur général est composé du Procureur général, du Procureur général adjoint et des Procureurs nationaux.</p> <p>(4) Une loi détermine l'organisation, le fonctionnement et la compétence de l'Organe national de Poursuite judiciaire.</p> <p>(5) Une loi détermine le statut et le code d'éthique des officiers de poursuite judiciaire et des agents de l'Organe national de Poursuite judiciaire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 144: Ishyirwaho ry'abashinjacyaha</u></b></p> <p>(1) Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena.</p> <p>(2) Perezida wa Repubulika agena umukandida ku mwanya w'Umushinjacyaha Mukuru no ku mwanya w'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije amaze kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.</p>	<p><b><u>Article 144: Appointment of prosecutors</u></b></p> <p>(1) The Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General are appointed by a Presidential Order after approval by the Senate.</p> <p>(2) The President of the Republic nominates a candidate for the position of Prosecutor General and the position of Deputy Prosecutor General, after consultation with the Cabinet and the High Council of the National Public Prosecution Authority.</p>	<p><b><u>Article 144: Nomination des officiers de poursuite judiciaire</u></b></p> <p>(1) Le Procureur général et le Procureur général adjoint sont nommés par arrêté présidentiel après leur approbation par le Sénat.</p> <p>(2) Le Président de la République propose un candidat au poste de Procureur général et à celui de Procureur général adjoint après consultation du Conseil des Ministres et du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.</p>

<p>(3) Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu n'abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe nyuma yo kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.</p> <p>(4) Abandi bashinjacyaha bashyirwaho hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ryerekeye sitati y'abashinjacyaha.</p>	<p>(3) National Prosecutors and chief prosecutors at the intermediate level are appointed by a Prime Minister's Order after approval by the High Council of the National Public Prosecution Authority.</p> <p>(4) Other prosecutors are appointed in accordance with the law governing the statute of prosecutors.</p>	<p>(3) Les procureurs nationaux et les procureurs en chef au niveau de grande instance sont nommés par un arrêté du Premier Ministre, après approbation par le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.</p> <p>(4) Les autres procureurs sont nommés conformément aux dispositions de la loi portant statut des officiers de poursuite judiciaire.</p>
<p><b>Iningo ya 145: Manda y'abayobozi b'inzezo z'ubushinjacyaha</b></p> <p>(1) Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije bashyirirwaho manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.</p> <p>(2) Itegeko ryerekeye sitati y'abashinjacyaha rigena ibirebana na manda y'abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye.</p>	<p><b>Article 145: Term of office of heads of prosecution services</b></p> <p>(1) The Prosecutor General and Deputy Prosecutor General are appointed for a term of office of five years, renewable once.</p> <p>(2) The law governing the statute of prosecutors determines the term of office for the chief prosecutors at the intermediate level.</p>	<p><b>Article 145: Mandat des responsables des services de poursuite judiciaire</b></p> <p>(1) Le Procureur général et le Procureur général adjoint sont nommés pour un mandat de cinq ans renouvelable une fois.</p> <p>(2) La loi portant statut des officiers de poursuite judiciaire détermine le mandat des procureurs en chef au niveau de grande instance.</p>
<p><b>Iningo ya 146: Imikoranire y'Urwego rw'Ubushinjacyaha n'izindi nzego</b></p> <p>(1) Ubushinjacyaha bugengwa mu mirimo yabwo na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano.</p>	<p><b>Article 146: Collaboration between the National Public Prosecution Authority and other organs</b></p> <p>(1) The National Public Prosecution Authority is under the supervision of the Minister in charge of justice.</p>	<p><b>Article 146: Collaboration entre l'Organe national de Poursuite judiciaire et d'autres organes</b></p> <p>(1) L'Organe national de Poursuite judiciaire est placé sous la supervision du Ministre ayant la justice dans ses attributions.</p>

<p>(2) Mu byerekeranye no gukurikirana ibyaha, Minisitiri ufile ubutabera mu nshingano agena politiki rusange kandi ashobora, mu nyungu rusange, guha Umushinjacyaha Mukuru amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana icyaha.</p> <p>(3) Minisitiri ashobora kandi, iyo byihutirwa, mu nyungu rusange, guha umushinjacyaha uwo ari we wese amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana icyaha, akabimenesha Umushinjacyaha Mukuru.</p> <p>(4) Abashinjacyaha bafite ubwigenge ku baburanyi no ku bacamanza.</p> <p><b>Iningo ya 147: Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha</b></p> <p>(1) Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ifite inshingano yo gutanga imirongo migari ngenderwaho no gutuma haba imikorere myiza y'ubushinjacyaha mu Gihugu hose.</p> <p>(2) Itegeko rigena imitunganyirize, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.</p>	<p>(2) In matters relating to prosecution of offences, the Minister in charge of justice determines the general policy and may, in public interest, issue written instructions to the Prosecutor General to undertake or refrain from investigating and prosecuting an offence.</p> <p>(3) The Minister may also, in case of urgency and in public interest, issue written instructions to any prosecutor to investigate and prosecute or refrain from investigating and prosecuting an offence and inform the Prosecutor General of such instructions.</p> <p>(4) Prosecutors are independent from parties and judges.</p> <p><b>Article 147: High Council of the National Public Prosecution Authority</b></p> <p>(1) The High Council of the National Public Prosecution Authority has the responsibility to provide general policy guidelines and to ensure smooth functioning of the prosecution services throughout the country.</p> <p>(2) A law determines the organisation, powers and functioning of the High Council of the National Public Prosecution Authority.</p>	<p>(2) En matière de poursuite d'infractions, le Ministre ayant la justice dans ses attributions définit la politique générale et peut, dans l'intérêt général, donner des injonctions écrites de poursuite ou de non-poursuite au Procureur général.</p> <p>(3) Le Ministre peut également, en cas d'urgence et dans l'intérêt général, donner des injonctions écrites à tout officier de poursuite judiciaire lui obligeant de mener ou ne pas mener une action publique et en réserve copie au Procureur général.</p> <p>(4) Les officiers de poursuite judiciaire sont indépendants des parties et des juges.</p> <p><b>Article 147: Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire</b></p> <p>(1) Le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire a pour responsabilité de donner les grandes lignes directrices et d'assurer le bon fonctionnement des services de poursuite dans tout le pays.</p> <p>(2) Une loi détermine l'organisation, les compétences et le fonctionnement du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.</p>
--	---	--

<b><u>Iningo ya 148:</u> Ubushinjacyaha bwa Gisirikare</b>	<b><u>Article 148:</u> Military Prosecution Department</b>	<b><u>Article 148:</u> Auditorat militaire</b>
(1) Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bushinzwe gukurikirana ibyaha bikozwe n'abantu baburanishwa n'inkiko za gisirikare. Bukurikirana ibyaha biburanishwa mu nkiko za gisirikare.	(1) The Military Prosecution Department is responsible for the prosecution of offences committed by persons who are subject to the jurisdiction of military Courts. It investigates and prosecutes offences before military Courts.	(1) L'Auditorat militaire est chargé de la poursuite des infractions commises par les personnes justiciables des juridictions militaires. Il exerce l'action publique devant les juridictions militaires.
(2) Ubushinjacyaha bwa Gisirikare buyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare yunganiwe n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije.	(2) The Military Prosecution Department is headed by the Military Prosecutor General assisted by the Deputy Military Prosecutor General.	(2) L'Auditorat militaire est dirigé par un Auditeur général militaire assisté d'un Auditeur général militaire adjoint.
(3) Itegeko rigena imitunganyirize, ububasha n'imikorere by'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.	(3) A law determines the organisation, jurisdiction and functioning of the Military Prosecution Department.	(3) Une loi détermine l'organisation, la compétence et le fonctionnement de l'Auditorat militaire.
<b><u>Icyiciro cya 3:</u> Ubutegetsi bw'Ubucamanza</b>	<b><u>Section 3:</u> The Judiciary</b>	<b><u>Section 3:</u> Le Pouvoir judiciaire</b>
<b><u>Akiciro ka mbere:</u> Iningo rusange ku Butegetsi bw'Ubucamanza</b>	<b><u>Subsection One:</u> General provisions on the Judiciary</b>	<b><u>Sous-Section première:</u> Dispositions générales concernant le Pouvoir judiciaire</b>
<b><u>Iningo ya 149:</u> Ubucamanza</b>	<b><u>Article 149:</u> Judicial Authority</b>	<b><u>Article 149:</u> Autorité judiciaire</b>
Ubucamanza bushinzwe Urwego rw'Ubucamanza rugizwe n'inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye.	The Judicial Authority is vested in the Judicial Organ composed of ordinary Courts and specialised Courts.	L'Autorité judiciaire est conférée à l'Organe Judiciaire composé de juridictions ordinaires et de juridictions spécialisées.

<b><u>Iningo ya 150: Inama Nkuru y'Ubucamanza</u></b>	<b>Article 150: High Council of the Judiciary</b>	<b>Article 150: Conseil supérieur de la Magistrature</b>
(1) Inama Nkuru y'Ubucamanza ni rwo rwego rukuru ruyobora Ubutegetsi bw'Ubucamanza. Ishyiraho imirongo migari igenga imiyoborere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza.	(1) The High Council of the Judiciary is the supreme governing organ of the Judiciary. It sets general guidelines governing the administration of the Judiciary.	(1) Le Conseil supérieur de la Magistrature est l'organe suprême de direction du Pouvoir judiciaire. Il définit les grandes lignes régissant l'administration du Pouvoir judiciaire.
(2) Itegeko rigena imitunganyirize, ububasha, inshingano n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'abayigize.	(2) A law determines the organisation, powers, responsibilities and functioning of the High Council of the Judiciary and its composition.	(2) Une loi détermine l'organisation, la compétence, les attributions et le fonctionnement du Conseil supérieur de la Magistrature et sa composition.
<b><u>Iningo ya 151: Ubwigenge bw'Ubutegetsi bw'Ubucamanza</u></b>	<b>Article 151: Independence of the Judiciary</b>	<b>Article 151: Indépendance du Pouvoir judiciaire</b>
Ubutegetsi bw'Ubucamanza burigenga kandi bufite ubwisanzure mu micungire y'abakozzi n'imari.	The Judiciary is independent and enjoys financial and administrative autonomy.	Le Pouvoir judiciaire est indépendant et jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.
<b><u>Iningo 152: Amahame y'ubucamanza</u></b>	<b>Article 152: Principles of the judicial system</b>	<b>Article 152: Principes du système judiciaire</b>
(1) Ubucamanza bugengwa n'amahame akurikira:  (a) imanza zicibwa mu izina ry'abaturage kandi ntawe ushobora kwicira urubanza ubwe;	(1) The judicial system is governed by the following principles:  (a) justice is rendered in the name of the people and nobody may be a judge in his or her own cause;	(1) Le système judiciaire est régi par les principes suivants:  (a) la justice est rendue au nom du peuple et nul ne peut être juge dans sa propre cause;

<p>(b) imanza ziburanishirizwa mu ruhame, keretse iyo urukiko rwemeje ko habaho umuhezo mu buryo buteganywa n'amategeko;</p> <p>(c) urubanza rwose ruciwe rugaragaza impamvu rushingiyeho rukandikwa mu ngingo zarwo zose kandi rugasomwa mu buryo buteganywa n'itegeko;</p> <p>(d) ibyemezo by'ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo; ntibishobora kuvuguruzwa, keretse binyuze mu nzira no mu buryo biteganywa n'amategeko;</p> <p>(e) abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose.</p> <p>(2) Ibyerekeye imyifatire myiza n'ubwangamugayo by'abacamanza biteganywa n'amategeko yihariye abagenga.</p>	<p>(b) Court proceedings are conducted in public, unless the Court determines that proceedings be held in camera in circumstances provided for by law;</p> <p>(c) every judgment indicates its basis, is written in its entirety and pronounced as provided for by the law;</p> <p>(d) Court rulings are binding on all parties concerned, be they public authorities or individuals; they cannot be challenged except through procedures determined by law;</p> <p>(e) in exercising their judicial functions, judges at all times do it in accordance with the law and are independent from any power or authority.</p> <p>(2) The code of conduct and integrity of judges is determined by relevant specific laws.</p>	<p>(b) les audiences des juridictions sont publiques, sauf cas de huis clos prononcé par une juridiction dans les conditions prévues par la loi;</p> <p>(c) tout jugement ou arrêt est motivé, entièrement rédigé et est prononcé tel que prévu par la loi;</p> <p>(d) les décisions de justice s'imposent à tous ceux qui y sont parties, que ce soit les pouvoirs publics ou les particuliers ; elles ne peuvent être remises en cause que par les voies et procédures prévues par la loi;</p> <p>(e) dans l'exercice de leurs fonctions judiciaires, les juges doivent s'en tenir à la loi et rester indépendants de tout autre pouvoir ou autorité.</p> <p>(2) Le code d'éthique judiciaire est déterminé par les lois spécifiques en la matière.</p>
--	---	---

<b><u>Akiciro ka 2: Inkiko n'abacamanza</u></b>	<b><u>Subsection 2: Courts and judges</u></b>	<b><u>Sous-section 2: Juridictions et juges</u></b>
<b><u>Ingingo ya 153: Ibyiciro by'inkiko</u></b>	<b><u>Article 153: Classification of Courts</u></b>	<b><u>Article 153: Catégories de juridictions</u></b>
(1) Inkiko zigizwe n'inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye.	(1) Courts consist of ordinary and specialised Courts.	(1) Les juridictions comprennent les juridictions ordinaires et les juridictions spécialisées.
(2) Inkiko zisanzwe zigizwe n'Urukiko rw'Ikirenga, Urukiko rw'Ubujurire, Urukiko Rukuru, Inkiko Zisumbuye n'Inkiko z'Ibanze.	(2) Ordinary Courts are comprised of the Supreme Court, the Court of Appeal, the High Court, Intermediate Courts and Primary Courts.	(2) Les juridictions ordinaires comprennent la Cour Suprême, la Cour d'Appel, la Haute Cour, les Tribunaux de Grande Instance et les Tribunaux de Base.
(3) Inkiko zihariye zigizwe n'Inkiko z'Ubucuruzi n'Inkiko za Gisirikare.	(3) Specialised Courts are comprised of Commercial Courts and Military Courts.	(3) Les juridictions spécialisées comprennent les juridictions de commerce et les juridictions militaires.
(4) Itegeko Ngenga rishobora gushyiraho cyangwa gukuraho urukiko rusanzwe cyangwa urukiko rwihariye.	(4) An organic law may establish or remove an ordinary or a specialised Court.	(4) Une loi organique peut instituer ou supprimer une juridiction ordinaire ou une juridiction spécialisée.
(5) Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'inkiko.	(5) A law determines the organisation, functioning and jurisdiction of Courts.	(5) Une loi détermine l'organisation, le fonctionnement et la compétence des juridictions.
<b><u>Ingingo ya 154: Ishyirwaho ry'abacamanza bayobora inkiko</u></b>	<b><u>Article 154: Appointment of judges in charge of Courts</u></b>	<b><u>Article 154: Nomination des juges responsables des juridictions</u></b>
(1) Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru,	(1) The President and the Vice President of the Supreme Court, the President and the Vice President of the Court of Appeal, the President and the Vice	(1) Le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême, le Président et le Vice-Président de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour

Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. Perezida wa Repubulika abanza kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.	President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court are appointed by a Presidential Order after approval by the Senate. The President of the Republic appoints them after consultation with Cabinet and the High Council of the Judiciary.	ainsi que le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce sont nommés par arrêté présidentiel après leur approbation par le Sénat. Le Président de la République procède à leur nomination après avis du Conseil des Ministres et du Conseil supérieur de la Magistrature.
(2) Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agomba kuba afite ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko kandi nta bundi bwenegihugu agomba kuba afite.	(2) The President of the Supreme Court must be of Rwandan nationality by origin and must not hold any other nationality.	(2) Le Président de la Cour Suprême doit être de nationalité rwandaise d'origine et ne détenir aucune autre nationalité.
(3) Abacamanza bayobora izindi nkiko zisanzwe n'iz'ubucuruzi bashyirwaho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.	(3) Judges in charge of other ordinary Courts and commercial Courts are appointed by the High Council of the Judiciary.	(3) Les juges responsables d'autres juridictions ordinaires et de commerce sont nommés par le Conseil supérieur de la Magistrature.
<b><u>Iningo ya 155: Ishyirwaho ry'abandi bacamanza</u></b>	<b><u>Article 155: Appointment of other judges</u></b>	<b><u>Article 155: Nomination d'autres juges</u></b>
(1) Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga n'ab'Urukiko rw'Ubujurire bashyirwaho na Perezida wa Repubulika amaze kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Ashyikiriza Sena urutonde rw'abakandida bangana n'imyanya y'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga n'ab'Urukiko rw'Ubujurire isabirwa kuzuzwa, kugira ngo ibemeze.	(1) Judges of the Supreme Court and those of the Court of Appeal are appointed by the President of the Republic after consultation with the Cabinet and the High Council of the Judiciary. The President of the Republic submits to the Senate a list of candidates whose number equals that of vacant posts of Judges of the Supreme Court and Judges	(1) Les Juges de la Cour Suprême et ceux de la Cour d'Appel sont nommés par le Président de la République après avis préalable du Conseil des Ministres et du Conseil supérieur de la Magistrature. Le Président de la République propose au Sénat, pour approbation, une liste de candidats dont le nombre est égal à celui des postes vacants des Juges à la Cour Suprême et des Juges à la Cour d'Appel.

<p>(2) Abandi bacamanza b'izindi nkiko zisanzwe n'ab'inkiko z'ubucuruzi ziteganywa n'iri Tegeko Nshinga bashyirwaho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.</p> <p>(3) Abacamanza b'inkiko za gisirikare bashyirwaho hakurikijwe amategeko abagenga.</p> <p>(4) Itegeko rigenga sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko rigena uburyo bashyirwa mu nkiko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 156: Irahira ry'abacamanza</u></b></p> <p>(1) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru na Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi barahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika.</p>	<p>of the Court of Appeal for their approval.</p> <p>(2) Other judges of other ordinary Courts and commercial Courts provided for by this Constitution are appointed by the High Council of the Judiciary.</p> <p>(3) Judges of military Courts are appointed in accordance with the legislation governing them.</p> <p>(4) The law governing the statute of judges and judicial personnel determines modalities for their appointment to Courts.</p> <p><b><u>Article 156: Oath-taking by judges</u></b></p> <p>(1) The President, the Vice President and Judges of the Supreme Court, the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal as well as the President and the Vice President of the High Court, the President and Vice President of the Commercial High Court take the oath of office publicly before the President of the Republic.</p>	<p>(2) Les autres juges d'autres juridictions ordinaires et juridictions de commerce prévues par la présente Constitution sont nommés par le Conseil supérieur de la Magistrature.</p> <p>(3) Les juges des juridictions militaires sont nommés conformément à la législation qui les régit.</p> <p>(4) La loi portant statut des juges et des agents de l'ordre judiciaire détermine les modalités de leur affectation au sein des juridictions.</p> <p><b><u>Article 156: Prestation de serment des juges</u></b></p> <p>(1) Le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême, le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour ainsi que le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce prêtent serment publiquement devant le Président de la République.</p>
--	---	---

(2) Abandi bacamanza barahirira imbere y'abayobozi bavugwa mu itegeko ribagenga.	(2) Other judges take the oath of office before authorities referred to in the law governing them.	(2) Les autres juges prêtent serment devant les autorités désignées par la loi qui les régit.
<b><u>Iningo ya 157: Manda y'abacamanza bayobora inkiko</u></b>	<b><u>Article 157: Term of office of judges in charge of Courts</u></b>	<b><u>Article 157: Mandat des juges responsables des juridictions</u></b>
(1) Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirirwaho manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.	(1) The President and the Vice President of the Supreme Court, the President and the Vice President of the Court of Appeal, the President and the Vice President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court are appointed for a term of office of five years renewable once.	(1) Le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême, le Président et le Vice-Président de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce sont nommés pour un mandat de cinq ans renouvelable une fois.
(2) Itegeko rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko rinateganya ibirebana na manda y'abayobozi b'izindi nkiko.	(2) The law governing the statute of judges and judicial personnel also determines the term of office of judges in charge of other Courts.	(2) La loi portant statut des juges et des agents de l'ordre judiciaire détermine également le mandat des responsables d'autres juridictions.
<b><u>Iningo ya 158: Ivanwaho ry'abacamanza</u></b>	<b><u>Article 158: Removal of judges</u></b>	<b><u>Article 158: Révocation des juges</u></b>
(1) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashobora kuvanza ku mirimo yabo kubera kwitwara nabi,	(1) The President, the Vice President and Judges of the Supreme Court, the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal, the President and the Vice President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court may be relieved of their duties for	(1) Le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême, le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour ainsi que le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce peuvent être relevés de leurs fonctions pour mauvaise conduite,

<p>kudashobora akazi cyangwa gukora ikosa rikomeye bisabwe n'Umutwe w'Abadepite cyangwa Sena ku bwiganze bw'amajwi bwa bitatu bya gatanu, bakavanwaho n'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>misbehaviour, incompetence or gross professional misconduct upon request by a three-fifths majority vote of either the Chamber of Deputies or the Senate, and a decision to remove them from office is taken by Parliament in a joint sitting by a two-thirds majority vote of each Chamber.</p>	<p>incompétence ou faute professionnelle grave, à l'initiative des trois cinquièmes des membres de la Chambre des Députés ou du Sénat; la décision de révocation est prise par les deux Chambres du Parlement, réunies en séance conjointe, à la majorité de deux tiers des membres de chaque Chambre.</p>
<p>(2) Abandi bacamanza b'izindi nkiko zisanzwe n'ab'inkiko z'ubucuruzi ziteganywa muri iri Tegeko Nshinga bakurwaho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.</p> <p>(3) Abacamanza b'inkiko za gisirikare bakurwaho hakurikijwe amategeko abagenga.</p>	<p>(2) Other judges of other ordinary Courts and commercial Courts provided for by this Constitution are removed from office by the High Council of the Judiciary.</p> <p>(3) Judges of military Courts are removed from office in accordance with the legislation governing them.</p>	<p>(2) Les autres juges d'autres juridictions ordinaires et juridictions de commerce prévues par la présente Constitution sont révoqués par le Conseil supérieur de la Magistrature.</p> <p>(3) Les juges des juridictions militaires sont révoqués conformément à la législation qui les régit.</p>
<p><b>UMUTWE WA VIII: KURINDA IGIHUGU N'UMUTEKANO</b></p>	<p><b>CHAPTER VIII: NATIONAL DEFENCE AND SECURITY</b></p>	<p><b>CHAPITRE VIII: DÉFENSE ET SÉCURITÉ NATIONALE</b></p>
<p><b>Ingingo ya 159: Inzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano</b></p>	<p><b>Article 159: National defence and security organs</b></p>	<p><b>Article 159 : Organes de défense et de sécurité nationale</b></p>
<p>(1) Leta ifite inzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano zikurikira:</p> <p>(a) Ingabo z'u Rwanda;</p> <p>(b) Polisi y'u Rwanda;</p>	<p>(1) The State has the following defence and security organs:</p> <p>(a) Rwanda Defence Force;</p> <p>(b) Rwanda National Police;</p>	<p>(1) L'État dispose des organes de défense et de sécurité nationale suivants:</p> <p>(a) les Forces Rwandaises de Défense;</p> <p>(b) la Police nationale du Rwanda;</p>

(c) Urwego rw'Ighugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano.	(c) National Intelligence and Security Service.	(c) le Service national de Renseignements et de Sécurité.
(2) Itegeko rishobora kugena izindi nzego zishinzwe umutekano.	(2) A law may determine other security organs.	(2) Une loi peut déterminer d'autres organes de sécurité.
(3) Inzego zishinzwe kurinda Ighugu n'umutekano zirakorana zikanahuza ibikorwa mu kuzuza inshingano zazo.	(3) National defence and security organs collaborate and coordinate their activities in fulfilment of their respective responsibilities.	(3) Les organes de défense et de sécurité nationale collaborent et coordonnent leurs activités dans la réalisation de leurs missions respectives.
<b><u>Iningo ya 160: Ingabo z'u Rwanda</u></b>	<b><u>Article 160: Rwanda Defence Force</u></b>	<b><u>Article 160: Forces Rwandaises de Défense</u></b>
(1) Kurinda Ighugu bikorwa n'Ingabo z'Ighugu z'umwuga zitwa "Ingabo z'u Rwanda".	(1) National defence is the responsibility of a professional national military force known as the "Rwanda Defence Force".	(1) La défense nationale est assurée par une armée nationale de profession dénommée « Forces Rwandaises de Défense ».
(2) Itegeko rigena inshingano, imitunganyirize n'ububasha by'Ingabo z'u Rwanda.	(2) A law determines the mission, organisation and powers of the Rwanda Defence Force.	(2) Une loi détermine la mission, l'organisation et la compétence des Forces Rwandaises de Défense.
<b><u>Iningo ya 161: Polisi y'u Rwanda</u></b>	<b><u>Article 161: Rwanda National Police</u></b>	<b><u>Article 161: Police nationale du Rwanda</u></b>
(1) Polisi y'u Rwanda ishinzwe muri rusange kurinda umutekano w'abantu n'ibantu mu Gihugu hose.	(1) Rwanda National Police is generally responsible for ensuring security of persons and property throughout the country.	(1) La Police nationale du Rwanda est en général chargée d'assurer la sécurité des personnes et des biens dans tout le pays.
(2) Itegeko rigena amahame ngenderwaho, ububasha, inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Polisi y'u Rwanda.	(2) A law determines the governing principles, powers, responsibilities,	(2) Une loi détermine les principes directeurs, la compétence, les responsabilités, l'organisation et le

	<p>organisation and functioning of the Rwanda National Police.</p>	<p>fonctionnement de la Police nationale du Rwanda.</p>
<p><b><u>Iningo ya 162: Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano</u></b></p>	<p><b><u>Article 162: National Intelligence and Security Service</u></b></p>	<p><b><u>Article 162: Service national de Renseignements et de Sécurité</u></b></p>
<p>(1) Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano rushinzwe muri rusange gukora iperereza imbere no hanze y'Igihugu no gusuzuma ibijyanye n'abinjira n'abasohoka, hagamijwe kurinda no gukumira icyahungabanya umutekano w'Igihugu.</p>	<p>(1) The National Intelligence and Security Service is generally responsible for internal and external intelligence, as well as immigration and emigration matters, for the prevention of and protection against threats to national security.</p>	<p>(1) Le Service national de Renseignements et de Sécurité est en général chargé des renseignements tant internes qu'externes et de tout ce qui est relatif à l'immigration et émigration pour la prévention et la protection contre toutes menaces à la sécurité nationale.</p>
<p>(2) Itegeko rigena inshingano, imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urwego rw'Igihugu rushinzwe iperereza n'umutekano.</p>	<p>(2) A law determines responsibilities, organisation, functioning and powers of the National Intelligence and Security Service.</p>	<p>(2) Une loi détermine les responsabilités, l'organisation, le fonctionnement et les compétences du Service national de Renseignements et de Sécurité.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IX: IMARI YA LETA N'IMISORO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IX: STATE FINANCE AND TAXES</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IX: FINANCES DE L'ÉTAT ET IMPÔTS</u></b></p>
<p><b><u>Iningo ya 163: Itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 163: State finance law</u></b></p>	<p><b><u>Article 163: Loi de finances de l'État</u></b></p>
<p>(1) Buri mwaka w'ingengo y'imari, Umutwe w'Abadepite usuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta, ukanaritora.</p>	<p>(1) Every financial year, the Chamber of Deputies considers the relevance of the draft law determining State finances and adopts it.</p>	<p>(1) Pour chaque exercice budgétaire, la Chambre des Députés examine l'opportunité du projet de loi portant fixation des finances de l'État et l'adopte.</p>
<p>(2) Itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta rigena umutungo Leta izinjiza n'uzakoreshwa mu buryo buteganywa</p>	<p>(2) The law determining State finances determines the revenue and expenditure of the State in accordance with the</p>	<p>(2) La loi portant fixation des finances de l'État détermine les ressources et les charges de l'État dans les conditions</p>

<p>n'Itegeko Ngenga. Itegeko Ngenga rinagena igihe ingengo y'imari ya Leta y'umwaka w'ingengo y'imari isomwa imbere y'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>conditions provided for by an organic law. An organic law also determines the deadline for the presentation of annual State budget before both Chambers of Parliament.</p>	<p>prévues par une loi organique. Une loi organique fixe également le délai de présentation du budget annuel de l'État aux deux Chambres du Parlement.</p>
<p>(3) Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena ishyikiriza Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta.</p>	<p>(3) Before the final adoption of the State budget, the Senate provides the Chamber of Deputies with its opinions on the draft law determining State finances.</p>	<p>(3) Avant l'adoption définitive du budget de l'État, le Sénat donne à la Chambre des Députés ses avis sur le projet de loi portant fixation des finances de l'État.</p>
<p><b><u>Iningo ya 164: Ikoreshwa ry'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko itegeko ry'ingengo y'imari ritangazwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 164: Execution of the State budget before publication of finance law</u></b></p>	<p><b><u>Article 164: Exécution du budget de l'État avant la publication de la loi de finances</u></b></p>
<p>Iyo umwaka w'ingengo y'imari ya Leta utangiye itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta y'uwo mwaka ritaratangazwa, Minisitiri w'Intebe, akoresheje iteka, atanga by'agateganyo uburenganzira bwo gukoresha mu gihe cy'ukwezi kumwe amafaranga angana na kimwe cya cumi na kabiri cy'ingengo y'imari ya Leta y'umwaka urangiye.</p>	<p>In case the financial year starts before the publication of the law on State finance of that year, the Prime Minister authorises, by an order, a monthly expenditure on a provisional basis of an amount equal to one-twelfth of the budget of the preceding year.</p>	<p>Si l'ouverture de l'exercice budgétaire intervient avant la publication de la loi de finances de l'année, le Premier Ministre, par arrêté, autorise des dépenses mensuelles à titre provisoire d'un montant égal à un douzième du budget de l'État de l'exercice précédent.</p>
<p><b><u>Iningo ya 165: Ishyirwaho, ihindurwa cyangwa ikurwaho ry'umusoro</u></b></p>	<p><b><u>Article 165: Imposing, modifying or removing a tax</u></b></p>	<p><b><u>Article 165: Imposition, modification ou suppression d'un impôt</u></b></p>
<p>(1) Umusoro ushyirwaho, uhindurwa cyangwa ikurwaho n'itegeko.</p>	<p>(1) Tax is imposed, modified or removed by law.</p>	<p>(1) L'impôt est établi, modifié ou supprimé par une loi.</p>

<p>(2) Nta sonerwa cyangwa igabanywa ry'umusoro rishobora gukorwa mu gihe bideganywa n'itegeko.</p>	<p>(2) No exemption or reduction of a tax can be granted unless authorised by law.</p>	<p>(2) Nulle exonération ou modération d'impôt ne peut être accordée que dans les cas prévus par la loi.</p>
<p><b><u>Iningo ya 166: Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 166: Office of the Auditor General of State Finances</u></b></p>	<p><b><u>Article 166: Office de l'Auditeur général des Finances de l'État</u></b></p>
<p>Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta ni urwego rw'Ighugu rwigenga rushinzwe ubugenzuzi bw'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.</p>	<p>The Office of the Auditor General of State Finances is an independent State organ responsible for the auditing of State finances and assets.</p>	<p>L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État est un organe de l'État indépendant chargé de l'audit des finances et du patrimoine de l'État.</p>
<p><b><u>Iningo ya 167: Raporor y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 167: Report of the Office of the Auditor General of State Finances</u></b></p>	<p><b><u>Article 167: Rapport de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État</u></b></p>
<p>(1) Buri mwaka, Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, raporo yuzuye ku ifoto y'umutungo wa Leta irimo imikoreshereze y'imari ya Leta y'umwaka ushize mbere y'itangira ry'ighembwe cyagenewe gusuzuma ingengo y'imari ya Leta y'umwaka ukurikiye. Iyo raporo inagaragaza uburyo imari yakoreshejwe, amafaranga yakoreshejwe bitari ngombwa cyangwa hadakurikijwe amategeko, igaragaza kandi niba harabaye inyerezwa cyangwa isesagura ry'umutungo rusange.</p>	<p>(1) The Office of the Auditor General of State Finances submits each year, to both Chambers of Parliament, prior to the commencement of the session devoted to the examination of the State budget of the following year, a complete report on the balance sheet of the State budget of the previous year. The report also indicates the manner in which the budget was executed, unnecessary or unlawful expenditures, and whether there was embezzlement or squandering of public funds.</p>	<p>(1) L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État soumet chaque année, avant l'ouverture de la session consacrée à l'examen du budget de l'année suivante, aux deux Chambres du Parlement le rapport sur le bilan des finances de l'État qui comprend l'exécution du budget de l'État de l'exercice écoulé. Ce rapport précise également la manière dont les comptes ont été gérés, les dépenses inutiles ou irrégulières, et s'il y a eu détournement ou dilapidation des deniers publics.</p>

<p>(2) Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rushyikiriza Perezida wa Repubulika, Guverinoma, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'Umushinjacyaha Mukuru kopi ya raporo ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(3) Mu gihe kitarenze amezi atandatu, Inteko Ishinga Amategeko imaze gushyikirizwa raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta ivugwa muri iyi ngingo, iyijyaho impaka ikanayifataho ibyemezo bikwiye.</p> <p>(4) Inzego n'abayobozi bagenerwa kopi ya raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta bashyira mu bikorwa ibiyikubiyemo bafata ibyemezo bikwiye ku makosa n'ibindi bitakurikijwe byagaragajwe muri iyo raporo.</p> <p>(5) Inteko Ishinga Amategeko ishobora gusaba Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta gukora ubugenzuzi bw'imari mu nzego za Leta cyangwa ku mikoreshereze y'amafaranga yatanzwe na Leta.</p>	<p>(2) The Office of the Auditor General of State Finances submits to the President of the Republic, the Cabinet, the President of Supreme Court and the Prosecutor General a copy of the report referred to in Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(3) Within six months of receiving the report of the Office of the Auditor General of State Finances referred to in this Article, the Parliament examines it and takes appropriate decisions.</p> <p>(4) Institutions and public officials to which a copy of the annual report of the Office of the Auditor General of State Finances is addressed implement its recommendations by taking appropriate measures as regards irregularities and other shortcomings which were disclosed.</p> <p>(5) The Parliament may request the Office of the Auditor General of State Finances to conduct a financial audit of State organs or the use of funds allocated by the State.</p>	<p>(2) L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État adresse une copie du rapport mentionné au paragraphe (1) du présent article au Président de la République, au Gouvernement, au Président de la Cour Suprême et au Procureur général.</p> <p>(3) Dans un délai ne dépassant pas six mois à dater de la réception du rapport de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État prévu dans le présent article, le Parlement l'examine et prend des décisions appropriées.</p> <p>(4) Les institutions et les autorités destinataires de la copie du rapport de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État donnent suite en prenant les mesures qui s'imposent en ce qui concerne notamment les irrégularités et les manquements constatés.</p> <p>(5) Le Parlement peut charger l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État d'effectuer toute vérification financière dans les organes de l'État ou de l'utilisation des fonds alloués par l'État.</p>
--	--	--

<b>UMUTWE WA X: AMASEZERANO MPUZAMAHANGA</b>	<b>CHAPTER X: INTERNATIONAL TREATIES AND AGREEMENTS</b>	<b>CHAPITRE X: TRAITÉS ET ACCORDS INTERNATIONAUX</b>
<p><b>Ingingo ya 168:</b> Imishyikirano no kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga</p> <p>(1) Perezida wa Repubulika cyangwa undi yabihereye uburenganzira ni we ufile ububasha bwo gukora imishyikirano yerekeye amasezerano mpuzamahanga no kuyashyiraho umukono. Perezida wa Repubulika ni we ufile ububasha bwo kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga. Iyo amaze kwemezwa, ayo masezerano amenyeshwa Inteko Ishinga Amategeko.</p> <p>(2) Icyakora, amasezerano mpuzamahanga ajyanye no guhagarika intambara, ayerekeye amahoro, ubucuruzi, imiryango mpuzamahanga, afite ingaruka ku mari ya Leta, ahindura amategeko y'Igihugu cyangwa ayerekeye imimerere y'abantu ntashobora kwemezwa burundu bitabanje kwemerwa n'Inteko Ishinga Amategeko.</p> <p>(3) Amasezerano mpuzamahanga yo gutanga cyangwa kugurana igice cy'u Rwanda cyangwa se komeka ku Rwanda igice</p>	<p><b>Article 168: Negotiation and ratification of international treaties and agreements</b></p> <p>(1) The President of the Republic or his or her delegate has the sole power to negotiate and sign international treaties and agreements. The President of the Republic has the sole power to ratify international treaties and agreements. The Parliament is notified of those treaties and agreements following their conclusion.</p> <p>(2) However, international treaties and agreements concerning armistice, peace, commerce, international organisations, those which commit state finances, those requiring modification of national legislation or relating to the status of persons can only be ratified after approval by Parliament.</p> <p>(3) International treaties and agreements ceding or exchanging part of the territory of Rwanda or adding a territory</p>	<p><b>Article 168: Négociation et ratification des traités et accords internationaux</b></p> <p>(1) Le Président de la République ou son délégué ont compétence exclusive pour négocier et signer les traités et accords internationaux. Le Président de la République a compétence exclusive pour ratifier les traités et accords internationaux. Le Parlement en est informé après leur conclusion.</p> <p>(2) Toutefois, les traités et accords internationaux d'armistice, de paix, de commerce, les traités et accords relatifs aux organisations internationales, ceux qui engagent les finances de l'État, ceux qui requièrent la modification de la législation nationale ou ceux relatifs à l'état des personnes ne peuvent être ratifiés qu'après l'approbation du Parlement.</p> <p>(3) Les traités et accords internationaux de cession, d'échange ou d'adjonction d'un territoire ne peuvent pas être ratifiés sans</p>

<p>cy'ikindi gihugu ntashobora kwemezwa burundi bitabanje kwemezwa n'Abanyarwanda muri referendumu.</p>	<p>of another country to Rwanda cannot be ratified without the consent of Rwandans through a referendum.</p>	<p>le consentement des Rwandais consultés par référendum.</p>
<p><b>Ingingo ya 169: Agaciro k'amasezerano mpuzamahanga</b></p>	<p><b>Article 169: Binding force of international treaties and agreements</b></p>	<p><b>Article 169: Force obligatoire des traités et accords internationaux</b></p>
<p>Iyo iteka rya Perezida ryemeza burundi amasezerano mpuzamahanga rimaze gutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, ayo masezerano mpuzamahanga agira agaciro nk'ak'andi mategeko akurikizwa mu Gihugu hakurikijwe ubusumbane bw'amategeko buteganywa mu gika cya (1) cy'ingingo ya 95 y'iri Tegeko Nshinga.</p>	<p>Upon publication of a Presidential Order ratifying an international treaty or agreement in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the international treaty or agreement has the force of law as national legislation in accordance with the hierarchy of laws provided for under Paragraph (1) of Article 95 of this Constitution.</p>	<p>Lorsqu'un arrêté présidentiel ratifiant un traité ou un accord international est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda, ce traité ou accord international a une force obligatoire comme la législation nationale et suivant la hiérarchie des lois prévue au paragraphe (1) de l'article 95 de la présente Constitution.</p>
<p><b>Ingingo ya 170: Amasezerano mpuzamahanga abujijwe</b></p>	<p><b>Article 170: Prohibited international agreements</b></p>	<p><b>Article 170: Accords internationaux interdits</b></p>
<p>(1) Birabujijwe gukora amasezerano mpuzamahanga yemera gutuza ingabo z'amahanga mu Gihugu.</p> <p>(2) Birabujijwe gukora amasezerano mpuzamahanga yemera kunyuza cyangwa kurunda mu Gihugu imyanda ihumanya n'ibindi byose byagira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abantu no ku bidukikije.</p>	<p>(1) It is prohibited to make international agreements permitting foreign military bases on the national territory.</p> <p>(2) It is prohibited to make international agreements permitting the transit or dumping, on national territory, of toxic waste and other hazardous materials likely to cause serious damage to public health and the environment.</p>	<p>(1) Les accords internationaux d'installation de bases militaires étrangères sur le territoire national sont interdits.</p> <p>(2) Les accords internationaux autorisant le transit ou le stockage, sur le territoire national, de déchets toxiques et autres matières dangereuses susceptibles de porter gravement atteinte à la santé publique et à l'environnement sont interdits.</p>

<b><u>Iningo ya 171: Amasezerano mpuzamahanga avuguruza Itegeko Nshinga cyangwa Itegeko Ngenga</u></b>	<b>Article 171: International treaties and agreements conflicting with the Constitution or an organic law</b>	<b>Article 171: Traités et accords internationaux en conflit avec la Constitution ou une loi organique</b>
Iyo amasezerano mpuzamahanga afite iningo ivuguruza Itegeko Nshinga cyangwa Itegeko Ngenga, kuyemeza burundi ntibishobora gukorwa Itegeko Nshinga cyangwa iryo Tegeko Ngenga bitabanje guhindurwa.	Where an international treaty or agreement contains provisions which are conflicting with the Constitution or an organic law, its ratification cannot be done until the Constitution or the organic law is modified.	Lorsqu'un traité ou un accord international comporte une clause contraire à la Constitution ou à une loi organique, sa ratification ne peut se faire qu'après la modification de la Constitution ou de la loi organique.
<b><u>UMUTWE WA XI: ININGO Z'INZIBACYUHO, IVUGURURWA RY'ITEGEKO NSHINGA N'INGINGO ZISOZA</u></b>	<b>CHAPTER XI: TRANSITIONAL PROVISIONS, REVISION OF THE CONSTITUTION AND FINAL PROVISIONS</b>	<b>CHAPITRE XI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, RÉVISION DE LA CONSTITUTION ET DISPOSITIONS FINALES</b>
<b><u>Iningo ya 172: Perezida wa Repubulika</u></b>	<b>Article 172: The President of the Republic</b>	<b>Article 172: Président de la République</b>
(1) Perezida wa Repubulika uri mu mwanya mu gihe iri Tegeko Nshinga ritangira gukurikizwa akomeza manda y'imyaka irindwi yatorewe.  (2) Ibiteganywa mu ngingo ya 101 y' iri Tegeko Nshinga bitangira gukurikizwa nyuma ya manda ya Perezida wa Repubulika y'imyaka irindwi ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.	(1) The President of the Republic in office at the time this Constitution comes into force continues to serve the term of office of seven years for which he was elected.  (2) The provisions of Article 101 of this Constitution take effect after the seven -year term of office of the President of the Republic referred to in Paragraph (1) of this Article.	(1) Le Président de la République en exercice lors de l'entrée en vigueur de la présente Constitution continue à exercer le mandat de sept ans pour lequel il a été élu.  (2) Les dispositions de l'article 101 de la présente Constitution prennent effet après le mandat du Président de la République de sept ans visé au paragraphe (1) du présent article.

<b><u>Iningo ya 173: Ikomeza ry'imirimo y'Abadepite bari mu myanya</u></b>	<b><u>Article 173: Continuation of functions of Deputies in office</u></b>	<b><u>Article 173: Continuation des fonctions des Députés en exercice</u></b>
<p>Abadepite bari mu myanya igithe iri Tegeko Nshinga rivuguruye ritangiye gukurikizwa bakomeza imirimo yabo kugeza igithe cy'iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'amatora.</p> <p><b><u>Iningo ya 174: Gutangira gukurikizwa kw'amategeko</u></b></p> <p>(1) Amategeko ntashobora gutangira gukurikizwa atabanje gutangazwa mu buryo buteganywa n'amategeko.</p> <p>(2) Ntawe ushobora kwitwaza ko atazi itegeko iyo ryatangajwe mu buryo buteganywa n'amategeko.</p> <p>(3) Amategeko gakondo atanditse akomeza gukurikizwa gusa iyo atasimbuwe n'amategeko yanditse kandi akaba atanyuranyije n'Itegeko Nshinga, amategeko, amateka n'amabwiriza cyangwa ngo abe abangamiye uburenganzira bwa muntu, ituze rusange rya rubanda cyangwa imyitwarire iboneye.</p>	<p>Deputies in office at the time this revised Constitution comes into force continue to serve until the day of the dissolution of the Chamber of Deputies due to elections.</p> <p><b><u>Article 174: Entry into force of laws</u></b></p> <p>(1) Laws cannot enter into force without their prior publication in accordance with procedures determined by law.</p> <p>(2) Ignorance of a duly published law is not an excuse.</p> <p>(3) Unwritten customary law remains applicable provided it has not been replaced by written law, is not inconsistent with the Constitution, laws, orders, and regulations, and neither violates human rights nor prejudices public order or good morals.</p>	<p>Les Députés dont le mandat est en cours lors de l'entrée en vigueur de la présente Constitution révisée restent en fonctions jusqu'à la date de la dissolution de la Chambre des Députés en raison des élections.</p> <p><b><u>Article 174: Entrée en vigueur des lois</u></b></p> <p>(1) Les lois ne peuvent entrer en vigueur si elles n'ont pas été publiées dans les conditions déterminées par la loi.</p> <p>(2) Nul n'est censé ignorer la loi régulièrement publiée.</p> <p>(3) La coutume ne demeure applicable que pour autant qu'elle n'ait pas été remplacée par une loi et qu'elle n'ait rien de contraire à la Constitution, aux lois, aux arrêtés et aux règlements ou ne porte pas atteinte aux droits de la personne, à l'ordre public et aux bonnes mœurs.</p>

<b><u>Iningo ya 175: Uburyo bwo kuvugurura Itegeko Nshinga</u></b>	<b><u>Article 175: Procedure for revising the Constitution</u></b>	<b><u>Article 175: Procédure de révision de la Constitution</u></b>
(1) Ububasha bwo gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga bufitwe na Perezida wa Repubulika bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri; bufitwe kandi na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko binyuze mu itora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abawugize.	(1) The power to initiate the revision of the Constitution is vested in the President of the Republic after approval by Cabinet. It is also vested in each Chamber of Parliament through a two-thirds majority vote of members.	(1) L'initiative de la révision de la Constitution appartient au Président de la République après approbation du Conseil des Ministres. Elle appartient également à chaque Chambre du Parlement sur vote à la majorité des deux tiers des membres.
(2) Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryemezwa ritowe ku bwiganze bwa bitatu bya kane by'amajwi y'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.	(2) The revision of the Constitution requires a three-quarters majority vote of the members of each Chamber of Parliament.	(2) La révision de la Constitution n'est acquise que par un vote à la majorité des trois quarts des membres qui composent chaque Chambre du Parlement.
(3) Icyakora, iyo ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryerekeye manda ya Perezida wa Repubulika, ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo binyuranye cyangwa ubwoko bw'ubutegetsi buteganyijwe n'iri Tegeko Nshinga, cyane cyane ku butegetsi bwa Leta bushingiye kuri Repubulika n'ubusugire bw'Ighugu, iryo vugururwa ryemezwa na referendumu, rimaze gutorwa na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.	(3) However, if the revision of the Constitution concerns the term of office of the President of the Republic or the system of democratic Government based on political pluralism or the political regime established by this Constitution, especially the republican form of Government and national sovereignty, the revision is passed by referendum, after adoption by each Chamber of Parliament.	(3) Toutefois, lorsque la révision porte sur le mandat du Président de la République, sur la démocratie pluraliste ou sur la nature du régime politique, notamment la forme républicaine de l'État et l'intégrité du territoire national, cette révision est approuvée par référendum, après son adoption par chaque Chambre du Parlement.
(4) Nta mushinga w'ivugururwa ry'inyi ngingo ushobora kwakirwa.	(4) No proposal of revision to this Article is permitted.	(4) Aucun projet de révision du présent article ne peut être recevable.

<b><u>Ingingo ya 176: Gutangira gukurikizwa</u></b>	<b><u>Article 176: Entry into force</u></b>	<b><u>Article 176: Entrée en vigueur</u></b>
Iri Tegeko Nshinga rivuguruye ritangira gukurikizwa rimaze gushyirwaho umukono na Perezida wa Repubulika kandi rigatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This revised Constitution comes into force upon promulgation by the President of the Republic and its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente Constitution révisée entre en vigueur dès sa promulgation par le Président de la République et sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 04/08/2023

(Sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(Sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(Sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux